Imvaho Nshya

Soma Usobanukirwe Buri Munsi

No. 5176 UKWAKIRA 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw Ikiguzi: 1000 Frw



AMAKURU

Kugira imyitwarire myiza ni amahitamo, si ikintu umuntu ahatirwa – Perezida Kagame



5

AMAKURU

Ikoranabuhanga, amahirwe rukumbi y'imirimo y'ahazaza ku rubyiruko rw'u Rwanda



7

AMAKURU

MININFRA yagaragaje imishinga itanga icyizere cyo kongera amazi meza



16

MU NTARA

Ngoma: Ubuhinzi bakorera kuri hegitari 265 zuhirwa bwabahinduriye ubuzima



29

Abaturage bafitiye icyizere abayobozi b'inzego zibegereye batoye

ZIGAMA Theoneste

Amatora y'abayobozi b'Inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage yatangiye ku wa 24 Ukwakira 2026, ubwo hatorwaga abayobozi bo ku rwego rw'Umudugudu, amatora akaba akomeje kugeza ku wa 30 Ugushyingo 2026 ubwo hazaba hatorwa abagize Komite Nyobozi z'Inama z'Igihugu.

Abaturage bo mu Midugudu itandukanye bizeye ko abayobozi b'Inzego z'ibanze batoye bazabafasha gukemura ibibazo bibangamiye imibereho y'imiryango, birimo igwingira ry'abana, inda ziterwa abangavu n'abana bata ishuri.

Bavuze ko bizeye ko abayobozi batowe bazakomereza ku bikorwa byiza byagezweho, bakarushaho gushyira imbaraga mu gukemura ibibazo bikigaragara mu baturage.

Nyirantagorama Pauline, utuye mu Mudugudu wa Rubumba, Akagari ka Ruyenzi, mu Murenge wa Runda, Akarere ka Kamonyi, avuga ko yizeye ko abayobozi batowe bazagira uruhare mu guhangana n'igwingira ry'abana no kugabanya umubare w'abana bata ishuri.

Ati: "Abaturage bitoreye abayobozi

KOMEZA KU RUP.3



Abaturage bitabiriye amatora ku bwinshi bafitiye icyizere abayobozi bishyiriyeho

Minisitiri w'Intebe yasabye amadini kongera imbaraga mu gutegura abagiye kurushinga

KAMALIZA Agnes

Minisitiri w'Intebe, Dr. Nsengiyumva Justin yasabye amadini n'amatorero kongera imbaraga mu bikorwa byo gutegura abagiye kubaka ingo mu rwego rwo kurushaho kubaka imiryango itekanye, kuko ibibazo byo mu miryango bidasenya imibereho n'ubukungu by'abayigize gusa ahubwo bisenya n'Igihugu.

Yabigarutseho ku Cyumweru, tariki ya 25 Ukwakira 2026, ubwo Itorero Angilikani mu Rwanda (EAR) ryimikaga Arikiyepisikopi wa gatanu akaba n'Umushumba Mukuru waryo, Musenyeri Dr. Gahima Manasseh, wasimbuye Musenyeri Dr. Laurent Mbanda, wari umaze imyaka 8 muri izo nshingano.

Minisitiri w'Intebe, Dr. Nsengiyumva yasabye amadini n'amatorero gukomeza gufatanya na Leta mu kubaka imiryango itekanye kandi ishoboye, ishingiye ku ndangagaciro za Kinyarwanda, kugira ngo Abanyarwanda barusheho kubaho neza

KOMEZA KU RUP.3

Iya 1 Ukwakira ibumbatiye amateka y'ubutwari

TWAGIRA Wilson

Tariki ya 1 Ukwakira burimwaka, uRwanda rwizihiza Umunsi wo gukunda Igihugu, akaba ari n'umunsi Abanyarwanda bazirikana by'umwihariko ubutwari, ubwitange, umurava, ishyaka, ubumwe, kwihangana, umurimo unoze, gufatanya, gukunda Igihugu, kureba kure, ubumuntu, kuba umunyakuri n'izindi ndangagaciro zaranze Abanyarwanda mu bihe bitandukanye.



Ikimenyetso cy'ingabo zahoze ari iza RPA cyigaragaza ubutwari zagize ku rugamba rwo kubohora Igihugu

Mu kiganiro na Imvaho Nshya, Dr. Ndahiro James umwe mu bagize uruhare mu rugamba rwo kubohora Igihugu imyaka 32 ishize avuga ko tariki ya mbere Ukwakira ibumbatiye amateka akomeye y'ubutwari asanga ari umwanya wo gusubiza amaso inyuma abantu bagasigasira indangagaciro z'ubutwari bwaranze abafashe iya mbere kuri iyo tariki ya mbere Ukwakira 1990, bagaharanira kubohora Igihugu cyabo nyuma y'igihe kinini barahejejwe hanze yacyo.

Ati: "Ni umunsi ukomeye wibutsa Abanyarwanda kurinda no gusigasira indangagaciro z'ubumwe bwacu, ubwitange budasanzwe, ndetse no gukora bimwe mu byatumye abantu bihangana mu bihe byari bigoye kugeza ubwo igihugu cyibonetse, rero iyi ntambwe nziza igana ku iterambere tugeze nk'Igihugu, ntabwo byikoze ahubwo byaturutse mu mbaraga z'abana b'Abanyarwanda bemeye gutanga ubuzima kandi icyo bari bagambiriye bakigeraho kuko bari bafatanyije batiganda".

Ku birebana n'amateka y'u Rwanda aganisha kuri iyi tariki ya 1 Ukwakira, Dr. Ndahiro avuga ko ari itariki yibutsa abantu urugamba rwo kubohora Igihugu rwatangiye tariki ya 1 Ukwakira 1990 rusozwa tariki ya 4 Nyakanga 1994, rukaba rwararanzwe n'indangagaciro zo 'gukunda Igihugu n'ubwitange' buhebuje zagaragajwe n'abagize uruhare muri urwo rugamba.

Urubyiruko rurasabwa kubumbatira Kirazira

Ati: "Abagize icyiciro cy'urubyiruko rwo muri iki gihe abenshi bakunze kwita GEN Z, bakwiye kubumbatira kirazira bakarebera ku ndangagaciro za bakuru babo, aho kugendana cyangwa gutwarwa n'iterambere byo bita ibigezweho, bishobora gutuma batakaza umuco wabo nk'Abanyarwanda, maze na bo bakajyana n'abakuru muri uwo mujyo."

Urwego rushinzwe intwari z'igihugu imidali n'impeta by'ishimwe CHENO, mu nyandiko rwageneye itangazamakuru kuri uwo munsi ivuga ko tariki ya 1 Ukwakira yemejwe ko ari umunsi wo gukunda Igihugu guhera mu mwaka wa 2001, aho abantu basabwa kwirinda za kirazira n'imico idahesha Umunyarwanda isura nziza. Umunsi nk'uyu twibutsa Abanyarwanda indangagaciro remezo enye zirimo gukunda Igihugu, kunga ubumwe, gukunda umurimo, no kuwunoza, kugira ubupfura n'izindi nkuko bikubiye mu nyandiko y'urwego rw'Igihugu rushinzwe intwari, imidari n'impeta by'ishimwe.

Mu Rwanda, umuco wo gukunda Igihugu ugaragara mu bihe bitandukanye by'amateka yarwo. Amateka ya kera yerekana ko Abanyarwanda bumvaga ko "U Rwanda rutera rudaterwa"; ibi bikaba byaragaragazaga icyizere bagiriraga ubushobozi n'ubutwari by'ingabo zabo, ndetse n'ubuyobozi bwabo.

Umuco wo gukunda Igihugu ugaragara nk'inkingi ya mwamba yakuye u Rwanda mu bihe bikomeye rwanyuzemo mu mateka yarwo, ukaba kandi umusingi ukomeye icyerekezo cy'u Rwanda cyubakiyeho.

Gukunda Igihugu ni imwe mu ndangagaciro itozwa Abanyarwanda mu itorero ikaba n'indangagaciro y'ingenzi mu biranga Intwari z'Igihugu, aho buri Munyarwanda asabwa guharanira kuba Intwari. Gukunda Igihugu ni indangagaciro igaragazwa n'ubwitange buhebuje, ubumwe, umurimo unoze mu bufatanye n'ubupfura biganisha ku butwari. Ubutwari bw'umwenegihugu bugaragarira mu mikorere, mu myitwarire no mu bikorwa byose akora bifitiye akamaro Igihugu.

Mbere y'umwaduko w'abakoloni, mu gihe cy'ubukoloni na nyuma yaho, igihe cyose u Rwanda rwagiye rufashwa, rukanatabarwa n'abana barwo babonaga ikibi bagahangara kukirwanya kandi bazi neza ko byabagiraho ingaruka, zirimo no kubura ubuzima bwabo; ariko kubera umuco wo gukunda Igihugu, Abanyarwanda b'intwari bitanze batizigama nubwo habaga ari mu bihe bikomeye.

Abanyarwanda bose bari bafite inshingano zo kurwanya umwanzi watera Igihugu, aho yaturuka hose ndetse bagafatanya no kugira uruhare mu kucyubaka. Iyo habaga intambara yo kurengera Igihugu cyangwa kucyagura, buri wese yabigiragamo uruhare bitewe n'ubushobozi bwe.

Buri Munyarwanda w'umugabo muri icyo gihe yagiraga umutwe w'ingabo abarizwamo. Ku nkiko z'u Rwanda, habaga imitwe y'ingabo irinda ubusugire bw'Igihugu. Abanyarwanda bemeraga ko bagomba kurinda ubusugire bw'Igihugu, ubusugire bw'ingoma, ubusugire bw'abagabo n'abagore n'ubusugire bw'inka (Ubukungu bw'icyo gihe); bisobanuye ubusugire bw'ubutaka n'ubwibiburiho; ubutegetsi bwabo n'ibiburanga, abaturage ndetse n'umutungo w'Igihugu.

Hibukijwe Indangagaciro yo gukunda Igihugu

Gukunda Igihugu ni indangagaciro ikomeye idatandukana n'ubwitange no gukora umurimo unoze kandi ufitiye Abanyarwanda bose akamaro.

Nubwo u Rwanda rwanyuze mu bihe bikomeye, ubutegetsi bubi bukagerageza guca intege umuco, indangagaciro yo gukunda Igihugu ntiyazimye.



Ku ya 1 Ukwakira 1990, urubyiruko rw'abana b'Abanyarwanda rwafashe intwaro baza kubohora Igihugu

Abaturage bafitiye icyizere abayobozi b'inzego zibegereye batoye

IBIKURIKIRA URUP.1

bashobotse kandi bashoboye. Urubyiruko, abagore n'abakuze bose barajijutse, tuzi neza abo dutoye bazadufasha kurwanya igwingira."

Muhawenimana Josiane, utuye mu Mudugudu w'Ubuhoro, Akagari ka Nyabisindu, Umurenge wa Kimironko, Akarere ka Gasabo na we yagize ati: "Turifuza ko abo twatoye badufasha guhangana n'ikibazo cy'ubushomeri ndetse bakanadukorera ubuvugizi ku nkunga bworohereza urubyiruko gutangiza ubucuruzi bucirirtse."

Nyiramajyambere Madeline watoreye mu Mudugudu wa Abeza, Akagari ka Nyabugogo, Umurenge wa Muhima mu Karere ka Nyarugenge, na we yabwiye itangazamakuru ko mu bibazo abayobozi b'Inzego z'ibanze bitoreye babafasha harimo gukemura ikibazo cy'cy'ihohoterwa rikorerwa mu muryango.

Ati: "Ihohoterwa rikorerwa mu ngo akenshi rihera ku makimbirane acirir-itse ariko ashobora gutuma abantu bagera n'aho kwicana igihe abaturanyi babo n'Inzego z'ibanze bananiwe gutabara bakanafasha gukemura ibibazo bihari."

Uwase Chanceline na we yishimiye kwitabira amatora, ati: "Ni byiza kwitorera abatuyobora. Ndabyishimiye, kuko ubu ngiye kujya menya uwo nagezaho ikibazo igihe cyose nkigize."

Abamaze gutorwa na bo bagaragaza ko kugirirwa icyizere ari umwenda bagomba kwishyura abaturage mu nzego zitandukanye kugira ngo bafatanye na bo gukemura ibibazo bibangamira imibereho yabo.

Uko amatora azakomeza mu buryo buziguye guhera ku Murenge

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ihamya ko nyuma yo gutora abagize Komite Nyobozi y'Umudugudu, Umujyanama uhagarariye Umudugudu mu Nama Njyanama y'Akagari, abakandida babiri b'abagore bazatoranywamo abahagararira abagore mu Nama Njyanama y'Akagari ku kigero cya 30%, ndetse n'abagize Komite Nyobozi z'Inama z'Abagore n'Urubyiruko ku rwego rw'Umudugudu, amatora akomeje ariko hejuru yo ku Kagari azakorwa mu buryo buziguye aho abarutage bazaba bahagarariwe n'abo batoye mu nzego zo hasi.

Ku wa 31 Ukwakira 2026, amatora azakomereza ku rwego rw'Akagari, hatorwe Umujyanama uhagarariye Akagari mu Nama Njyanama y'Umurenge, abajyanama b'abagore, abakandida bahagarariye abagore mu nzego zibishinzwe, abagize Komite Nyobozi z'Inama z'Igihugu ku rwego rw'Akagari, abahagarariye ibyiciro byihariye ndetse na Biro y'Inama Njyanama y'Akagari.

Ku wa 7 Ugushyingo 2026, hazatorwa abahagarariye ibyiciro byihariye, abagize Komite Nyobozi z'Inama z'Abagore, Urubyiruko n'Abafite Ubumuga ku rwego rw'Umurenge. Hazatorwa kandi Abajyanama b'abagore bangana na 30% by'abagize Inama Njyanama y'Umurenge, hamwe na Biro y'Inama Njyanama y'Umurenge.

Kuri iyo tariki kandi, hazatangira ibikorwa byo kwiyamamaza ku bakandida bahatanira imyanya mu Nama Njyanama z'Uturere. Ibyo bikorwa bizakomeza kugeza ku wa 21 Ugushyingo 2026, bivuze ko abaziyamamariza kuyobora Uturere bazamara iminsi 15 biyamamaza.



Abaturage bazindukiye kuri site z'itora ku wa 24 Ukwakira, batora abayobozi banyuranye ku rwego rw'Umudugudu

Ku wa 14 Ugushyingo 2026, hazatorwa abagize Komite Nyobozi z'Inama z'Abagore, Urubyiruko n'Abafite Ubumuga ku rwego rw'Uturere.

Ku wa 17 Ugushyingo 2026, hazatorwa abagore batanu bazaba bagize Inama Njyanama z'Uturere, mu rwego rwo kubahiriza ihame ry'uko abagore bagomba kugira nibura 30% by'imyanya muri izo nama.

Ku wa 21 Ugushyingo 2026, hazatorwa abajyanama umunani rusange bazaba bagize Inama Njyanama z'Uturere.

Ku wa 24 Ugushyingo 2026, hazatorwa abagize Biro y'Inama Njyanama y'Akarere n'abagize Komite Nyobozi y'Akarere.

Komite Nyobozi y'Akarere igizwe n'Umuyobozi w'Akarere n'Abayobozi b'Akarere bungirije babiri, umwe ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, undi ushinzwe Imibereho myiza y'Abaturage.

Ku wa 28 Ugushyingo 2026, hazatorwa Komite Nyobozi z'Inama z'Abagore n'Inama y'Abafite Ubumuga ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali. Ku wa 30 Ugushyingo 2026, hazatorwa abagize Komite Nyobozi z'Inama z'Igihugu.

Minisitiri w'Intebe yasabye amadini kongera imbaraga mu gutegura abagiye kurushinga

IBIKURIKIRA URUP.1

no kugira uruhare mu iterambere ry'Igihugu. Yagize ati: "Byagaragaye ko ibibazo bisenya imiryango yacu bidindiza ubukungu bw'ingo ndetse bikaba intandaro y'ibindi byaha n'amakimbirane."

Yavuze ko kubaka imiryango itekanye bisaba ubufatanye hagati ya Leta n'amadini n'amatorero, asaba abanyamadini kurushaho gutegura neza abagiye gushinga ingo, hanozwa ndetse hakanashyirwa imbaraga mu nyigisho bahabwa.

Yagize ati: "Twese twifuza kugira imiryango ikomeye kandi itekanye, aho abayigize barangwa n'indangagaciro nziza zibereye Umunyarwanda, kugira ngo Igihugu cyacu gikomeze gutera imbere. Turasaba amadini n'amatorero kunoza no kongera imbaraga mu bikorwa byo gutegura neza abagiye kubaka ingo bakurikije amategeko y'Igihugu cyacu."



Minisitiri w'Intebe yibukije amadini n'amatorero ko agomba gukaza inyigisho zinoza imibanire mu miryango

Minisitiri w'Intebe asabye ibi mu gihe hakomeje impungenge mu Banyarwanda kubera gatanya zikomeza kwiyongera, aho Raporo y'Urwego rw'Ubucamanza bw'u Rwanda yagaragaje ko imanza zijyanye no gutandukana kw'abashakanye mu nkiko zose zageze kuri 6 799, bikaba bigaragara ko ibi birego byikubye hafi 2,5 ugereranyije n'imanza zari mu nkiko mu mwaka wari wabanje.

Iyo Raporo kandi igaragaza ko mu mezi atandatu ya 2026 gusa, inkiko z'u Rwanda zakiriye imanza za gatanya 3 620, mu gihe Raporo yitwa Civil Registration and Vital Statistics y'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR) ya 2025, yagaragaje ko gatanya zanditswe mu irangamimerere mu 2025 zari 4 479, naho abahawe gatanya n'inkiko bakaniyandikisha mu irangamimerere mu 2025 bari ingo 2 629.

Mu bihe bitandukanye, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame yakunze gukebura abashaka gushinga ingo, abagira inama yo kurutegura aho kumara umwanya bategura ibirori kandi bakirinda gusesagura, bakubaka bashingiye ku rukundo, kujya inama ndetse no koroherana.

Kigali: Abaturage bishimiye kwitorera abayobozi b'Umudugudu



Amatora yabaye mu buryo butaziguye

ZIGAMA Theoneste

Abaturage bo mu bice bitandukanye by'Umujyi wa Kigali bitabiriye amatora y'Inzego z'ibanze yabaye ku wa 24 Ukwakira 2026, bavuga ko bishimiye kwihitiramo abayobozi bizeyeho kubageza ku iterambere no kubafasha gukemura ibibazo bahura na byo. Abatowe ni abagize Komite Nyobozi z'Umudugudu, Umujyanama uhagarariye Umudugudu mu Nama Njyanama y'Akagari, ndetse n'abandi bahagarariye ibyiciro bitandukanye by'abaturage.

Imvaho Nshya yasuye ibiro by'itora bitandukanye mu Mujyi wa Kigali, asanga abaturage bitabiriye amatora, bafashwa n'abakozi ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora (NEC) kubahiriza amabwiriza agenga itora. Nyuma yo gutora, amajwi yarabarurwaga, hagatoranywa abakandida bagize amajwi menshi mu myanya bahataniraga.

Abaturage bishimiye kwihitiramo abayobozi bababereye

Mbirije Pascal, utuye mu Mudugudu w'Urugwiro, yavuze ko yishimiye kugira uruhare mu gutora abayobozi yizeyeho kubageza ku iterambere. Yavuze ko yageze ku biro by'itora saa moya n'iminota 16, ashimishwa n'uko yakiriwe n'abakozi ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

Yagize ati: "Gutora ni byiza kuko dushobora kwihitiramo abayobozi batubereye. Icyo tubasaba ni ukutwegera, bakadutega amatwi kugira ngo tuganire ku bikorwa by'iterambere."

Hategekimana Cassim na we yavuze ko yitabiriye amatora agamije guhitamo abayobozi yizeyeho kumufasha kugera ku byo yifuza.

Ati: "Twitoreye abayobozi bacu kuko twizeye ko bazadufasha kugera ku byo twifuza. Umuntu natoye nabonaga ari umuntu mwiza no mu buzima busanzwe, kandi ndizera ko afite ubushake bwo kutugeza ku iterambere. Twageze ku biro by'itora baratwakira, kandi abakozi bashinzwe amatora badufashije gutora neza."

Yashishikarije abandi baturage gushishoza mu gihe bahitamo abayobozi, bagatora abo babona ko bashoboye, kandi bagakomeza kubagezaho ibitekerezo byubaka.

Urubyiruko na rwo rwitabiriye amatora

Urubyiruko rwitabiriye amatora ku biro bitandukanye mu Mujyi wa Kigali, ruvuga ko gutora abayobozi b'Umudugudu ari ingenzi kuko bibafasha kubamenya, bityo igihe bafite ibibazo bakeneye ko bikemurwa bakabagana.

Nsengiyukuri Daria yavuze ko yitabiriye amatora kugira ngo amenye abayobozi bazajya bamufasha igihe ahuye n'ikibazo. Ati: "Twaje gutora kugira ngo tumenye abayobozi bacu, ku buryo igihe tugize ikibazo, tumenya uwo twagana kugira ngo adufashe kugikemura."

Yashimangiye ko kwihitiramo abayobozi ari ingenzi kuko bituma abaturage bagira uruhare mu guhitamo abantu babona ko bashoboye kubahagararira.

Uwase Chanceline na we yavuze ko yishimiye kwitabira amatora, ashimangira ko ari uburyo bwiza bwo kumenya abayobozi no kumenya abo yagezaho ibibazo bye. Ati: "Ni byiza kwitorera abatuyobora. Ndabyishimiye, kuko ubu ngiye kujya menya uwo nagezaho ikibazo igihe cyose nkigize."

Ingengabihe y'amatora y'Inzego z'ibanze

Amatora y'inzego z'ibanze azakomereza ku nzego zitandukanye, kuva ku Mudugudu kugera ku Karere, ndetse no ku bahagarariye ibyiciro byihariye by'abaturage, birimo abagore, urubyiruko n'abafite ubumuga, kugeza ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali no ku Nzego z'Igihugu.

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora (NEC) igaragaza ko amatora yatangiriye ku rwego rw'Umudugudu ku wa 24 Ukwakira 2026, akazakomereza ku Kagari, ku Murenge no ku Karere, hakurikijwe ingengabihe yateganyijwe.

Kuri uyu wa 24 Ukwakira 2026, hatowe abagize Komite Nyobozi y'Umudugudu, Umujyanama uhagarariye Umudugudu mu Nama Njyanama y'Akagari, abakandida babiri b'abagore bazatoranywamo abahagararira abagore mu Nama Njyanama y'Akagari ku kigero cya 30%, ndetse n'abagize Komite Nyobozi z'Inama z'Abagore n'Urubyiruko ku rwego rw'Umudugudu.

Ku wa 31 Ukwakira 2026, amatora azakomereza ku rwego rw'Akagari, hatorwe Umujyanama uhagarariye Akagari mu Nama Njyanama y'Umurenge, abajyanama b'abagore, abakandida bahagarariye abagore mu nzego zibishinzwe, abagize Komite Nyobozi z'Inama z'Igihugu ku rwego rw'Akagari, abahagarariye ibyiciro byihariye ndetse na Biro y'Inama Njyanama y'Akagari.

Ku wa 7 Ugushyingo 2026, hazatorwa abahagarariye ibyiciro byihariye, abagize Komite Nyobozi z'Inama z'Abagore, Urubyiruko n'Abafite Ubumuga ku rwego rw'Umurenge. Hazatorwa kandi abajyanama b'abagore bangana na 30% by'abagize Inama Njyanama y'Umurenge, hamwe na Biro y'Inama Njyanama y'Umurenge.

Kuri iyo tariki kandi, hazatangira ibikorwa byo kwiyamamaza ku bakandida bahatanira imyanya mu Nama Njyanama z'Uturere. Ibyo bikorwa bizakomeza kugeza ku wa 21 Ugushyingo 2026, bivuze ko abaziyamamariza kuyobora uturere bazamara iminsi 15 biyamamaza.

Ku wa 14 Ugushyingo 2026, hazatorwa abagize Komite Nyobozi z'Inama z'Abagore, Urubyiruko n'Abafite Ubumuga ku rwego rw'Uturere.

Ku wa 17 Ugushyingo 2026, hazatorwa abagore batanu bazaba bagize Inama Njyanama z'Uturere, mu rwego rwo kubahiriza ihame ry'uko abagore bagomba kugira nibura 30% by'imyanya muri izo nama.

Ku wa 21 Ugushyingo 2026, hazatorwa abajyanama umunani rusange bazaba bagize Inama Njyanama z'Uturere.

Ku wa 24 Ugushyingo 2026, hazatorwa abagize Biro y'Inama Njyanama y'Akarere n'abagize Komite Nyobozi y'Akarere.

Komite Nyobozi y'Akarere igizwe n'Umuyobozi w'Akarere n'Abayobozi b'Akarere bungirije babiri, umwe ushinzwe iterambere ry'ubukungu, undi ushinzwe imibereho myiza y'abaturage.

Ku wa 28 Ugushyingo 2026, hazatorwa Komite Nyobozi z'Inama z'Abagore n'Inama y'Abafite Ubumuga ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali.

Ku wa 30 Ugushyingo 2026, hazatorwa abagize Komite Nyobozi z'Inama z'Igihugu.

NEC igaragaza ko inzego z'Inama z'Igihugu zizaba zuzuye ku wa 15 Ukuboza 2026, mu gihe raporo rusange y'amatora igomba gutangwa bitarenze ku wa 30 Ukuboza 2026.

Abazatorerwa izi nshingano mu nzego z'ibanze bazagira manda y'imyaka itanu, ishobora kongerwa inshuro imwe binyuze mu yandi matora.

Kugira imyitwarire myiza ni amahitamo, si ikintu umuntu ahatirwa – Perezida Kagame



Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame yabwiye urubyiruko ko kugira imyitwarire myiza ari amahitamo

ZIGAMA Theoneste

Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul Kagame, yasabye urubyiruko kumenya gutandukanya ibyiza n'ibibi no guhitamo imyitwarire ibafasha kwiyubaka, agaragaza ko kugira ikinyabupfura no kwirinda ibyangiza ubuzima ari amahitamo ya buri muntu.

Umukuru w'Igihugu yabigarutseho ku itariki ya 21 Ukwakira 2026 mu kiganiro yagiranye n'urubyiruko #MeetThePresident cyitabiriwe n'abasaga ibihumbi 10, baturutse hirya no hino mu gihugu. Umukuru w'Igihugu yasobanuriye urwo rubyiruko ko mu guhitamo uko rwitwara, rukwiye kureba ibikorwa rugiyemo n'icyo rushaka kugeraho mu buzima, aho gukurikira ibyo abandi bakora byose.

Yavuze ko urubyiruko rukwiye kwihatira kugira imyitwarire myiza, rukirinda guta igihe kandi rugaharanira kumenya icyiza rukagikora, rukirinda ikibi. Yagize ati: "Wige ukore ndetse ushakishe kumenya, ikizima ni ikihe? Ikizima ukagikora ikitari kizima ukakirinda. Ibyo bishaka ikinyabupfura ukifata neza."

Yashimangiye ko iyo myitwarire ikwiye kuranga umuntu igihe cyose, kuko imyaka y'ubuto ari igihe gikomeye mu kubaka ejo hazaza he. Perezida Kagame yabwiye urubyiruko ati: "Iyi myaka tuvuga murimo ni ho umuntu ahindukira akazayirangiza, ari muzima cyangwa byanze. Harimo kwihuta cyane kw'ibintu bijyana n'ubuzima bw'umuntu bijyana no kwihuta cyangwa kwangirika. Ariko ntabwo birarangira, iyo wasanze hari ibyo watakaje mu myaka runaka, aho uzakangukira jya umenya ko hakiri igihe cyo kugira ngo ubihindure ukagira ubuzima bwiza".

Yavuze ko nubwo hari abatekereza ko amazi aba yarenze inkombe, bishoboka ko ibintu byahinduka, asaba urubyiruko kudacika intege kubera amakosa cyangwa ibibazo rwaba rwaranyuzemo.

Ati: "Ntabwo ugomba guhora ubaza ngo icyo abantu bavuga ko ari kizima ni ikihe nakurikiza? Jya wiheraho ntabwo ugomba kurebera ku bandi ngo abandi bakise kizima ngomba kukigeraho ni cyo kizima".

Perezida Kagame yavuze ko urubyiruko rushobora kugira abantu rufataho icyitegerezo cyangwa rwigiraho, ariko ko rukwiye no gutekereza ku mahitamo arubereye. Ati: "Ugomba guhitamo ikizima iyo bihuye n'iby'abandi ubwo bifite akarusho".

Yashimangiye ko nta muntu ushobora guhatira undi kugira ikinyabupfura, kuko bisaba ko buri wese abyiyemeza. Ati: "Nta muntu waguhatiriza kugira ikinyabupfura, ariko ushobora kwigira ku bantu kugira ikinyabupfura".

Ku bijyanye no kwirinda inzoga n'ibiyobyabwenge, Perezida Kagame yavuze ko nubwo Guverinoma ikomeje gushyiraho ingamba zo gukangurira urubyiruko kwirinda ibyo byangiza ubuzima, amahitamo ya buri muntu ari ingenzi kugira ngo abireke burundu.

Yavuze ko kumenya ingaruka z'ibyo bikorwa no kuzirikana ibibazo byateje abandi bishobora gufasha umuntu guhindura imyitwarire.

Ati: "Nubwo twakwereka ibibi n'ingaruka zabyo, abo byagiriye nabi, ibyo iyo bihuje nawe uko utekereza ni byo bishobora gufasha kuguhindura kuba muzima. Ariko abenshi ni yo wamufata ukamushyira mu Igororero cyangwa ukamukubita iminyafu bitaguturutsemo wahora ukubitwa cyangwa ugahora ufungwa."

Umucamanza uca urubanza nabi ateza ibibazo aho kubikemura – Mukantaganzwa

ZIGAMA Theoneste

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza, Mukantaganzwa Domitilla, yagaragaje ko ibyemezo bidafashwe neza n'abacamanza bishobora guteza ibibazo aho kubikemura, bigatuma imanza ziyongera mu nkiko. Yabigarutseho ku itariki ya 15 Ukwakira 2026, ubwo yayoboraga umuhango wo kurahiza abacamanza barindwi n'abanditsi b'inkiko umunani bahawe inshingano nshya.

Mukantaganzwa yibukije abarahiriye inshingano nshya ko bagomba kurangwa n'ubunyangamugayo no gukorera mu mucyo, abibutsa ko bamwe mu bakozi b'urwego rw'ubucamanza bamaze gusezererwa kubera imyitwarire idahwitse n'imikorere mibi, birimo ruswa n'icyenewabo.

Yasabye abacamanza n'abanditsi b'inkiko kurangwa n'imico myiza, kwirinda ruswa n'icyenewabo, gukorana neza n'abandi no kwakira neza abaturage, birinda kubasiragiza no kubasaba ibitari ngombwa.

Yagize ati: "Mwe mumaze kurahira muri mu rukiko rw'ibanze, urwo rukiko ni urufatiro rw'urwego rw'ubutabera. Izindi nkiko, rwaba Urukiko Rwisumbuye, Urukuru, Urw'Ubujurire ndetse n'Urukiko rw'Ikirenga, twese aho ni ho dufatiye. Ubu butabera buhabwa Abanyarwanda, aho ni ho bushingira, kuko ni urukiko rukemura ibibazo byinshi by'abaturage."

Mukantaganzwa yabwiye abacamanza n'abanditsi b'inkiko ko abakora akazi kabo mu bunyangamugayo no mu mucyo bashobora kuzagirira akamaro urwego rw'ubucamanza, ndetse bakazahabwa izindi nshingano mu nkiko zisumbuyeho.

Yavuze ko abinjira bashya mu mwuga w'ubucamanza basanga abandi basanzwe bawukora, bityo bakwiye kwimakaza imikoranire myiza, kungurana ibitekerezo no kugirana inama kugira ngo barusheho kunoza akazi.

Mukantaganzwa yagaragaje ko akazi k'ubucamanza ari keza, ariko gasaba ubunyangamugayo, ubupfura no kugira ubushishozi mu gufata ibyemezo. Yaburiye abacamanza ko kutarangwa n'iyo mico bishobora gutuma bafata ibyemezo bidakwiye, bikagira ingaruka ku butabera.

Yagize ati: "Ubundi akazi k'ubucamanza ni keza iyo ugakoranye ubunyangamugayo n'ubupfura iyo udakoze neza uteza ibibazo aho kubikemura. Buriya umuntu ari butsindwe urubanza n'ubundi aza abizi ko ari burutsindwe kandi aza kuko abizi neza ko hari ibyo afite ahubwo aba aje imbere yawe agutega imitego. Hari igihe rero uyigwamo ugakora ishyano hagatsinda utagombaga gutsinda aho havamo ibibazo bikavamo imanza zijya mu nkiko zose zigahera mu rw'Ibanze zikagera mu rw'Ikirenga [.....] Ahubwo aba aje kugutega imitego gusa".

Yavuze ko gutanga serivisi nziza birimo guca imanza nziza

Ati: "Mugiye gukoreramo ntituzumve ko Umunyarwanda ahaza saa kumi n'ebyiri za mu gitondo ngo atahe saa kumi n'imwe n'urubanza rwe rutanarangiye. Ahangaha ndabwira cyane cyane abaperezida n'abanditsi b'inkiko iyo dukora gahunda y'iburanisha tujye tuyikora ku buryo abo twahamagaye kuburanisha koko baburana."

Yavuze ko gusigaragiza abantu baje kuburana bagenda bagaruka ari imikorere mibi bagomba kwirinda. Yasobanuye ko amakosa nk'ayo ashobora guteza ibibazo igihugu, agatuma havuka imanza nyinshi zishobora kugera no mu Rukiko rw'Ikirenga, bityo umutwaro w'inkiko ukarushaho kwiyongera.

Yasabye abacamanza n'abanditsi b'inkiko kwakira neza abaturage bazigana, kubaha serivisi inoze kandi ku gihe no kuzuza inshingano zabo bazirikana ko ubutabera ari ingenzi mu gukemura ibibazo by'abaturage.



Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga Mukantaganzwa Domitilla

Minisitiri Nsengimana yabwiye abarangije muri UR ko ubumenyi bahawe ari ishoramari ry'Igihugu

HITIMANA Servand

Minisitiri w'Uburezi, Joseph Nsengimana, yasabye abarangije amasomo muri Kaminuza y'u Rwanda (UR) gukoresha ubumenyi n'ubushobozi bungutse mu guhindura imibereho y'abaturage no guteza imbere Igihugu, abibutsa ko ibyo bize atari inyungu kuri bo gusa, ahubwo ko ari n'ishoramari ryacyo.



Minisitiri Nsengimana Joseph yibukije abarangije amasomo ko ari ishoramari kuri bo no ku gihugu

Ibi yabigarutseho ku wa Gatanu tariki ya 23 Ukwakira 2026, mu muhango wo gutanga impamyabumenyi ku banyeshuri barangije amasomo muri kaminuza y'u Rwanda, ishami rya Rukara, rihereye mu Karere ka Kayonza, mu Ntara y'Iburasirazuba.

Minisitiri Nsengimana yasabye abarangije amasomo kuba umusemburo w'impinduka nziza, bakazirikana ko ubumenyi bahawe bugomba kugira uruhare mu gukemura ibibazo bihari no kuzamura imibereho y'abaturage.

Yagize ati: "Uyu munsi murishimira ko murangije amasomo, mukaba mwarungutse ubumenyi butandukanye. Intsinzi yanyu n'ibyo mugezeho ni inyungu kuri mwe, ariko ni n'igishoro ku gihugu.

Muharanire gukora mugaragaza impinduka n'umwihariko, kugira ngo mutange umusanzu mu kubaka imibereho myiza y'abaturage no guteza imbere Igihugu muri rusange."

Yakomeje abasaba guhanga udushya, kwimenyereza gukoresha ikoranabuhanga no kwakira impinduka ziri kuba mu mikorere no mu myitwarire, kugira ngo ubumenyi bafite bubafashe gutanga ibisubizo ku bibazo byugarije sosiyete.

Yagaragaje ko uko buri wese agera ku musaruro ushimishije mu byo akora, ari na ko aho akorera hagira uruhare mu mpinduka, ndetse hakaboneka n'andi mahirwe y'akazi binyuze mu bikorwa bishya no kwihangira imirimo.

Abarangije biyemeje gushyira mu bikorwa ibyo bize

Shema Brave Bright, umwe mu bahawe impamyabumenyi, yavuze ko biteguye gushyira mu bikorwa ubumenyi bungutse, bakagira uruhare mu iterambere ry'Igihugu. Yasabye bagenzi be kudahera ku nzozi, ahubwo bagatangira kuzishyira mu bikorwa.

Yagize ati: "Uyu munsi dusoje kwiga, ejo ni ugutangira gushyira mu bikorwa ibyo twize. Turiteguye, kandi nta kuzarira tugiye gutanga umusanzu wacu mu bikorwa bitandukanye, birimo gutanga serivisi ku baturage no kwihangira imirimo. Turabasezeranya gukorana ubwitange tugamije kugera ku ntsinzi, kwigira no guteza imbere igihugu cyacu."

Shema yashimiye ababyeyi, amashuri bize n'abandi bose bagize uruhare mu rugendo rwabo rw'amasomo, agaragaza ko intambwe bagezeho ari umusaruro w'ubufatanye n'ubwitange bw'ababafashije.

Yagize ati: "Turashimira cyane ababyeyi badufashe akaboko tukagera aho tugeze. Turabasezeranya gukorana ubwitange tugamije kugera ku ntsinzi, kwigira no guteza imbere igihugu cyacu."

Turabafata nk'inkingi zacu zadufashije kubungabunga ubuzima no kugera kuri iyi ntego.

Turashimira kandi kaminuza yaharaniye ko twiga neza, haba ku ruhare rw'ubuyobozi ndetse n'umuhate w'abarimu batwigishije."

Mukamana Eugenie, warangije icyiciro cya kabiri cya kaminuza, yavuze ko kurangiza amasomo ari indi ntambwe mu buzima bwe, kandi ko afite ingamba zo kubyaza umusaruro ubumenyi n'ubushobozi bungutse.

Yagaragaje ko bazaharanira kurangwa n'indangagaciro zirimo ubupfura n'ubunyangamugayo mu mirimo bazakora, anashimangira ko abagore n'abakobwa na bo bafite ubushobozi bwo kugira uruhare rukomeye mu iterambere ry'igihugu.

Yagize ati: "Uyu munsi nteye indi ntambwe yo kwishimira. Mfite ingamba zo kubyaza umusaruro ubushobozi dukuye mu mashuri yacu. Tuzaharanira kurangwa n'ubupfura n'ubunyangamugayo mu byo tuzakora. Abakobwa n'abagore na twe uyu ni umwanya wo kugaragaza ubushobozi bwacu, dufite bakuru bacu batubanjirije mu nshingano batugaragarije ko dushoboye. Turasabwa gufatanya na basaza bacu kwiyubakira u Rwanda."

Uwo muhango wabereye ku Ishuri rya Rukara College, kaminuza y'u Rwanda yahaga impamyabumenyi abanyeshuri 4 953, barimo abagabo 3 036 n'abagore 1917.

Muri bo, ab'igitsina gore bari 38,7% by'abarangije, mu gihe ab'igitsina gabo bari 61,3%.



Abahawe impamyabumenyi biyemeje gukorera Igihugu batiganda

Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

Ijambo ry'Ibanze

Ahazaza h'urubyiru ko hashingiye ku mahitamo meza

Amahitamo ya muntu amuganisha ku cyerekezo runaka, iyo ya mahitamo ya buri munsi ahuriye hamwe nyuma y'igihe ni yo ashobora gusobanura imbumbe y'ubuzima abayemo uyu munsi. Biragoye ko umuntu yakwijandika mu myitwarire mibi, ngo azabone umusaruro mwiza mu myaka izaza nyuma, ahubwo amara ikindi gihe kinini ahanganye n'ingaruka z'ibyemezo bibi yafashe mbere.

Kugira imyitwarire myiza ntibisaba ko umuntu aba atunganye muri byose, ahubwo bisaba guhora yiteguye kwiga, gusuzuma ibyemezo afata no guhindura ibitagenda neza. Inama z'abandi ni ingenzi, uburere ni ingenzi, amategeko ni ingenzi, ariko byose bigira umumaro urambye iyo umuntu ubwe yemeye kubigenderaho.

Mu mpera z'Ukwezi k'Ukwakira Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame yagiranye ibiganiro n'urubyiruko byibanze ku kubahugura no kubaha impanuro mu nzego zitandukanye, zirimo no kubibutsa ko imyitwarire yabo y'uyu munsi ifite uruhare rukomeye ku hazaza habo.

Yabibukije ko badakwiye kugendera ku byo abandi babona ko ari byiza, cyane ko buri muntu muzima wese afite ubushobozi bwo gutandukanya icyatsi n'ururo. Buri wese afite ubushobozi bwo kwibaza ati: "Ese ibyo nkora uyu munsi birimo kumfasha kugera ku byo nifuza kuzageraho mu gihe kizaza, cyangwa birimo kunsubiza inyuma?"

Igisubizo ntigikwiye kugarukira mu magambo gusa, ahubwo gikwiye kugaragarira mu bikorwa kuko imyitwarire myiza itagaragazwa n'ibyo umuntu avuga ko yemera, ahubwo igaragarira mu mahitamo akora, mu buryo afata abandi no mu buryo yuzuza nshingano.

Muri macye, umuntu ashobora kugirwa inama, akigishwa kandi agafashwa, ariko icyemezo cyo guhinduka gitangirira muri we. Ikindi gikwiye kumvikana ni uko umuntu ashobora kugira imyitwarire mibi, agafata ibyemezo bitamufitiye akamaro cyangwa akagera aho abona ko yataye icyerekezo. Icyo gihe ntakwiye kwiyumvisha ko nta mahirwe yo guhinduka agifite.

Ku rubyiruko by'umwihariko, igihe ubonye ko icyerekezo urimo ari kibi hakiri kare uba wongera amahirwe yo gufata icyerekezo gishya cy'ubuzima wifuza kugeraho kandi bisaba kwiyemeza kwishyura ikiguzi cy'amakosa n'ibyemezo bibi wafashe mbere.

Ubwanditsi

Ikoranabuhanga, amahirwe rukumbi y'imirimo y'ahazaza ku rubyiruko rw'u Rwanda



Ingabire M. Paula, Minisitiri w'Ikoranabuhanga no Guhanga Ibishya

NTAWIITONDA Jean Claude

Uko imyaka ishira indi igataha ni ko imibereho y'abatuye Isi ihindagurika, ku buryo bibasaba guhora biteguye kujyana n'ibigezweho kugira ngo babashe kwibona mu dushya n'ibindi bigerwaho kubera ikoranabuhanga rigenda ritera imbere.

Abari ku isoko ry'umurimo mu Rwanda baburirwa ko mu myaka iri imbere amahirwe yo kubona imirimo atazashingira ku bumenyi busanzwe umuntu afite mu rwego runaka gusa, ahubwo azaba asabwa n'ubushobozi bwo gukoresha ikoranabuhanga rigezweho mu kunoza umurimo kandi akaba yiteguye guhora yihugura kugira ngo ajyanye n'ibikenewe.

Ingabire M. Paula, Minisitiri w'Ikoranabuhanga no Guhanga Ibishya, yavuze ko mu myaka 10 iri imbere inzego zose z'imibereho zizaba zishingiye ku ikoranabuhanga, aho n'imirimo myinshi izaba ihangwa ari ho izaba ishingiye, ku buryo uzaba atihugura bizamugora kwisanga ku isoko ry'umurimo.

Mu Kiganiro yagejeje ku rubyiruko rusaga 10 000 rwitabiriye Gahunda yo guhura na Perezida wa Repubulika (Meet the President), Minisitiri Ingabire yagaragarije urubyiruko ko icyerekezo cy'u Rwanda gikubiye mu guharanira kongera umusaruro mu nzego zose, kwagura amasoko no gukoresha wa musaruro mu kongera imirimo iteza benshi imbere.

Yagaragaje ko ikoranabuhanga ari urufunguzo rwo kugera kuri icyo cyerekezo, ndetse by'umwihariko ko imirimo izahangwa yose izaba ishingiye kuri iryo koranabuhanga.

Yagize ati: "Isoko ry'umurimo uyu munsi, usanga miliyoni zigera kuri ebyiri z'Abanyarwanda bari mu buhinzi, abarengaho gatoya ku bihumbi 700 bari mu by'ubucuruzi. Noneho warebera no mu zindi serivisi zitandukanye ugasanga barakabakaba igice cya miliyoni. Ariko iyo ureba inyigo zitandukanye zakozwe, zitugaragariza ko ari serivisi z'ubuhinzi, serivisi z'ubwikorezi bw'ibintu n'abantu, serivisi zijyanye n'ubucuruzi bushingiye ku buhinzi, aho ni ho tuzabona imirimo; yaba ari mu myaka itanu iri imbere, imyaka 10 iri imbere ariko bijyanye n'ikoranabuhanga. Turi mu Isi igenda ihindagurika nk'uko bagenda babivuga, ihindagurika kubera ikoranabuhanga, hari imirimo izaremwa bitewe n'iri koranabuhanga. Ese twiteguye gute kugira ngo iyo mirimo tubashe kuba twayijyamo tukarikoresha?"

Yasabye urubyiruko gutekereza ku buryo bakwihuza n'Isi ihindagurika binyuze mu guhora bihugurira gukoresha ikoranabuhanga kuko akazi kari mu gihe kizaza kazaba gasaba gusa kujyana n'ibikenewe ku isoko ry'umurimo.

Ati: "Ibyo rero ni byo tubonamo amahirwe dufite nk'urubyiruko ruri ahangaha; icya mbere kwiga ni uguhozaho. Hari ibyo twiga mu ishuri tukarangiza, ngira ngo imibare yagiye itwereka ko umwe mu bantu bane b'urubyiruko ruri hagati y'imyaka 16 na 30 batari no mu ishuri, abo ayo mahirwe abageraho gute?"

Yavuze ko kwihugura ku ikoranabuhanga bidasaba kujya mu ishuri ahubwo igikenerwa ari ukurihugukira no kurikoresha mu kwiyongerera ubumenyi ku byo ubasha gukora ibyo uzobereyemo ariko ukabijyanisha n'ikoranbuhanga rigezweho.

Ati: "…N'ibyo mukora waba uri mu buhinzi, waba uri mu bwikorezi, waba uri mu bucuruzi, waba uri muri serivisi z'ubuzima witeguye gute aho izo nzego murimo zizaba zikoresha ikoranabuhanga kurushaho ku buryo ka kazi abantu batinya ko bazabura kubera ko ikoranabuhanga ryaje, usanga mufite bwa bumenyi na bwa bushobozi bwo gukoresha izo serivisi? Ibyo rero ntibibasaba gusubira mu mashuri, birasaba ko muhora mwihugura. Nk'uko nabivuze ubu dufite amahirwe kuri murandasi, ahantu hose ushobora kugenda ukiyigisha, ukihugura mu byo uzi, ukongeraho na bwa bumenyi bujyanye n'ikoranabuhanga."

Yavuze ko gukoresha ikoranabuhanga nanone bigomba kujyana no gusigasira indagangagaciro nyarwanda, abakoresha imbuga nkoranyambaga na bo bakaba ari inyangamugayo kandi bazira amakemwa mu byo bahakorera nk'uko babaho no mu buzima busanzwe.

Avuga ko ibyo umuntu akorera kuri murandasi byose aba yubaka igitabo cy'amateka ye (profile) gishobora gusubirwamo n'abatanga akazi mu gihe kizaza, rimwe bikaba byamubera amahirwe yo kubona akazi cyangwa ibyago byo kukabura.

Yasabye urubyiruko kandi kudakurwa umutima n'abatanga ibyiza bageraho gusa, bakibwira ko basigaye inyuma kandi ibyo berekwa ku mbuga nkoranyambaga ari agace gato k'ubuzima bwagutse busaba ibitambo n'amahitamo anyuranye.

RGS: Umutekano waje ku isonga, imitangire ya serivisi isubira inyuma

SHEMA Ivan

Ubushakashatsi ngarukamwaka bwa 13 bw'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere RGB buzwi nka Rwanda Governance Scorecard (RGS) bwagaragaje ko Inkingi y'Umutekano n'ituze ry'abaturage byongeye kuza ku isonga mu byishimirwa n'abaturage n'amanota 90,15%, ivuye kuri 90,02% yari ifite mu bushakashatsi buheruka bwatangajwe mu mwaka ushize.

Ni ubushakashatsi bwatangiye gukorwa guhera mu 2011, bugamije kugaragaza ishusho y'uko imiyoborere ihagaze mu byiciro bitandukanye no kugaragaza ingamba zikwiye mu gushyiraho na politiki mu nzego zitandukanye z'igihugu.

Mu nkingi umunani zirebwaho iyo hakorwa ubu bushakashatsi, iyaje ku mwanya wa mbere ni umutekano n'ituze ry'abaturage byagize amanota 90,15%, ivuye kuri 90,02% yariho mu mwaka ushize wa 2025.

Nubwo umutekano ukomeje kuza imbere, raporo igaragaza ko amanota y'ikigero cy'umutekano w'abantu n'imitungo yagabanutseho 3,32 ugereranyije n'isuzuma ryabanje.

Mu mibare yihariye yakoreshejwe, abaturage 99% bagaragaje ko bafitiye icyizere Ingabo z'u Rwanda, 97,4% bagaragaza ko bafitiye icyizere Polisi y'Igihugu, mu gihe 97,7% bavuze ko banyuzwe n'umutekano w'igihugu.



Mu bipimo by'imiyoborere, bigaragaza uko abaturage bishimira ibikorwa, umutekano waje ku isonga

Inkingi y'iyubahirizwa ry'amategeko iri ku gipimo cya 85.47%, ivuye kuri 88.51% mu mwaka wabanje, uburenganzira mu bya Politiki n'ubwisanzure bw'abaturage bwaraganyutse cyane buva kuri 82,71% bwariho mwa mwaka ushize bugera kuri 81.56% muri uyu mwaka.

Inkingi ijyanye no kurwanya ruswa no gukorera mu mucyo yaje ku mwanya wa kabiri n'amanota 85,80% avuye kuri 84,67% mu mwaka ushize.

Inkingi y'imiyoborere abaturage bagizemo uruhare kandi idaheza cyaje ku mwanya wa kane n'amanota 84,72% ivuye kuri 86,31%.

Muri iyo nkingi, uruhare rw'abaturage mu miyoborere no kudaheza yaje ku mwanya wa kane n'amanota 84,72%, ivuye kuri 86,31%.

Icyiciro cy'uburenganzira bwa politiki n'ubwisanzure bw'abaturage cyaje ku mwanya wa gatanu n'amanota 81,56%, avuye kuri 82,71%.

Mu bipimo bine, uburenganzira n'ubwisanzure bishingiye kuri demokarasi byagize 85,01%, imikorere y'imitwe ya politiki igira 73,50%, kubona amakuru afitiye rubanda akamaro bigira 81,67%, naho iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu n'amasezerano mpuzamahanga y'ibanze rigira 86,06%.

Imitangire ya serivisi na yo yasubiye inyuma kuko yavuye kuri 71.73%yari iriho muri 2025 ikaba iri kuri 68, 48%.

Ibipimo bitanu bigize iki cyiciro byagaragaje ko serivisi zijyanye n'imiyoborere zigira amanota 76,95%, serivisi zijyanye n'iterambere ry'imibereho myiza zigira 66,93%, naho izijyanye n'iterambere ry'ubukungu zigira 59,70%.

Mu zindi serivisi zasuzumwe, abaturage banyuzwe n'iz'ubuhinzi bari 53,70%, izijyanye n'ubutaka, ibidukikije n'imiturire bari 50,90%, na ho abanyuzwe na serivisi z'ubuzima bari 63,90%.

Umuyobozi Mukuru w'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere, Dr. Doris Uwicyeza Picard, yagaragaje ko ubu bushakashatsi budakwiye gufatwa nk'inyandiko zikorwa zikabikwa, ahubwo bugomba gukoreshwa mu gufata ibyemezo.

Yagize ati: "Amakuru agomba kuba ishingiro ry'imiyoborere. Ibipimo nka Rwanda Governance Scorecard, Citizen Report Card ndetse na Chandler Governance Index ntabwo ari raporo zo gushyirwa ku gipangu gusa.

Iyo bihurijwe hamwe, bituma ibyemezo bifatwa bishingiye ku bimenyetso, bigafasha kunoza uburyo ibikorwa bikurikiranwa no kongera kubazwa inshingano. Bifasha kandi mu kugena ibyo Guverinoma ishyira imbere no mu igenamigambi ry'ingengo y'imari."

Inzoga tuzambure agaciro tugahe ibikwiriye - Minisitiri Dr. Nsanzimana

KAMALIZA Agnes

Minisitiri w'Ubuzima, Dr. Nsanzimana Sabin yasabye Abanyarwanda kwambura inzoga agaciro baziha kuko bigaragara ko bazishyize mu mwanya zidakwiriye ahubwo bakita ku bindi byakubaka ubwonko bwabo aho kubudindiza.

Yabigarutseho ku wa 21 Ukwakira 2026, mu gikorwa 'Youth Meet The President' cyahurije hamwe urubyiruko rugera ku bihumbi 10 na Perezida Paul Kagame, mu rwego rwo kuganira no kungurana ibitekerezo hagamijwe gushaka ibisubizo.

Minisitiri Dr. Nsanzimana Sabin yagaragaje ko ari ikibazo gikomeye kuba umuryango nyarwanda warahaye inzoga agaciro zidakwiriye ndetse bamwe mu rubyiruko bakumva ko kuzinywa ari ishema mu gihe abandi bumva ko hari ikindi kintu byabungura kandi mu by'ukuri ari ukubahombya gusa, asaba ko zakwamburwa agaciro zihabwa zitagakwiye.

Yagize ati: "Inzoga zahawe agaciro kadakwiriye mu muco wacu no mu muryango nyarwanda tugomba kuzambura ako gaciro tugaha agaciro ibikwiriye."

Minisitiri Dr. Nsanzimana yavuze ko nta kindi kintu kiba mu nzoga uretse kwangiza ubuzima bwabo, kubicira inzozi no kudindiza iterambere ry'Igihugu.

Yashimangiye ko umuntu iyo akimara gusoma ku nzoga bitwara amasegonda 50 gusa ngo zibe zageze mu bice byose by'umubiri, ndetse iyo zimaze kugera mu bwonko zibangamira itumanaho bigatuma umuntu akora ibidakorwa.

Ati: "Ibyemezo wari gufata uri muzima bigahinduka, utavugaga agasakuza, utarwanaga agatangira gukubita n'abamubyaye, umugore agakubita umugabo. Reka inzoga tuziteshe agaciro. Buri musinzi aho ari hose haba uwo mu cyaro uwo mu mujyi ako gaciro k'inzoga tuzikambure."

Minisitiri Dr. Nsanzimana yagiriye inama urubyiruko rwo kubaho rufite indoto, zikavamo intego na zo zikazavamo gahunda, ahamya kandi ko iyo ibyo bintu bibuze ntacyo umuntu ageraho.

Yabagaragarije ko kugira ngo bagirire Igihugu akamaro ari uko baba bafite ubwonko butekereza neza n'umubiri muzima, agira ati: "Iyo uri tayali mu bwonko no ku mubiri utera imbere, kandi Igihugu ni twese ntabwo Igihugu ari abayobozi, umubiri mwiza ni ukugirira Igihugu akamaro kandi kuwangiza ni ukwangiriza Igihugu."

Muri Kanama uyu mwaka, ni bwo Leta y'u Rwanda yafashe umwanzuro wo guca burundu inzoga z'ibyuma no gufunga inganda zirenga 250 zazengaga kubera kutuzuza ubuzirangenge no gukoresha uburozi zengwa.

Icyo gihe Minisiteri y'Ubuzima yagaragaje ko izo nzoga zishe abantu 50, zihumisha abasaga 100 mu gihe abo zagize imbata barenga ibihumbi 11.



Minisitiri w'Ubuzima, Dr. Nsanzimana Sabin yibukije ko inzoga zitagomba guhabwa agaciro zidafite

Impamvu abayobozi b'Akagari babaye 3 aho kuba 2



Utugari twahawe abayobozi batatu bavuye kuri babiri

ZIGAMA Theoneste

Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC) yatangaje ko imishahara yongerewe n'imyanya mishya y'akazi biri mu mavugurura yakozwe mu miterere y'imiyoborere y'Akagari, agamije guteza imbere imibereho myiza y'abakozi no kwihutisha itangwa rya serivisi ku baturage.

Abo bakozi ni Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari, Umukozi ushinzwe Iterambere ry'Imibereho y'Abaturage (HCSD), umwanya mushya washyizweho ni Umukozi ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, wahoze witwa Umukozi ushinzwe Iterambere ry'Imibereho Myiza n'Ubukungu (SEDO).

Mu Tugari turi mu Turere tw'Imijyi, uwo mwanya witwa uw'Umukozi ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu mu Mijyi.

Umuyobozi ushinzwe Ubugenzuzi bw'Inzego z'Ibanze muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Rushisha Charles, yasobanuye impamvu z'impinduka zakozwe mu miyoborere y'Akagari. Yagize ati: "Impinduka ziri gukorwa ku Kagari ziri mu buryo bubiri. Icya mbere zirimo gukorwa mu Turere 27, ntabwo ari Uturere 30 turimo n'Umujyi wa Kigali na byo igihe cyabyo kizagerwaho.

Yunzemo ati: "Mu Turere two mu cyaro tugabanyijemo ibice bibiri. Hari utwo twita utw'imijyi n'utuyunganira utwo ni 11".

Utwo Turere twunganira Kigali, harimo Bugesera, Muhanga na Rwamagana na two twashyizwemo abo bayobozi.

Hari kandi Uturere tw'Imijyi turimo Musanze, Nyagatare, Rubavu, Kirehe, Karongi, Rusizi, Kayonza, na Huye. Mu Turere tw'icyaro harimo Gatsibo, Burera, Gicumbi, Gakenke, Rulindo, Nyamagabe, Nyanza, Ruhango, Muhanga na Kamonyi.

Rushisha asobanura ko mu mpamvu zatumye habaho impinduka mu miyoborere y'Akagari harimo kuba abaturage bagatuye bariyongereye aho mu 2006 ubwo twashyirwagaho, hari gatuwe n'abagera ku 4 000 mu gihe kuri ubu babarirwa mu 7 100 mu gihe biteganyijwe ko mu 2035 bazaba bageze ku 8 100.

Ati: "Ni ugushaka uburyo babayobora kandi neza, binyuze muri za serivisi z'imibereho myiza n'ubukungu."

Gushaka no gushyira mu myanya abakozi bo ku rwego rw'Utugari birakomeje mu Turere

Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo yatangaje imyanya 2 274 igomba kuzuzwa, irimo 586 y'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Utugari, 931 y'Abakozi bashinzwe Iterambere ry'Ubukungu na 757 y'Abakozi bashinzwe Iterambere n'Imibereho y'Abaturage.

Umukozi ushinzwe Iterambere n'Imibereho y'Abaturage

Uyu mukozi uri ku rwego rw'akazi rwa 9.II ashinzwe gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda z'imibereho myiza y'abaturage, zigamije gukemura ibibazo byabo, harimo gukurikirana gahunda zigamije gukumira no kugabanya imirire mibi n'igwingira mu bana ku rwego rw'Akagari, na gahunda zigenewe urubyiruko, abagore n'abafite ubumuga.

Akora igenzura ry'ishyirwa mu bikorwa rya gahunda za siporo, guhanga udushya, gusuzuma no guteza imbere impano.

Mu rwego rw'uburezi, akurikirana gahunda zirebana n'uburezi, gusoma no kwandika ku bantu bakuru no gutanga ibiribwa by'abanyeshuri ku mashuri.

Yita ku bipimo by'ingenzi bigaragaza uko uburezi buhagaze mu Kagari, birimo abana bata ishuri, umubare w'abiyandikisha mu mashuri, abiga, abangavu baterwa inda n'uruhare rw'ababyeyi mu bikorwa by'amashuri.

Akora kandi igenzura ry'ingamba zigamije kurandura imyitwarire idahwitse mu rubyiruko n'abandi baturage bo mu Kagari.

Mu bijyanye n'ubuzima n'iterambere ry'abana bato, akurikirana gahunda zirebana n'ubuzima, isuku n'isukura, ishyirwa mu bikorwa rya gahunda z'ingo mbonezamikurire y'abana bato (ECD) mu Kagari.

Akusanya akanahuza amakuru yizewe ajyanye na gahunda zihariye z'imibereho myiza, ubuzima n'uburezi, akanategura raporo akoresheje uburyo n'ikoranabuhanga byabugenewe mu kubungabunga amakuru.

Mu bijyanye no gukangurira abaturage kwitabira gahunda, ategura ibikorwa byo kubakangurira kwita ku mibereho myiza, uburezi, ubuzima, uburenganzira bw'abana n'imirire myiza ku rwego rw'Akagari.

Afasha kandi kumenya abaturage bujuje ibisabwa kugira ngo bafashwe muri gahunda zo kurengera imibereho myiza, akifashisha ibikoresho byabugenewe n'urutonde rw'abaturage, hagamijwe kubafasha kwivana mu bukene mu buryo burambye.

Uyu mukozi ashyigikira kandi ishyirwa mu bikorwa rya gahunda z'iterambere ry'Akarere, zirimo Ingamba z'Iterambere ry'Akarere na Gahunda z'Ibikorwa by'Umwaka, mu bijyanye n'iterambere ry'abaturage n'imari ya muntu mu Kagari.

Mu byangombwa bisabwa ku bashaka uyu mwanya harimo impamyabumenyi y'icyiciro cya mbere cya kaminuza (A0), impamyabumenyi y'icyiciro cy'amashuri makuru yihariye (Advanced Diploma) cyangwa impamyabumenyi ya A1.

Umukozi ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu

Uyu mukozi ashinzwe gushyira mu bikorwa gahunda zijyanye n'ubuhinzi n'umutungo kamere, imiturire, ibikorwa remezo, guhangana n'ibiza no guteza imbere ibikorwa by'ubukungu ku rwego rw'Akagari.

Akusanya kandi agatanga amakuru y'ibanze ku bukungu bw'Akagari, agaragaza ubushobozi gafite mu bikorwa by'ubukungu, anagenzura imikorere ya za koperative n'amatsinda yo kwizigama.

Ashishikariza urubyiruko, abagore n'itsinda ry'abaturage batishoboye kwihangira imirimo no guteza imbere ibikorwa by'ubucuruzi.

Akurikirana kandi akanashyigikira abakorera ibikorwa by'ubukungu mu gace k'Akagari, barimo imiryango itari iya Leta (NGOs), abikorera na koperative, hagamijwe kongera umusaruro no korohereza ibicuruzwa kugera ku masoko.

Anakurikirana ibikorwa by'amatsinda y'abakorerabushake n'abandi bafatanyabikorwa bakora ibikorwa by'ubukungu.

Uyu mukozi ahuza kandi akanakurikirana ibikorwa byo gukangurira abaturage kwiteza imbere mu bucuruzi no kwishyura imisoro.

Akurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda z'iterambere ry'Akarere, zirimo Ingamba z'Iterambere ry'Akarere (DDS) na Gahunda z'Ibikorwa by'Umwaka, ku rwego rw'Akagari.

Akurikirana kandi ibikorwa byo gukumira ibiza no gufasha abaturage n'ahantu byangijwe n'ibiza kongera kwisuganya.

Mu nshingano ze harimo gukurikirana ibikorwa byo kubungabunga ibidukikije no kurinda amashyamba mu Kagari, gukurikirana imishinga y'ikoranabuhanga mu itumanaho (ICT) n'iy'iterambere ry'ibikorwa remezo mu Kagari. Ashobora no guhabwa izindi nshingano n'umuyobozi we

Mu byangombwa byemerwa ku bashaka uyu mwanya harimo impamyabumenyi y'icyiciro cya mbere cya kaminuza, Advanced Diploma, zimwe mu mpamyabumenyi zo ku rwego rwa A1 cyangwa A0, ndetse n'impamyabumenyi ya A2 mu masomo ayo ari yo yose.

KOMEZA KU RUP.10

Impamvu abayobozi b'Akagari babaye 3 aho kuba 2

IBIKURIKIRA URUP.9

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari

Umwanya w'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari uri ku rwego rw'akazi rwa 8.II, kandi ugengwa na Sitati y'Abakozi ba Leta. Uwashyizweho ashinzwe guhuza no gushyira mu bikorwa imirimo ya buri munsi y'imiyoborere y'Akagari.

Imwe mu nshingano ze z'ingenzi ni ukureba ko umutekano w'abaturage ku rwego rw'Akagari wubahirizwa, harimo guhuza ibikorwa by'irondo n'ubundi bufatanye bw'abaturage mu kwicungira umutekano.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari ahuza kandi ibikorwa by'iterambere no guhanga udushya, akanakangurira abaturage kwitabira gahunda za Leta.

Ahuza kandi ibikorwa bigamije kongera amafaranga yinjira mu nzego z'ibanze, akanakurikirana imikorere ya Komite ishinzwe ubutaka ku rwego rw'Akagari.

Ashinzwe gufasha abaturage gukoresha ubutaka mu buryo bukurikije igishushanyombonera cy'Akarere (District Master Plan) cyangwa ibindi bishushanyombonera byemewe, ndetse no gukumira no kurandura ikoreshwa ry'ubutaka mu buryo bunyuranyije n'amategeko n'inyubako zubakwa nta burenganzira. Uyu mwanya urimo n'inshingano zikomeye z'ubuyobozi n'icungwa ry'inyandiko.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa akora nk'umwanditsi w'irangamimerere, agatanga serivisi zijyanye no kwandika no kwemeza ibijyanye n'irangamimerere ry'abaturage.

Abika inyandiko zose z'Akagari, akanandika ibyemezo n'iby'ingenzi byavugiwe mu nama za Komite Nyobozi y'Inama Njyanama y'Akagari ishinzwe Iterambere.

Agenzura kandi imicungire myiza y'umutungo wa Leta uri mu Kagari, agahuza ibikorwa byo gukusanya amakuru y'ibanze agaragaza uko Akagari gahagaze, akayohererezа Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge.

Mu bijyanye n'igenamigambi na raporo, ahuza ibikorwa byo gutegura igenamigambi no gutanga raporo ku rwego rw'Akagari, akareba ko raporo zose zisabwa ubuyobozi bw'Akagari zitangwa ku gihe.

Ashinzwe kandi kureba ko ibikorwa n'itangwa rya raporo by'inzego n'abafatanyabikorwa bakorera mu Kagari bihuzwa neza. Abo barimo amatsinda y'abakorerabushake, imiryango itari iya Leta, imiryango ishingiye ku myemerere n'abandi bafatanyabikorwa.

Ahuza ishyirwa mu bikorwa ry'ibikorwa byemejwe n'inzego zibifitiye ububasha zisumbuye ku Kagari.

MINALOC yatangaje ko ayo mavugurura azageza mu 2035, aho icyo gihe hazasuzumwa niba bikenewe ko hakorwa izindi mpinduka mu miyoborere y'Akagari.

Igenamigambi ku Mudugudu rigizwemo uruhare n'abahatuye rizihutisha iterambere- MINALOC

NYIRANEZA Judith

Abaturage ku rwego rw'Umudugudu bazagaragaza ibikorwa by'iterambere bifuza byihutirwa ko byashyirwa mu ngengo y'imari y'umwaka utaha wa 2027/2028, bikazibandwaho mu igenamigambi ry'ibikorwa by'iterambere ku rwego rw'Akarere, ariko abaturage nabo ibyo bashoboye gukora bakabyikorera bakunganirwa ku byo batashobora, bityo, uruhare rw'umuturage rukagaragara mu bikorwa bituma imibereho irushaho kuba myiza.

Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC) igaragaza ko mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2027/2028, ibikorwa biteganyijwemo bizaba byatanzwe n'abaturage ku Mudugudu bikazashyirwa mu igenamigambi bikajyanishwa na gahunda ya Kabiri y'Igihugu yo Kwihutisha Iterambere (NST2) y'imyaka itanu (2024–2029) yemejwe na Guverinoma y'u Rwanda igamije kwihutisha iterambere no kugera ku ntego za Vision 2050.

Umuyobozi Mukuru ushinzwe igenamigambi, ikurikiranabikorwa n'isuzuma muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC), Ingabire Jean Claude yavuze ko by'umwihariko ukwezi k'Ukwakira ari Ukwezi kwahariwe uruhare rw'umuturage mu igenamigambi, bityo ubu umuturage ku Mudugudu yahawe umwanya ku kugaragaza ibikorwa bigahura n'intero umuturage ku isonga.

Yagize ati: "Igenamigambi ni ubuzima bw'umuturage, ni ubuzima bwa buri munsi kandi Igihugu cyacu cyahisemo gushyira umuturage ku isonga, bivuze ko duhera ku bikorwa by'igenamigambi, ibikorwa bimuteza imbere ni yo mpamvu twifuje ko tujya tugira igihe abaturage bagira uruhare mu igenamigambi batanga ibitekerezo bifatika birimo ibijya mu ngengo y'imari n'imihigo ariko hakaba n'ibyo ashobora kwikorera."

Yakomeje asobanura ko ibyo bitekerezo bigendera kuri gahunda y'igenamigambi ku rwego rw'Igihugu, hakaba haranashyizweho Ukwezi kwahariwe igenamigambi.

Ati: "Tunashingira kuri gahunda nkuru y'igenamigambi nkuru tubifashijwemo na Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi (MININFRA), Ni ukwezi kuba kurimo ibikorwa bitandukanye abaturage n'abayobozi baregerana ngo tumenye uko ibikorwa by'iterambere bishyirwa mu bikorwa mu Turere, kuko dufite gahunda y'imyaka 5 y'iterambere.

Ni gahunda ihura nuko twatangije inzira y'iterambere ni gahunda y'uburyo igenamigambi rikorerwa ku Mudugudu, turifuza ko igenamigambi riba ubuzima bw'Umudugudu, ari yo mpamvu twifuza muri iyo gahunda harimo ko tugomba kuba dukorera igenamigambi twikoreye ku Mudugudu, tukagira ibyo twikorera twishyiriraho, ariko na bya bindi tudashoboye bikaba byashyikirizwa inzego zifite ubushobozi, zishobora no gushaka ingengo y'imari.

Yavuze ko nk'Umudugudu haba hagomba gushyirwaho uburyo bwo kwishakira ingengo y'imari binyuze mu bafatanyabikorwa bari mu Mudugudu, abahakomoka n'abaturage bari mu Mudugudu.

Yagize ati: "Ni gahunda twumva izakura igenamigambi mu zindi nzego ahubwo igenamigambi rigahera ku Mudugudu n'ubuzima bw'Umudugudu, ukaba ufite gahunda ry'iterambere ryawo, ukagira gahunda y'iterambere ry'igihe runaka kugira ngo abaturage bose bafatanye kuyishyira mu bikorwa."



Umuyobozi Mukuru ushinzwe igenamigambi, ikurikiranabikorwa n'isuzuma muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC), Ingabire Jean Claude

Umwe mu baturage bo mu Murenge wa Munyiginya mu Karere ka Rwamagana, Nshimiye David yabwiye Imvaho Nshya ko abayobozi bajya bababwira ibikorwa bizakorwa mu gace kabo, ariko ko abona bikorwa gusa mu by'ukuri ibidashoboye kugerwaho ntabyiteho.

Yagize ati: "Mu nama zitandukanye abayobozi badusobanurira ibikorwa bizakorwa ariko usanga ntabyitaho, njya kubona nkabona hubatswe ikiraro, ivomo gutyo gutyo. Sinamenya niba byose bikorwa."

Ku bijyanye no kuba noneho bishyizwe ku Mudugudu, ubwabo abawutuye bakagira uruhare, mu kugaragaza ibikorwa byihutirwa bakanabikora ubwabo byaba ngombwa bakunganirwa, yagize ati: " Kugeza ibikorwa dukeneye byihutirwa ubwacu, ndetse tukajya tugira n'ibyo dukora ubwacu ni byiza, tuzajaya tuba tuzi neza ko bitureba, bityo tubigire ibyacu, tunabikurikirane."

Muteteri Seraphina wo mu Karere ka Muhanga, we yavuze komuri rusange babona ibikorwa by'iterambere nk'imihanda, amasoko byubakwa.

Ati: "Hano mu mujyi no mu nkengero mbona hubakwa ibikorwa remezo bitandukanye, ntekereza ko biba ari gahunda y'ibikorwa Akarere kateganyije, boigamije imibereho myiza y'abaturage."

Ubumwe n’ubudaheranwa byabereye icyomoro abakomerekejwe n’amateka yijimye y’u Rwanda



Minisitiri Bizimana yasabye Abanyarwanda kuba ba Ambasaderi b’Ubumwe n’Ubudaheranwa

MUTETERAZINA Shifah

Abanyarwanda bagizweho ingaruka n’ivangura n’amacakubiri byaranze u Rwanda kuva ku ngoma y’ubukoloni kugeza kuri Guverinoma yateguye ikanashyira mu bikorwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bavuga ko u Rwanda rumaze gutera intambwe ikomeye mu kongera kubaka ubumwe bw’Abanyarwanda, kandi ko nta mpamvu yo gusubira inyuma.

Byagarutsweho tariki ya 6 Ukwakira 2026, ubwo hatangizwaga ibiganiro bizamara ukwezi bigamije guteza imbere Ubumwe n’Ubudaheranwa, bikazabera mu bice bitandukanye by’Igihugu.

Ibyo biganiro byagaragaje ubuhamya bw’abantu banyuze mu bihe bitandukanye by’amateka y’u Rwanda, bamwe bakaba baragize uruhare mu bikorwa by’amacakubiri, abandi bakaba barabaye ibitambo by’ivangura ryagejeje Igihugu kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Muri ubwo buhamya, Ambasaderi Mutsindashyaka Théoneste yavuze ko yahereye ku ishuri akibonera ivangura rishingiye ku moko, ubwo yari akiri umwana. Yibuka ko mu 1973, ubwo yigaga mu mashuri abanza, umwarimu yinjiye mu ishuri agasaba abanyeshuri gutandukana hashingiwe ku bwoko. Ati: “… Abahutu muhaguruke! Arongera asaba Abatutsi guhaguruka. Njyewe sinahaguruka. Araza ankubita inkonji mu mutwe ati: ‘Inzoka, mwabaye mute?”

Mutsindashyaka avuga ko icyo gihe yari akiri muto ku buryo atashoboraga gusobanukirwa neza n’icyo ivangura ryari rishingiyeho. Yageze mu rugo abaza sekuru ati: “Umuntu aba inzoka gute?”

Ubu buhamya, nk’uko yabigaragaje, bugaragaza uburyo imyumvire y’ivangura yashoboraga gutangirira mu buzima bwa buri munsi, ikagera no mu mashuri, mu nzego z’imirimo no mu yandi mashami y’ubuzima bw’Igihugu.

Yanasobanuye ko yigeze gukora ikizamini cyari kumwinjiza muri kaminuza, akagira amanota meza, ariko ntashyirwe ku rutonde rw’abemerewe kwiga, mu gihe abandi yari yarushije batsinze bakinjira muri kaminuza.

Nyuma y’aho yaranafunzwe. Icyakora, avuga ko nyuma y’uko Igihugu kibohowe, Abanyarwanda bahisemo kudakomeza guheranwa n’amateka mabi, ahubwo bagashyira imbaraga mu kubaka Igihugu gishingiye ku bumwe.

Mu buhamya bwatanzwe na Maj. Gen. (Demob) Nsanzubukire Félicien, wahoze abarizwa mu mutwe wa FDLR, yavuze ko politiki y’ivangura n’amacakubiri ikiri mu murongo w’uwo mutwe. Yagaragaje ko icyo gihe yagiye mu bikorwa byari bishingiye ku myumvire y’uko ubutegetsi bwagombaga gusubizwa ku rundi ruhande rw’amacakubiri, aho kugira ngo Abanyarwanda bubake Igihugu kimwe.

Nyuma, Nsanzubukire yaje gutahuka mu Rwanda, arafatwa, araburanishwa ndetse ahanishwa igifungo cy’imyaka itanu.

Uyu mugabo avuga ko gutahuka no gufungwa byahinduye imyumvire ye ku buzima no ku mateka y’Igihugu. Yagize ati: “Naje kugera aho ndataha, mfashwe icyo gihe numvaga bindangiriyeho, ariko uko gufatwa kwaje kumviramo ubuzima.”

Yashimiye Perezida Paul Kagame ku byo yise “kureba kure” mu gushyira imbere ubumwe n’ubudaheranwa, avuga ko amahirwe yahawe yamufashije kongera kubaka ubuzima bwe no kugira uruhare mu gutanga ubutumwa bwo kwirinda ko amateka nk’ayo yakwisubiramo.

Minisitiri w’Ubumwe bw’Abanyarwanda n’Inshingano Mboneragihugu, Dr. Bizimana Jean Damascène yasabye abitabiriye ibiganiro kudasiga ubutumwa bw’ubumwe aho bwatangiwe, ahubwo bakabugeza mu miryango, aho bakorera, mu madini no mu yindi miryango nyarwanda.

Ati: “Isomo dukwiye gukura muri ibi biganiro ni uko dukwiye kuba abambasaderi b’Ubumwe n’Ubudaheranwa, tujyane ibi biganiro aho dutuye, dukorera, tujyane ibi biganiro tubigeze mu bindi byiciro.”

Yanasabye abanyamadini n’imiryango itari iya Leta kugira uruhare mu gutegura ibiganiro nk’ibi, kugira ngo ubutumwa bwo kubaka ubumwe bugere ku Banyarwanda benshi.

Amakuru yatangajwe muri ibi biganiro agaragaza ko igipimo cy’Ubumwe bw’Abanyarwanda cyazamutse mu myaka ishize, kuko isuzuma ryo mu 2025 ryagaragaje ko icyo gipimo cyageze kuri 95,3%, kivuye kuri 82,3% mu myaka 15 yari ishize.

Nubwo imibare igaragaza intambwe imaze guterwa, ubuhamya bw’abitabiriye ibiganiro bugaragaza ko urugendo rwo gukomeza kubaka ubumwe rudasaba kwirara.

Ku bantu banyuze mu bihe by’ivangura, ihohoterwa n’amacakubiri, ubumwe si ijambo riri mu nyandiko za politiki gusa ahubwo ni inzira isaba kwibuka amateka, kwemera amakosa, kubabarira, guhindura imyumvire no gushyira imbere inyungu z’Igihugu.

Ku rundi ruhande, ubuhamya bw’abigeze kugira uruhare mu bikorwa by’amacakubiri bugaragaza ko guhinduka bishoboka, iyo umuntu ahaye agaciro ukuri, akemera inshingano ze kandi agahitamo gutanga umusanzu mu kubaka aho gusenya.

Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, u Rwanda rwashyize ubumwe bw’Abanyarwanda, ubutabera n’ubudaheranwa mu nkingi z’ingenzi zo kongera kubaka Igihugu.

Ibiganiro byatangijwe kuri uyu wa Kabiri bigamije gukomeza iyo nzira, mu gihe u Rwanda rukomeza guhangana n’ingaruka z’amateka y’amacakubiri no gushimangira imyumvire y’uko ubwenegihugu, Ubunyarwanda ari bwo shingiro ry’ejo hazaza.

Ubutumwa bw’abitabiriye ibi biganiro burasa: Amateka ntashobora guhindurwa, ariko uko Abanyarwanda bahisemo kuyigiramo isomo no kubaka ejo hazaza ni bo babifitemo ububasha.

Kuri bo, inzira y’ubumwe n’ubudaheranwa yatangijwe nyuma y’amateka mabi y’Igihugu si iy’igihe gito. Ni urugendo rw’Igihugu rwagombye gukomeza, rukanasigasirwa n’abariho uyu munsi ndetse n’abazakurikira.



Abayobozi batandukanye bifatanyije n’abaturage mu bikorwa byo gutangiza ukwezi kwahariwe ubumwe n’ubudaheranwa

Bamwe mu bagore baracyagorwa no kutagira ubumenyi kuri ‘Menopoze’



Bamwe mu bagore bagorwa no kutamenya ubuzima bw’imyororokere (Ifoto: MINISANTE)

KAYITARE Jean Paul

Bamwe mu bagore bavuga ko badasobanukiwe n’ubuzima bw’imyororokere, by’umwihariko ingingo yerekeranye no gucura cyangwa menopoze (Menopause). Ni ibyo inzobere mu buzima bw’imyororokere zisobanura ko ari uguhagarika kubyara biturutse ku kutabona imihango mu gihe cy’amezi 12 yikurikiranya.

Mukamurigo Francesca utuye mu Karere ka Gasabo mu Murenge wa Kimironko mu Kagari ka Bibare, avuga ko yacuze ataramenya ibyo ari byo ariko ko icyamukuye umutima ari ukubura imihango igihe kinini bigatuma ahangayika.

Ati: “Najyaga nibeshya ko nsobanukiwe n’ubuzima bw’imyororokere ariko naje gusanga ntabwo nzi. Numvaga kuba nsobanukiwe n’ukwezi kwanjye bihagije ariko hari ibirenze kuri ibyo umugore yakabaye asobanukiwe. Nabuze imihango ndahangayika, umubiri wanjye utangira kugira impinduka zidasanzwe, sinamenya ko ndi mu gihe cyo gucura ahubwo nabimenye ari uko ngiye kwa muganga.”

Nadine Isheja wo mu Karere ka Rwamagana mu Ntara y’Uburasirazuba mu Murenge wa Rubona, yabwiye Imvaho Nshya ko ubuzima bw’imyororokere by’umwihariko ibijyanye no gucura k’umugore, ntacyo abiziho.

Ati: “Uretse kuba nzi ko iyo umugore akuze atongera kubyara, nta bundi bumenyi mfite ku bijyanye no gucura k’umugore. Sindumva n’aho babyigisha haba ku kigo nderabuzima cyacu cyangwa ngo numve Abajyanama b’ubuzima babivugaho. Ngize amahirwe yo gusobanurirwa n’impinduka ziba ku mugore ugeze igihe cyo gucura, nazakigeramo nibura mbifiteho ubumenyi bityo ntibizangore.”

Icyakoze Gratias Nzabahimana w’imyaka 59 y’amavuko utuye mu Karere ka Nyarugenge mu Murenge wa Kigali mu Kagari ka Nyabugogo, avuga ko atangiye kugira ibimenyetso byo gucura yahise ajya kwa muganga bakamubwira ko yakwirinda guhangayika kuko ari ibimenyetso byigaragaza ku mugore wese ugiye gucura.

Ntibyamworoheye kuko ngo yamaze igihe afite umuhangayiko ndetse akurizamo kurwara indwara y’igisukari (diabete). Ati: “Ntangiye kwinjira mu bihe byo gucura nahuye n’ibibazo bikomeye bimviramo uburwayi bwa diyabete n’ibindi ntavugira hano ariko ibyambayeho iyo biba mbifiteho amakuru cyangwa ubumenyi, kwiyakira byari kunyorohera. […] Mvuga ko iyo nza kuba naramenye amakuru ku buzima bw’imyororokere, sinari kugorwa n’ibihe bibi nanyuzemo.”

Inzobere mu buzima bw’imyorokere bw’abagore n’abakobwa, Dr. Nzabonimpa Anicet, asobanura ko gucura (Menopause) ari ikigero kijyana n’uko umuntu agenda akura, akava mu bwana kugeza igihe azasazira.

Akomeza agira ati: “Gucura ni uguhagarara kw’imihango y’umugore bikagaragara nibura amezi 12 yikurikiranya. Bivuze ko umugore abuze imihango ukwezi kumwe cyangwa amezi atandatu ntabwo aba yacuze. Ariko iyo abuze imihango mu gihe cy’amezi 12 akurikiranye kandi akaba ari mu myaka irenze 40 icyo gihe turavuga tuti: ‘umugore yaracuze kuko imihango yarahagaze kandi aba atabyara.”

Dr. Nzabonimpa avuga ko umwana w’umukobwa wese uvutse, avukana za miliyari z’amagi azakoresha ubuzima bwe bwose. Ayo magi ni yo asohoka buri kwezi, byitwa ko umukobwa cyangwa umugore ari mu mihango kandi kwezi umugore ashobora gutakaza intanga ngore zigera kuri 300 akazajya kugera ku myaka 40-50, ya magi yaremanywe amushizemo.

Agira ati: “[…] yaba amushizemo rero, ntabe agishobora gukora imisemburo yo guhagurutsa ukwezi k’umugore ngo abe yagira ya mihango cyangwa abe afite ubushobozi bwo kwakira intanga ngabo ngo ibe yahura n’intanga ye, abe yasama, abe yabyara, ibyo byahagarara tukaba ari bwo tuvuga ko umugore ageze mu gihe cyo gucura (menopause).

Umukobwa watangiye kujya mu mihango atinze, ashobora no kuzacura atinze kubera ko ayo magi afite, aba yatangiye kuyasohora akuze.”

Akomeza agira ati: “Ubushakashatsi bugaragaza ko nk’inda umugore atwaye ikavuka, ishobora kongeraho ku gihe yari kuzacuriraho imyaka ibiri, bityo umugore wabyaye cyane, uwo ashobora kugera ku myaka 60 akijya mu mihango ataracura neza, kubera ko izo nda yagiye atwara zagiye zihagarika ukwezi kwe, kugahagarika gusohoka kwa ya magi noneho akagira imyaka myinshi yo kugira ngo ya magi azamushiremo, acure.”

Igihe kibanziriza gucura (pre-menopause)

Dr. Anicet avuga ko abagore benshi batangira kugira impinduka mu mubiri wabo. Imihango ihindagurika, kumva ibisa n’ubushyuhe mu mubiri ukaba wabira ibyunzwe kandi ikirere kidashyushye, kugira umunabi, gusinzira nabi, […], kugira ibibazo bijyanye n’imitekerereze bitewe n’uko umusemburo utagikorwa, bikanaterwa kandi no kudasinzira neza. Kugabanyuka k’uwo musemburo gutera ibibazo bitandukanye mu mubiri, haba mu nda ibyara, mu magufwa, mu mitsi y’amaraso, mu mabere, ku ruhu, mu miyoboro y’inkari no mu rwungano ngogozi.

Ishami ry’Umuryango w’Abibumbye wita ku Buzima (WHO) utangaza ko umugore acura hagati y’imyaka 45 na 55.

Ubushakashatsi bwakorewe ku bagore 600 mu bitaro bine byo mu Rwanda birimo Ibitaro byitiriwe Umwami Faisal, ibya CHUK, Ibitaro bya Gisirikare bya Kanombe, ndetse na Kaminuza ya Kigali, bwagaragaje ko 65,2% by’abagore bacuze, bafite ibimenyetso by’agahinda gakabije, 52,2% bo bagaragaje ibimenyetso by’umuhangayiko.

Nubwo ibibazo by’ubuzima bwo mu mutwe ari byinshi, ubushakashatsi bwagaragaje ko 41,2% by’abagore bahuye n’ibi bibazo bagiye kwivuza, gusa muri bo, 1,7% ni bo bahawe uburyo bugamije gufasha abagore guhangana n’impinduka z’umubiri no mu mutwe.

Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe, uvuga ko mu 1990, hagaragaye ko ku Isi abagore bari bageze mu gihe cyo gucura bari kuri miliyoni 467, muri bo 60% bakaba bari batuye mu bihugu bikiri mu nzira y’amajyambere kandi ko bzagera kuri miliyari 1,2 mu 2030, icyo gihe abagore bari mu gihe cyo gucura batuye mu bihugu bikiri mu nzira y’amajyambere bazaba bangana na 76% ku Isi.

UBWANDITSI

Dafroza Gauthier yasigiye Abanyarwanda umurage wo guharanira ubutabera no kuba ijwi ry'abishwe muri Jenoside

Dafroza Mukarumongi Gauthier watuvuyemo tariki 4 Ukwakira 2026 azibukwa nk'umugore wahariye igice kinini cy'ubuzima bwe guharanira ubutabera ku bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, akurikirana abakekwagaho kuyigiramo uruhare bari barahungiye mu Burayi, anaharanira ko ukuri ku byabaye mu Rwanda kutazibagirana. Ariko umurage yasigiye Abanyarwanda urenze gukurikirana abajenosideri. Yari n'ijwi ry'abishwe, umuvugizi w'abarokotse, umubyeyi w'abana batakaje imiryango yabo, ndetse yaharaniye ko abakoze ibyaha batabona amahoro yo kubihungira mu mahanga.



Dafroza Mukarumongi Gauthier yaharaniye kuba ijwi ry'abishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 akurikirana mu butabera ba ruharwa bayigizemo uruhare bahungiye mu bihugu by'i Burayi

Dafroza n'umugabo we Alain Gauthier bahisemo kwiyegurira uru rugamba mu gihe hari abakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bari barahungiye mu bihugu by'i Burayi, bakubaka ubuzima bushya, kandi bimirije imbere umugambi wo guhakana no gupfobya uruhare rwabo muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yahitanye abarenga miliyoni. Babaye mu bantu batemeye ko guhunga igihugu ari inzira yo gucika ubutabera, kandi ko imyaka ishobora gusibanganya ukuri ku byabaye.

Dafroza ntiyari umunyamategeko, ahubwo yari umuhanga mu by'ibinyabutabire (Chemistry). Icyakora, yari asobanukiwe ko ubutabera ku bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 butagomba kurangirira ku mipaka y'u Rwanda. Yiyemeje gufasha mu gukusanya ubuhamya, gushaka amakuru ku bakekwagaho uruhare muri Jenoside no gukurikirana inzira z'amategeko kugira ngo abakekwaho ibyaha bagezwe imbere y'ubutabera.

Gufasha abarokotse no kwita ku bana batakaje imiryango

Kugira ngo umuntu asobanukirwe neza Dafroza Gauthier, ni ngombwa kureba no ku ruhande rw'ubuzima bwe rutazwi cyane ugereranyije n'urugamba rwo gukurikirana abajenosideri. Ntiyari umuntu wibandaga ku nkiko gusa; yari azi ko nyuma ya Jenoside hari abantu bari bakeneye ubufasha, urukundo n'icyizere cyo kongera kubaho.

Mbere ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, Dafroza yaherukaga mu Rwanda muri Gashyantare 1994, amezi abiri mbere y'uko Jenoside itangira. Igihe ubwicanyi bwatangiraga, yakurikiranye amakuru y'ibyaberaga mu Rwanda, ashakisha amakuru y'abarokotse Jenoside Yakorewe Abatutsi, cyane cyane abana.

Mu bana yafashije harimo abari barahungiye i Burundi bakajyanwa na Croix-Rouge. Dafroza yagize uruhare mu bikorwa byatumye abo bana bagezwa mu Bufaransa muri Kanama 1994, ku bufatanye na Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga y'u Bufaransa.

We n'umuryango we kandi bakiriye abandi bana bari bararokotse Jenoside mu gace ka Nyamirambo, babifashijwemo na Padiri Henri Blanchard, uzwi mu bikorwa byo gufasha abana kurokoka muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ibi bikorwa bigaragaza ko kuri Dafroza, Jenoside yakorewe Abatutsi itari ikibazo cy'amateka cyangwa politiki yo kwigira ntibindeba. Kuri we cyari ikibazo cy'abantu bafite amazina, imiryango, ibikomere n'ubuzima bwari bukeneye kongera kubakwa. Kwita ku bana bari baratakaje ababyeyi babo byari kimwe mu bimenyetso by'impuhwe n'ubumuntu byamurangaga.

Mu 1996, Dafroza na Alain bagarutse mu Rwanda. Dafroza yamenye byinshi ku byabaye ku Batutsi bo mu muryango we bishwe muri Jenoside, anahura bwa mbere n'abavandimwe be bari barahunze mu 1959, nyuma bakaza gutahuka.

Ibyo byamwegereje kurushaho kumenya amateka y'imiryango yasenywe, ububabare bw'abarokotse n'inshingano zo guharanira ko abakoze ibyaha babiryozwa.

Ubuhamya bw'abarokotse bwamwinjije mu rugamba rw'ubutabera

Urugamba rwa Dafroza rwo gukurikirana abajenosideri rwakomejwe n'ubuhamya bw'abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Igihe yari mu Rwanda, yasuye umuryango warokotse, awumvaho ubuhamya ku bikorwa byari byarakozwe na Padiri Wenceslas Munyeshyaka, icyo gihe wari mu Bufaransa.

Ubwo buhamya bwamweretse ko hari abantu bakekwagaho kugira uruhare muri Jenoside bari barahungiye mu mahanga, mu gihe abarokotse bo bakomeje kubana n'ingaruka z'ibyababayeho. Yafashe ubwo buhamya, anashishikariza abarokotse kuvuga ibyo bari baranyuzemo kugira ngo ukuri kumenyekane kandi inzira y'ubutabera ibone uko itangira.

Dafroza yasobanukiwe ko guceceka bishobora gutuma ibyaha bitamenyekana, abakekwaho kubikora bagakomeza kubaho nta rubanza, naho abishwe bakaguma mu mwanya wo kwibagirana. Ni yo mpamvu yahisemo kugira uruhare mu gukurikirana abakekwagaho Jenoside yakorewe Abatutsi bari barahungiye mu Burayi.

Yagize uruhare mu gukurikirana dosiye nyinshi z'abakekwagaho kugira uruhare muri Jenoside zaburanishirijwe mu Bufaransa. Mu manza zizwi cyane harimo urwa Pascal Simbikangwa, Octavien Ngenzi na Tito Barahira, Claude Muhayimana, Laurent Bucyibaruta, Philippe Hategekimana, Sosthène Munyemana na Eugène Rwamucyo.

Izo manza zagaragaje ko nubwo umuntu ashobora kuva mu gihugu yakoreyemo ibyaha, akimukira mu mahanga kandi akubaka ubuzima bushya, ibyo yakoze bidashobora guhanagurwa n'intera cyangwa n'igihe.

Dafroza yagize uruhare mu manza zigera kuri 40 z'abakekwagaho Jenoside yakorewe Abatutsi. Izi manza zagiye zitwara imyaka myinshi, zimwe zikaba zararanzwe n'imbogamizi z'amategeko, ibimenyetso n'ubukererwe bw'ubutabera. Icyakora, yakomeje gukurikirana inzira zazo, kuko yumvaga ko buri rubanza ari intambwe igana ku kugaragaza ukuri no gusubiza icyubahiro abishwe.

Kimwe mu bimenyetso bikomeye by'umurage wa Dafroza Gauthier ni urupapuro yajyaga yitwaza rwanditseho amazina y'abantu 89 bo mu muryango we bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi.

Yagiye agaragara mu bitangazamakuru bitandukanye byo mu Burayi, mu biganiro rusange no mu bikorwa byo kumenyesha amahanga ibyabaye mu Rwanda. Yabaye isura imenyerewe kuri televiziyo zirimo France 2, France 24, TV5 na RTBF, aho yagaragazaga

KOMEZA KU RUP.14

IBIKURIKIRA URUP.9

Dafroza Gauthier yasigiye Abanyarwanda umurage wo guharanira ubutabera no kuba ijwi ry'abishwe muri Jenoside

ukuri ku byabaye mu Rwanda kandi akamagana abahakana cyangwa abapfobya Jenoside yakorewe Abatutsi.

Amazina 89 y'abagize umuryango we ntiyari imibare gusa. Buri zina ryari umuntu wari ufite ubuzima bwe, umuryango, inzozi n'ejo hazaza. Hari ababyeyi, abana, abavandimwe n'abandi bantu bari bafite uruhare mu buzima bw'abo babanaga.

Dafroza yajyaga yitwaza ayo mazina mu biganiro, mu bikorwa byo kwamagana ihakana rya Jenoside no mu rugendo rwo guharanira ubutabera. Yibutsaga amahanga ko inyuma y'imibare y'abishwe hari abantu nyakuri, kandi ko kwibuka amazina yabo ari uburyo bwo kubasubiza icyubahiro bambuwe.

Yari azi ko abantu benshi bishwe batigeze bagira amahirwe yo kuvuga ibyababayeho, ko imiryango imwe n'imwe yarimbuwe burundu, ndetse ko hari abarokotse bakomeje kubana n'ihungabana rikomeye rituma batabasha kuvuga ibyo banyuzemo.

Ni muri urwo rwego Dafroza yabaye ijwi ry'abatari bakibasha kuvuga. Yaharaniye ko abishwe bataguma mu mibare gusa, ahubwo ko amateka yabo akomeza kubaho mu buhamya, mu nkiko no mu mitima y'abazabakomokaho.

Ubutwari bwo guhangana n'abahakana Jenoside

Guhangana n'abakekwagaho uruhare muri Jenoside imbere y'inkiko ntibyari ibintu byoroshye. Hari abahakanaga uruhare rwabo, bagapfobya ibyabaye cyangwa bakagerageza kwerekana ko nta ruhare bagize mu bwicanyi bwakorewe Abatutsi mu mvugo zisesereza abatangabuhamya.

Dafroza yigeze kubazwa uko yabashaga kwicara imbere y'abantu bakekwagaho kugira uruhare muri Jenoside, akabareba mu maso mu gihe bamwe bahakana ibyaha bashinjwaga ndetse na Jenoside yakorewe Abatutsi muri rusange.

Igisubizo cye cyagaragaje aho yavanaga ubutwari: ntiyumvaga ko aba ari wenyine mu rukiko. Yumvaga amajwi y'abarenga miliyoni bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi, nk'aho bamubwira bati: "Uriya ushinja ni we watwishe." Kuko yabaga afite ibimenyetso bihagije.



Nyakwigendera Dafroza Gauthier yasezeweho bwa nyuma i Reims mu Bufaransa

Iyi mvugo igaragaza uko yabonaga inshingano yari afite. Ntiyajyaga mu nkiko ahagarariye umuryango we gusa. Yumvaga ahagarariye abishwe batari bafite ababakurikiranira mu butabera, imiryango yarimbuwe, abana batageze ubwana bwabo, bakicwa batazi nicyo bazira, ababyeyi batabonye uko barera abana babo n'abarokotse bari bakeneye ko ukuri kwabo kumvwa.

Yari azi ko abakekwaho Jenoside bashobora kugira inshuti, ubushobozi, amateka ya politiki cyangwa abababuranira. Ariko ntiyemeye ko ibyo byaba impamvu yo kubareka ngo bacike ubutabera.

Dafroza kandi yaterwaga agahinda n'ubukererwe bw'ubutabera. Hari dosiye zamaze imyaka myinshi zitararangira, mu gihe bamwe mu baregwaga bakomeje kwidegembya, abandi bagakoresha ibitangazamakuru cyangwa imbuga zabo mu guhakana no gupfobya Jenoside yakorewe Abatutsi.

Urugero ni urubanza rwa Eugène Rwamucyo, rwamaze igihe kirekire rukurikiranywe. Rwamucyo yakatiwe igifungo cy'imyaka 27 mu 2024, igihano cyongera kwemezwa mu bujurire muri Nyakanga 2026. Ibyo bigaragaza uburemere n'igihe bishobora gufata kugira ngo ubutabera bugere ku muntu ukekwaho uruhare mu byaha bya Jenoside.

Kuri Dafroza, ubutabera bwatinze bukomeretsa abarokotse, ariko kuri we ntiyigeze iba impamvu yo gucika intege. Yizeraga ko n'iyo umuntu yakatirwa mu mpera z'ubuzima bwe, urubanza ruba rufite agaciro: ku mateka, ku barokotse, ku bana babo no ku kuri kugomba gusigara ku bisekuru bizaza.

Umurage w'ubutabera n'ukuri ku mateka

Dafroza Gauthier yasigiye Abanyarwanda isomo rikomeye: guharanira ubutabera ku bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi ni inshingano idashobora gushingira ku barokotse gusa. Bisaba abantu bemera kuvugira abatagira ijwi, gukusanya ibimenyetso, kubika ubuhamya no kudacogora imbere y'imbogamizi.

Yagaragaje ko ubutabera atari igihano gusa. Ni no gusubiza icyubahiro abishwe, gufasha abarokotse kumva ko ababababare bwabo bwumviswe, kurinda amateka kugorekwa no guha ibisekuru bizaza ukuri bizashingiraho byiga amateka y'igihugu cyabyo.

Yasize urugero rw'umuntu wahisemo kudaceceka mu gihe hari abashakaga ko ibyabaye mu Rwanda byibagirana cyangwa bigahindurirwa ubusobanuro. Yerekanye ko umuntu utari umunyamategeko ashobora kugira uruhare rukomeye mu butabera igihe yiyemeje kuvugira abatagira ijwi no kudacogora mu guharanira ukuri.

Urugamba rwe kandi rugaragaza akamaro ko gukomeza gufasha abashinzwe ubutabera gukusanya ubuhamya, kubika ibimenyetso no gukurikirana abakekwaho uruhare muri Jenoside baba mu bihugu bitandukanye. Ibyo ni ingenzi mu kurwanya umuco wo kudahana no kurinda ko abakoze ibyaha bya Jenoside bahabwa ubuhungiro bubarinda kubazwa ibyo bakoze.

Uyu munsi, nubwo Dafroza Gauthier atakiriho, amazina y'abishwe yagendanaga, ubuhamya yakusanyije n'imanza yagizemo uruhare bikomeza kuba igice cy'umurage yasigiye Abanyarwanda. Urugamba rwe rusigira abariho inshingano yo gukomeza kuvuga ukuri, kwibuka abishwe no kwamagana ihakana n'ipfobya rya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Dafroza ntiyashoboraga gusubiza ubuzima abishwe, ariko yahisemo gukora ibishoboka kugira ngo batibagirane kandi abakekwagaho kubica batabicikira ubutabera. Yaharaniye ko amazina yabo atazima, ko ubuhamya bw'abarokotse butazimira, kandi ko abashaka kugoreka amateka bahura n'abantu biteguye kuvugira ukuri.

Dafroza Gauthier azibukwa nk'umugore waharaniye ko abishwe batibagirana, ko abarokotse bumvwa, kandi ko abakoze Jenoside batagomba guhabwa amahoro no kwihisha inyuma y'imyaka, imipaka cyangwa ihakana ry'amateka.

Dafroza yakundaga gusoza ibiganiro bye haba mu kuganira cyangwa kuri telephone avuga ati: "Dutahe cyaneeeee!" Ubu na we yitabye Imana, ariko umurage yasize ntuzarangirana na we. Amajwi y'abishwe muri Jenoside Yakorewe Abatutsi mu 1994 aracyumvikana mu mateka, mu nkiko no mu mitima y'ababaharanira ukuri n'ubutabera.

Dutahe cyane, Dafroza. Nawe ubadutahirize. Ruhukira mu mahoro.

Polisi y’u Rwanda iratangaza ko habaye inkongi 1 798 mu myaka itanu n’amezi icyenda bishize



Abaturarwanda basabwa gutabaza kuri nimero 111 igihe bibasiwe n’inkongi

KAMALIZA Agnes

Kuva mu 2021 kugeza muri Nzeri 2026, mu Rwanda habaruwe inkongi zibasiye ibikorwa bitandukanye 1 798 zahitanye abantu 47, abandi 166 barakomereka nk’uko imibare ya Polisi y’u Rwanda Ishami rishinzwe kuzimya inkongi n’ubutabazi ibigaragaza.

Umukozi wa Polisi mu Ishami rishinzwe ubutabazi no kuzimya inkongi, CIP Benson Ndemezo yabwiye Imvaho Nshya ko kuva mu 2021 kugeza mu 2025 habaye inkongi 1 380, zakomerekeyemo abantu 125, zigahitana 28, mu gihe imibare yo kugeza muri Nzeri 2026 igaragaza ko habaye izindi nkongi 418, zakomerekeyemo abantu 41, zigahitana 19.

Bimwe mu bitera inkongi

CIP Ndemezo avuga ko mu bugenzuzi bakora, ahanini basanga igitera inkongi ari inyubako zitujuje ibisabwa, gusudirira ahantu hari ibikoresho byaka vuba, gucomeka ibikoresho byinshi by’amashanyarazi ku gikoresho kimwe kandi kidafite ubushozi, kubika nabi no kwegeranya ibintu bishobora guteza inkongi.

Yagaragaje ko imikoreshereze mibi y’amashanyarazi ishobora guteza inkongi, cyane cyane mu duce dukorerwamo ubucuruzi n’inganda, aho usanga abantu benshi bakurura amashanyarazi ku gikoresho kimwe bagacomekaho imashini zikoresha ingufu nyinshi zirenze ubushobozi bwacyo.

Ati: “Hari igihe usanga umuntu afite urutsinga rumwe rw’amashanyarazi, abandi benshi bakarukuraho amashanyarazi bagacomekaho imashini zabo. Ibyo bishobora gutera ikibazo iyo hakoreshwa ibikoresho byinshi birenze ubushobozi bwarwo.”

Avuga ko no mu nganda, hari ubwo usanga ahatunganyirizwa umusaruro ari na ho habikwa ibikoresho, nyamara imashini zishobora kumara igihe kinini zikora zikaba zashyuha kandi zegeranye n’ibishobora kwaka vuba nka; peteroli, tineri, amarangi na gaze bikaba byatuma kuzimya iyo nkongi bigorana.

Mu bindi bishobora kongera ibyago by’inkongi harimo ihindagurika ry’ibihe mu gihe Isi yugarijwe n’ubushyuhe cyangwa n’ubwiyongere bw’ibikorwa remezo ariko bigakorwa hadakurikijwe amabwiriza agenga kwirinda inkongi.

Ibisabwa ngo inkongi zikumirwe

Ishami rya Polisi rishinzwe ubutabazi no kuzimya inkongi rigaragaza ko mu rwego rwo gukumira inkongi hari ibyo abantu bakwiye kubahiriza haba mu myubakire no kwirinda ibindi bikorwa biteza akaga.

CIP Ndemezo avuga ko umutekano w’inyubako uhera mu igenamigambi hashyirwamo ibikoresho byo kuzimya umuriro nka kizimyamwoto, impuruza yo gutabaza, uburehamwotsi, inzira z’ubuhungiro zabugenewe, kizimyamwoto ngendanwa irimo ifu izimya umuriro, ifite uburemere bukwiranye n’ahantu ikoreshwa, uburyo bwo gutanga amazi yo kuzimya umuriro buhuza n’imiyoboro y’amazi iri mu nyubako ihuzwa n’ibigega by’amazi n’aho amazi afatirwa igihe habaye inkongi, n’imirindankuba.

Mu rwego rwo gukumira inkongi kandi abacuruzi basabwa gutandukanya ibicuruzwa hashingiwe ku miterere yabyo, ibishobora kwaka vuba nka peteroli, tineri n’ibindi bigashyirwa mu bubiko bwabugenewe, imyenda, matela n’ibindi nabyo bigatandukanwa n’ahakorwa resitora.

Ati: “Niba ari ubucuruzi bw’ibintu byaka vuba nka peteroli, tineri n’amarangi bigomba gushyirwa mu bubiko bwabugenewe cyangwa ari imyenda, na yo igatandukanwa n’ahari gaze na resitora.”

Ashimangira ko iyo ibintu bibitswe ahantu hamwe kandi bitabikanwa iyo habaye inkongi umuriro wangiza byinshi kandi kuwuzimya bikagorana.

Polisi y’u Rwanda isaba Abanyarwanda kwirinda imyitwarire ishobora guteza inkongi no kumenya uko bakwitwara mu gihe bahuye n’icyo kibazo, ikabagira inama yo gutunga kizimyamwoto haba mu kazi no mu ngo zabo ndetse bakagira n’akaringiti kabugenewe kazimya gaze mu gihe itombotse.

Isaba kandi ko bakwirinda guhindura inyubako ntibahindure n’uburyo imiyoboro y’amashanyarazi itunganyijwemo kuko bishobora guteza ibyago, kandi igihe batewe n’inkogi bakihutira gutabaza kuko nta kiguzi bisaba.

Polisi y’u Rwanda ishami rishinzwe ubutabazi no kuzimya inkongi yibutsa Abaturarwanda ko ntawe ihana kuko yagize ibyago ahubwo aba akeneye ubutabazi bityo badakwiye gushidikanya bagatabaza bahamagara kuri nimero itishyurwa; 111, 112 cyangwa 078831120.



Mu myaka itanu n’amezi icyenda habaye inkongi 1 798 zahitanye 47

MININFRA yagaragaje imishinga itanga icyizere cyo kongera amazi meza

NTAWITONDA Jean Claude

Minisiteri y'Ibikorwa Remezo (MININFRA), yagaragaje ko hari icyizere cy'uko ingano y'amazi yo mu gihugu azarushaho kwiyongera kubera imishinga ikomeje gushyirwamo ingufu kugira ngo u Rwanda rugere ku ntego yo kugeza amazi meza ku baturage bose.

Umunyamabanga wa Leta muri MININFRA Zingiro Armand, yabigarutseho mu bisubizo mu magamho yagejeje ku bagize Inteko Rusange y'Umutwe w'Abadepite ku bibazo byagaragaye mu Kigo gishinzwe Amazi, Isuku n'Isukura (WASAC Group) byerekeye imitangire y'amasoko, imicungire y'imishinga, serivisi zo kugeza amazi meza ku baturage ndetse n'igihombo cy'amazi atunganywa ntakoreshwe.

Muri ibyo bisubizo yabagejejeho ku wa Kabiri, Abadepite basabye ko hashyirwa imbaraga mu kugeza amazi meza ku baturage batarayabona, gukemura ikibazo cy'ibura ry'amazi mu gihe cy'izuba no kunoza inyigo z'imishinga y'amazi n'ishyirwa mu bikorwa ryayo.

Abadepite kandi bagaragaje ko hakenewe ingamba zifatika kugira ngo abaturage bataragezwaho amazi babone iyi serivisi, ndetse n'abayafite bakomeze kuyabona mu buryo buhoraho, cyane cyane mu bihe by'izuba. Banasabye ko inyigo z'imishinga y'amazi zikorwa neza, kugira ngo imishinga ishyirwa mu bikorwa isubize ibibazo by'abaturage kandi itange umusaruro uteganyijwe.

Mu bisobanuro yatanze, Umunyamabanga wa Leta Zingiro Armand yagaragaje ko hari imishinga itandukanye igamije kongera ubushobozi bwo gutunganya amazi no kwagura imiyoboro iyageza ku baturage.

Muri iyo mishinga harimo kwagura inganda zitunganya amazi za Nzove, Kanzenze na Karenge, ndetse n'uruganda rwa Nyabarongo II rukiri kubakwa. Biteganyijwe ko iyo mishinga izafasha kongera ingano y'amazi atunganywa no kunoza uburyo agezwa ku baturage mu gihugu hose.

Yagaragaje kandi ko kugira ngo imishinga y'amazi itange umusaruro ukenewe, hakenewe kunoza imicungire yayo, kongera ubushobozi bw'abakozi no gukurikirana neza ishyirwa mu bikorwa ry'imishinga n'imitangire y'amasoko.

Mu zindi ngamba yagarutseho harimo gukemura ibibazo byagaragajwe mu igenzura ryakozwe n'Urwego rw'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta (OAG), kongera ingano y'amazi atunganywa, gusana no kuvugurura inganda zitunganya amazi no kwagura cyangwa gusimbura imiyoboro ishaje.

Hari kandi gushaka ubushobozi bukenewe kugira ngo imishinga yo kugeza amazi ku baturage yihutishwe, bityo abaturage benshi babone serivisi y'amazi meza.

Izi ngamba zigamije kongera amazi aboneka, kunoza imikorere y'ibikorwa remezo biyatanga no gufasha gukemura ibibazo bikigaragara mu kugeza amazi ku baturage. Kuva mu 2010, Guverinoma y'u Rwanda yihaye intego yo kugeza amazi meza ku baturage bose nk'imwe mu ngamba zo guharanira iterambere rirambye. Hirya no hino mu gihugu hakozwe imishinga myinshi yongereye ingano y'amazi akoreshwa ndetse n'abaturage ageraho bariyongera.



Hari icyizere ko imishinga izongera igipimo cy'amazi meza

Nk'uko bigaragazwa n'Ubushakashatsi bwa 7 ku mibereho y'Ingo (EICV7) bukorwa n'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR), kuri ubu u Rwanda rugeze ku kigero cya 89,7% by'ingo zegerejwe amazi meza.

Mu igenamigambi rya Gahunda ya Kabiri ya Guverinoma yo Kwihutisha Iterambere (NST2), u Rwanda rwihaye intego yo kugeza ku baturage bose amazi meza bitarenze mu mwaka wa 2030.

Minisitiri Dr. Utumatwishima yerekanye umuti w'ikibazo cy'imyambarire y'urubyiruko idahwitse

MUTETERAZINA Shifah

Minisitiri w'Urubyiruko n'Iterambere ry'Ubuhanzi Dr. Utumatwishima Jean Nepo Abdallah yatangaje ko Minisiteri ayoboye yahisemo kwigisha abasore n'abagabo kubaha umubiri w'umukobwa mu rwego rwo gukemura ikibazo cy'imyambarire y'urubyiruko rwiganjemo ab'igitsina gore, yigeze guteza impaka ku mbuga nkoranyambaga mu gihe cyo kuyirwanya.

Yabigarutseho ku wa 21 Ukwakira 2026, mu kiganiro Perezida Kagame yagiranye n'urubyiruko (MeetThePresident) cyitabiriwe n'abasaga ibihumbi 10 baturutse hirya no hino mu gihugu.



Minisitiri w'Urubyiruko n'Iterambere ry'Ubuhanzi Dr. Utumatwishima Jean Nepo Abdallah

Minisitiri Dr. Utumatwishima yagarutse ku mpaka zigeze kuba ku mbuga nkoranyambaga zitewe no gukumira imyambarire idakwiye yambarwa n'ubyiruko by'umwihariko abakobwa, mu bikorwa bitandukanye birimo ibitaramo bambaye imyambaro migufi abenshi bita 'impenure'.

Uwo muyobozi yavuze ko mu gukemura izo mpaka, bahisemo kwigisha abagabo n'abasore kubaha umubiri w'ab'igitsana gore. Ati: "Perezida wa Repubulika hari n'ikindi gitekerezo twabahaye [urubyiruko]. ntibadushima cyane. Twarababwiye tuti: 'Iyo wasinze ukora ibiteye isoni, hakaba n'abagukoresha bitwaje intege nke zawe. Biba byiza iyo ugiye gutarama wisanzuye ariko wambaye ibituma udasamara."

Yongeyeho ati: "Twafunguye idirishya ryo kuganira, benshi batwereka ukuri kuri mu byo bavuga tubatega amatwi. Isomo twakuyemo ni uko tugomba kwigisha abasore, abagabo kubaha umubiri w'umwana w'umukobwa."

Impaka ku myambarire mu Rwanda ziyongereye nyuma y'igitaramo cy'Umuhanzi Diamond Platnumz cyabereye i Kigali ku wa 29 Kanama 2026, ubwo havugwaga ko hari abagore n'abakobwa batemerewe kwinjira kubera imyambaro bari bambaye yafatwaga nk'ibambitse ubusa.

Ibyo byatumye ibyamamare nyarwanda mu ngeri zitandukanye, bigaragaza ibitekerezo by'uko ibyo byemezo byaba ari ukubuza abakobwa n'abagore uburenganzira bwabo cyane ko abakoresha imbuga nkoranyambaga, abenshi bavugaga ko imyambarire igaragaza imiterere y'umugore cyangwa umukobwa ikurura abagabo bikabazamurira irari, bikaba byaba intandaro yo kubakorera ihohotera rishingiye ku gitsina.

Ikilo cy'Ikawa y'u Rwanda cyaguzwe ibihumbi 670 Frw



Ikawa y'u Rwanda yahize izindi mu bwiza n'uburyohe yaguzwe ibihumbi 670 Frw ku kilo

ZIGAMA Theoneste

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Iyoherezwa mu Mahanga ry'Ibikomoka ku Buhinzi n'Ubworozi (NAEB), cyatangaje ko ikawa y'u Rwanda yongeye kwandika amateka yo kugurwa amafaranga menshi aho ikilo cyayo cyaguzwe ibihumbi 670 by'amafaranga y'u Rwanda.

Ni ikawa yagurishijwe muri cyamunara mpuzamahanga yabaye ku nshuro ya gatatu, mu buryo bw'ikoranabuhanga, ku itariki ya 21 Ukwakira 2026, aho kuri iyi nshuro toni 5,2 z'ikawa y'u Rwanda zagurishijwe arenga miliyoni 680 Frw mu masaha ane gusa.

Cyamunara nk'iyo yaherukaga mu 2025, ubwo ikilo cy'ikawa y'u Rwanda cyaguzwe ibihumbi 130 Frw.

Ikawa 31 zagurishijwe muri cyamunara zahize izindi 320 zakiriwe na NAEB, zivuye hirya no hino mu gihugu mu marushanwa ngarukamwaka y'ubwiza buhebuje bw'ikawa y'u Rwanda, zisuzumwa n'abasogongezi bo ku rwego rw'igihugu na mpuzamahanga.

Ikawa y'Ikigo cya K-Organics Ltd gikorera i Huye mu Ntara y'Amajyepfo ni yo yaciye agahigo ko kugurishwa amafaranga menshi aho yaguzwe ibihumbi 670 Frw ku kilo kimwe.

Ni igiciro gikubye inshuro 5 icyo mu mwaka wari wabanje, kuko mu 2025 na bwo ikawa ya K-Organics Ltd, yari yaguzwe ibihumbi 130 Frw ku kilo.

Iki giciro gikubye inshuro 66 z'icyo izindi kawa zicuruzwaho ku isoko mpuzamahanga muri uyu mwaka.

Karangwa Evariste, nyiri 'K-Organics Ltd' ifite ikawa yaguzwe ku giciro cyo hejuru kurusha izindi, yishimiye iyi ntsinzi asobanura ko igiye kubafasha guteza imbere ubuhinzi bw'ikawa y'ubwiza buhebuje, kwiteza imbere mu byo bakora, ndetse no guteza imbere abahinzi.

Ati: "Twishimiye iki giciro twagurishijeho kuko kigiye gufasha ikigo guteza imbere ubuhinzi bw'ikawa no kuzamura imibereho myiza y'abahinzi muri rusange."

Yongeraho ko iyi ntambwe ishimangira ubudasa bw'ikawa y'u Rwanda mu ruhando mpuzamahanga.

Umuyobozi Mukuru wa NAEB, Bizimana Claude, yashimangiye ko uyu musaruro usobanuye ikimenyetso gikomeye cy'ubufatanye bw'abari mu bikorwa byo gutunganya ikawa, ndetse no kwishimirwa k'ubwiza bw'ikawa y'u Rwanda ku isoko mpuzamahanga.

Ati: "Ibi tugezeho uyu munsi ni ikimenyetso cy'umusaruro wo gushyira hamwe mu batunganya ikawa ndetse n'ishoramari rishya ku buhinzi bwayo. Ni ikimenyetso kandi cy'uko abaguzi mpuzamahanga b'ikawa bishimira ubwiza bwihariye bw'ikawa y'u Rwanda"

Abaguze ikawa y'u Rwanda mu cyamunara biganjemo abo muri Aziya, u Burayi, Amerika ndetse na Afurika.

Iri rushanwa ngarukamwaka ry'ubwiza buhebuje bw'ikawa y'u Rwanda, ritegurwa na NAEB mu rwego rwo gushimira abahinzi, abatunganya ikawa n'abayohereza mu mahanga; ku muhate bagira mu guteza imbere ikawa y'ubwiza buhebuje. Ni urubuga kandi rwo kumenyekanisha ikawa y'u Rwanda mu ruhando mpuzamahanga, hagamijwe kwagura isoko u Rwanda rucuruzaho ikawa no kongera amadovize ikawa yinjiza mu gihugu.

Pariki y'Igihugu y'Akagera yinjije miliyari 2,2 Frw mu mezi atatu



Abasura Pariki y'Igihugu y'Akagera bafashwa n'inzobere bakarushaho kuryoherwa no kureba ibyiza nyaburanga biyigize

IMVAHO NSHYA

Pariki y'Igihugu y'Akagera yakiriye abashyitsi 15 790 hagati ya Nyakanga na Nzeri 2026, barimo ba mukerarugendo 13 911 bishyuye, binjije amafaranga y'u Rwanda asaga miliyari 2,2 ahwanye n'amadolari ya Amerika 1 529 432.

Ibi bigaragaza uruhare ubukerarugendo bwo muri iyi pariki bukomeje kugira mu kwinjiza amadovize no guteza imbere ubukungu bw'u Rwanda. Mu itangazo ry'ubuyobozi bwa Pariki y'Akagera, bwagaragaje kandi ko muri Nzeri 2026, impuzandengo y'amafaranga y'amahanga yinjijwe na buri mushyitsi wayisuye yageze ku madolari 162.

Iyi mibare yiyongereyeho 22% ugereranyije na Nzeri 2025, bikaba ari byo bipimo by'izamuka rikomeye kurusha ibindi byagaragaye kuva mu 2010. Iri zamuka rigaragaza ko Pariki y'Igihugu y'Akagera ikomeje kugira uruhare mu bukerarugendo bw'u Rwanda, binyuze mu gukurura abashyitsi no kwinjiza amadovize ava muri uru rwego.

Ubuyobozi bwa Pariki y'Igihugu y'Akagera bwatangaje ko mu mwaka wa 2025 iyi pariki yinjirije u Rwanda, asaga miliyari 7,2 z'amafaranga y'u Rwanda (miliyoni 5,06 z'amadolari ya Amerika) avuye mu bikorwa by'ubucuruzi, bikaba bingana n'izamuka rya 5,4% ugereranyije n'umwaka wa 2024.

Mu mwaka wose, Pariki y'Akagera yakiriye abayisura 59 538, bigaragaza izamuka rya 8% ku mubare w'abayisura ugereranyije n'umwaka wabanje wa 2024.

Abanyarwanda bangana na 47% by'abasuye, abaturutse mu mahanga na bo bangana na 47%, mu gihe abanyamahanga batuye mu Rwanda bangana na 6%.

Imishinga 19 iterwa inkunga n'amafaranga ava mu bukerarugendo yararangiye

Ubuyobozi bwa Pariki y'Igihugu y'Akagera, Ikigo cy'Igihugu cy'Iterambere (RDB) n'abahagarariye Uturere twa Kayonza, Gatsibo na Nyagatare bakomeje gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imishinga iterwa inkunga n'amafaranga ava mu bukerarugendo, hagamijwe kureba aho igeze no kumenya ibikwiye gukorwa kugira ngo irangire.

KOMEZA KU RUP.18

U Rwanda rwifuza ko isoko rimwe muri COMESA rijya mu ngiro

NTAWITONDA Jean Claude

Guverinoma y'u Rwanda yagaragaje uburyo yifuza ko isoko rimwe mu bihugu bihuriye mu Muryango w'Ubukungu n'Ubucuruzi w'Afurika y'Iburasirazuba n'Amajyepfo (COMESA) rikwiye kuva mu bitekerezo n'imvugo rigashyirwa mu bikorwa kugira ngo ahazaza hitezwe hagerweho haba kuri ibyo bihugu no kuri Afurika muri rusange.

Minisitiri w'Intebe w'u Rwanda Dr. Nsengiyumva Justin yabigarutseho mu ijambo yagejeje ku bitabiriye Inama ya 25 y'Abakuru b'Ibihugu na Guverinoma bihuriye muri COMESA, aho yahagarariye Perezida wa Repubulika Paul Kagame.

Iyo nama yateranye ku nsanganyamatsiko igira iti: "Isoko Rimwe, Ahazaza Hamwe: Kwihutisha Iterambere ry'Inganda rihuriweho, Ishoramari no kwihuza kw'Akarere muri COMESA", ishimangira uburyo ibihugu bya Afurika binyotewe no kubaka ubudahangarwa mu bukungu, guhanga imirimo ihamye kandi ijyanye n'abaturage biyongera, kureshya ishoramari no kurushaho kwagura amahirwe ku Banyafurika bose.

Dr. Nsengiyumva yavuze ko muri iki gihe ubukungu bw'Isi bwubakwa n'abashoboye guhangana nta gihugu gishobora kugera ku byo cyifuza mu gihe gihisemo kuba nyamwigendaho.

Ati: "Dukwiye gukomeza ukwihuza kwacu, duhuriza hamwe imbaraga dufite kandi tugashyiraho isoko ry'Akarere rifasha abaturage bacu n'ubucuruzi gukomeza gutera imbere."

Yakomeje atangaza inkingi eshatu zafasha ibihugu bihuriye muri COMESA kugera ku isoko rimwe, aho yashimangiye ko iya mbere ari ukuvana ibyo ibihugu byiyemeje mu mvugo bigashyirwa mu bikorwa.



Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva Justin yahagarariye Perezida Kagame mu Nama ya 25 ya COMESA

Muri ibyo ibihugu byiyemeje, yavuzemo gukuraho imbogamizi z'ubucuruzi bwambukiranya imipaka, koroshya no kugabanya ibisabwa kuri za gasutamo, kwimakaza gukorera mu mucyo mu mabwiriza y'ubucuruzi, guhuza imikorere no kongera ingamba zikemura ingorane zijyanye n'ubucuruzi mu bihugu bihuriye muri COMESA uko ari 21.

Yakomeje agira ati: "COMESA ifite uruhare rukomeye igomba kugira mu guharanira kugera ku cyerekezo cyo kwihuza kwa Afurika, aho Imiryango y'Akarere mu by'Ubukungu uhereye mu Burasirazuba ukageza Iburengerazuba, Amajyaruguru n'Amajyepfo yose ishobora guhererekanya ibicuruzwa na serivisi nta mbogamizi. Imbaraga zishyirwa mu ishyirwa mu bikorwa ry'Isoko Rusange rya Afurika zikwiye gukomeza ariko zishyigikiwe n'uyu Muryango, mu kwihutisha gahunda z'ukwihuza rusange ku mugabane wose."

Inkingi ya kabiri yafasha kugera ku ntego z'Umuryango wa COMESA ni uguharanira kubona ishoramari rifatika kandi rirambye. Dr. Nsengiyumva yasabye ibihugu bihuriye muri uyu Muryango kongerera imbaraga ishoramari ryambukiranya imipaka y'ibihugu bihuriyemo bikajyana no korohereza abashoramari gukora no kugera ku mari.

Nanone kandi yagaragaje ko ari ingenzi no kubaka ubufatanye hagati ya Leta n'abashoramari buhuza ubucuruzi n'amahirwe ari ku isoko rusange rya COMESA. Aha ni na yo hagaragaje ko ikindi cy'ingenzi ari ukongera inganda no kongerera agaciro ibicuruzwa kuko ari byo bigira uruhare rw'ingenzi mu guhanga imirimo, kwagura amahirwe y'ubukungu no kugabanya ukwishingikiriza ku byo ibihugu bya Afurika bitumiza mu mahanga.

Ati: "Ibihugu byacu bikwiye kwibanda cyane ku guteza imbere uruhererekane rw'ubucuruzi mu nzego dufitemo imbaraga zuzuzanya n'amahirwe atandukanye y'iterambere."

Yongeraho ati: "Tuzirikana ko ikoranabuhanga ubwaryo rishobora koroshya iherererekanywa ry'amafaranga ryambuka imipaka, guteza imbere imikorere ya za gasutamo, kunoza uburyo bwo kugera ku makuru arebana n'isoko rihari, ndetse rikanoroshya urujya n'uruza rw'ibicuruzwa n'abantu no guhererekanya serivisi."

Yakomeje avuga ko u Rwanda, mu gushyigikira icyo cyerekezo rwishimiye kwakira inama nyunguranabitekerezo y'abafatanyabikorwa batandukanye muri Kanama uyu mwaka, aho bari bateraniye gutegura Gahunda ya COMESA irebana n'imikoreshereze y'Ikoranabuhanga ry'Ubwenge buhangano (AI) ndetse n'ijyanye n'imikoreshereze y'ikoranabuhanga ritagira n'umwe risigaza inyuma.

Aha ni ho yahereye ashimangira ko u Rwanda rwiyemeje gutanga umusanzu warwo uzira amakemwa mu guharanira guteza imbere ikoranabuhanga mu Karere ndetse no kwimakaza isoko rigahuza kandi ritagira n'umwe riheza.

Yaboneyeho kugaragaza ko amahitamo ari ay'Abanyafurika gukomeza guhungabanywa n'impinduka zituruka kuri Politiki y'Isi n'ibibazo by'ubukungu cyangwa bagahitamo gukorana bya hafi mu kubaka Umuryango wa COMESA wihuje, ufite ubudahangarwa kandi uteye imbere.

Yahamije ko ukwihuza bitanga imbaraga ziva ku bumwe kandi bikanaba umusemburo wo kuzirikana ko gutatanya imbaraga bizana n'ikiguzi gihanitse ku Banyafurika bose.

Yasoje ashimangira ko "Isoko Rimwe, Ahazaza Hamwe" bidakwiye gukomeza kuba inzozi, ahubwo ko buri gihugu gikwiye guharanira kubigira igikorwa gifatika mu Karere. Ati: "Ahazaza h'uyu Muryango hashingiye ku mahitamo dufata kuri iyi ngingo."

COMESA igizwe n'ibihugu birimo u Rwanda, u Burundi, Ibirwa bya Comores, Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo (RDC), Djibouti, Misiri, Eritereya, Eswatini, Ethiopiya, Kenya, Libya, Madagascar, Malawi, Ibirwa bya Maurice (Mauritius), Ibirwa bya Seychelles, Somalia, Sudani, Tuniziya, Uganda, Zambiya, Zimbabwe.

Pariki y'Igihugu y'Akagera yinjije miliyari 2,2 Frw mu mezi atatu

IBIKURIKIRA URUP.16

Mu kwezi kwa Nyakanga 2026, abo bayobozi basuye imishinga 49 yo mu myaka y'ingengo y'imari ya 2024-2025 na 2025-2026, basanga 19 yararangiye, 11 igeze ku gipimo kirenga 95%, irindwi igeze kuri 70%, mu gihe 12 yari itaratangira.

Mu kwezi kwa Nzeri 2026, hongeye gukorwa igenzura ku yindi mishinga 15 rigaragaza ko icyenda yarangiye cyangwa yari igeze hafi yo kurangira, mu gihe itandatu yari ikiri mu ntangiriro cyangwa itaratangira.

Iri genzura rigamije gukurikirana imikoreshereze y'amafaranga agenerwa abaturage batuye hafi ya Pariki y'Igihugu y'Akagera, binyuze muri gahunda yo gusaranganya amafaranga ava mu bukerarugendo (Tourism Revenue Sharing).

Iyi gahunda igamije gufasha abaturage baturiye Pariki kungukira mu bikorwa by'ubukerarugendo, guteza imbere imibereho yabo no gushimangira uruhare rwabo mu kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima.

Bugesera: Abatuye hafi y’ahazabera isiganwa rya ‘Formula 1’ biteze amahirwe menshi



Imodoka zo mu isiganwa rya ‘Formula 1’ - Ifoto: Internet

TWAGIRA Wilson

Mu myaka ine iri imbere, isiganwa ry’imodoka rya ‘Formula 1’ riteganyijwe kuzabera mu Murenge wa Rilima mu Karere ka Bugesera hafi y’umujyi wa Nyamata mu Ntara y’Uburasirazuba ryitezweho kuzagira uruhare mu guteza imbere imibereho y’abahaturiye mu rwego rw’ubukungu, Ibyo bigaragarira mu mirimo izahangwa, guteza imbere ubucuruzi n’ubukerarugendo, kunoza ibikorwa remezo n’ibindi.

Nteziryayo Jean Marie Vianney utuye mu Karere ka Bugesera avuga ko Isiganwa rya ‘Formula 1’ rishobora kuzaba amahirwe yo gufasha abaturage kubona uko bihangira imirimo mito, iminini n’icyiriritse bishingiye ku gukora ibikorwa bitandukanye, nko gucunga umutekano, ibikorwa by’isuku aho isiganwa ribera, gutwara abantu, gutegura amafunguro, no gufasha mu gutegura ibirori n’ibindi, ibyo bikorohereza abaturage kubona amafaranga yo kwiteza imbere ndetse n’ubuzima bugahinduka.

Ati: “Nk’ubu twebwe nubwo dusatira imyaka yo kugera mu zabukuru, mfite icyizere cyuko nibura abana bacu badukomokaho bakwiye gukanguka bagakora, kuko ni bo bagifite imbaraga zo gukora, rero ririya siganwa rya ‘Formula 1’rije iwacu, ndabagira inama yo kudapfusha ubusa ibikorwa remezo nk’ibi bikomeje kuza mu Rwanda, urugero ruto naguha, ni uko nk’uriya mushinga w’ikibuga cy’indege iyo witegereje hari akamaro kanini byagiriye abahaturiye kuko hari benshi nari nzi bahaturiye usanga baramaze guhindura ubuzima n’uburyo babayeho kubera kiriya gikorwa remezo.”

Nkundineza Gaspard w’imyaka 30 usanzwe acuruza serivisi z’itumanaho rya ‘Mobile Money’ na ‘Mituyu’ (Me2U), utuye mu Murenge wa Mayange uhana imbibi n’uwa Rilima uzubakwamo ikibuga kizakira isiganwa, avuga ko isiganwa rya ‘Formula 1’ rizaza ari nk’imbarutso y’iterambere kubikorera bakiri bato kandi bafite intego yo kugera ku iterambere bifuza.

Ati: “Ntabwo twapfusha ubusa amahirwe aje adusanga kandi tuyegerejwe na bwa buyobozi buhora butwifuriza ibyiza, rero serivisi ntanga zo guhererekanya amafranga ava ku mukiliya ajya ku wundi izatuma ngera ku rundi rwego kuko niteze kuzabona abakiliya badasanzwe kandi niteguye kuzabakira neza.”

Isiganwa rya ‘Formula 1’ ryerekanwa ku mateleviziyo no ku mbuga zitandukanye ku Isi. Ibyo bizatuma Akarere ka Bugesera karushaho kumenyekana, bikaba byakurura abashoramari, ba mukerarugendo n’andi mahirwe y’iterambere.

Abaturiye Akarere ka Bugesera bavuga ko igihe ibikorwa by’ubwubatsi bizaba byatangiye abaturage baho bazabona imirimo myinshi mu bwubatsi bw’umuhanda mugari uri kubakwa ndetse n’indi mito yaba iyatangiye n’iteganywa kubakwa, amahoteli n’ibindi bikorwa remezo bifite uruhare muri uyu mushinga.

Mu gihe ikibuga cyizaba cyatangiye gukora hazabaho imirimo ihoraho mu miyoborere y’ikibuga, umutekano, isuku no kwakira abashyitsi.

Isosiyete n’ishuri rya siporo, Minisiteri ya Siporo n’Urwego rw’Iterambere mu Rwanda (RDB) bateganya gushyiraho ‘Motorsport Academy’ izafasha urubyiruko rwo muri kariya gace kumenya imirimo itandukanye irimo ubukanishi n’ibindi.

Minisitiri wa Siporo, Nelly Mukazayire ku rubuga rwe rwa X aherutse kugaragaza amahirwe ‘Formula 1’ izazanira u Rwanda ndetse n’umugabane wa Afurika, binyuze mu marushanwa, imyidagaduro, ubucuruzi, ubukerarugendo, ishoramari, guhanga imirimo no guteza imbere abafite impano.

Inyungu Afurika y’Epfo yakuye mu kwakira F1 mu 1993

Urubyiruko rwo muri Afurika y’Epfo rwabonye amahirwe yo kwiga imyuga ijyanye no gusana imodoka, ubwubatsi, ikoranabuhanga, imicungire y’ibikorwa remezo n’umutekano, byabafashije kubona akazi no kwihangira imirimo.

Abaturiye hafi y’ahabereye isiganwa rya F1 mu gihugu cy’Afurika y’Epfo mu gace ka Kyalami bavuga ko icyo gikorwa remezo cyatumye bashobora kubona abakiliya benshi baturutse mu bindi bice by’igihugu no mu mahanga, bituma nk’amahoteli, resitora, amaduka, abashoferi n’abacuruza ibicuruzwa bitandukanye byongereye inyungu binyuze mu kugurisha serivisi n’ibicuruzwa byabo. Icyo gice cyaramenyekanye hanaboneka amahirwe yo guteza imbere ubukerarugendo.

Abaturiye ikibuga bemeza ko hashowe amafaranga mu gusana no kubaka imihanda, kunoza uburyo bwo gutwara abantu no guteza imbere itumanaho. Ibyo bikorwa bishobora no kugirira akamaro abaturage mu buzima bwabo bwa buri munsi.

Afurika y’Epfo iheruka kwakira isiganwa rya ‘Formula 1’ ribarwa muri Shampiyona y’Isi mu mwaka wa 1993, ku kibuga cya Kyalam. Nkuko The business insider Africa yabitangaje, muri rusange, isiganwa rya ‘Formula 1’ ryafashije abaturage batuye hafi y’ahabera isiganwa kubona imirimo, kongera inyungu mu bucuruzi, guteza imbere ubukerarugendo no kunoza ibikorwa remezo n’ibindi.



Igishushanyo mbonera cyahazubakwa ikibuga cyizaberaho isiganwa

NPSC yagaragaje ibyuho mu itangwa ry'akazi mu nzego za Leta

ZIGAMA Theoneste

Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Abakozi ba Leta (NPSC) yagaragaje ibibazo biri mu itangwa ry'akazi mu nzego za Leta, birimo guha imyanya abakandida badafite impamyabumenyi zisabwa cyangwa ibyangombwa bibyemeza, umubare muto w'abitabira ibizamini by'akazi n'ibisabwa mu myanya y'akazi bitajyanye n'igihe.



Hagaragajwe ibyuho bikiri mu mitangire y'akazi mu nzego za Leta

Raporo y'iyi Komisiyo y'umwaka wa 2025/2026 igaragaza ko 21,7% gusa by'abakandida bari bashyizwe ku rutonde rw'abemerewe gukora ibizamini by'akazi muri Leta ari bo babikoze, bituma hibazwa niba uburyo bwo gutanga akazi bukora neza.

Ibi byagarutsweho ku itariki ya 21 Ukwakira, ubwo Umuyobozi w'Agateganyo w'Inama y'Abakomiseri ba NPSC, Barnabé Sebagabo Muhire, ubwo yagezaga ku Nteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda, imitwe yombi, ibyavuye mu isesengura ry'iyi Komisiyo.

Yagaragaje intege nke mu buryo bwo gutanga akazi, kugenzura impamyabumenyi z'abakandida no gutegura ibizamini.

Komisiyo yasabye ko amategeko agenga itangwa ry'akazi yubahirizwa kurushaho, ibisabwa mu myanya y'akazi bikavugururwa, ndetse n'uburyo ibizamini bikorerwamo bukanozwa kugira ngo ibyo bibazo bikemuke.

Hagaragaye amakosa mu itangwa ry'akazi

Raporo igaragaza ko NPSC yasuzumye raporo 252 z'itangwa ry'akazi zatanzwe n'ibigo bya Leta 90, igasanga raporo 45 zo mu bigo 34 zirimo amakosa.

Muri raporo zasuzumwe, 207 zingana na 82,1%, nta makosa yavuzweho, mu gihe izindi 45, zingana na 17, 9%, zari zirimo ibibazo bifitanye isano n'itangwa ry'akazi.

Mu igenzura ryakozwe mu bindi bigo bya Leta 57, Komisiyo yasanze hari abantu bahawe imyanya badafite impamyabumenyi zihwanye n'izisabwa, abandi badafite amashuri asabwa ku myanya bahawe, ndetse n'abahawe akazi bashingiye ku byangombwa by'agateganyo bahawe batararangiza amasomo yabo.

Ibyo byatumye havuka impungenge ku buryo impamyabumenyi z'abakandida zigenzurwa no ku kubahiriza amabwiriza agenga itangwa ry'akazi.

NPSC yasabye ibigo bya Leta kubahiriza amabwiriza agenga itangwa ry'akazi, bikabanza kugenzura ko abakandida bujuje ibisabwa ku myanya yatangajwe mbere yo kubaha akazi.

Raporo kandi yagaragaje itandukaniro hagati y'umubare w'abakandida bashyirwa ku rutonde rw'abemerewe gukora ibizamini by'akazi muri Leta n'abagera aho bikorerwa.

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2025/2026, ibigo bya Leta byakiriye ubusabe 469 532 bw'abantu bashakaga akazi, muri bo 228 451 bashyirwa ku rutonde rw'abemerewe gukora ibizamini.

Icyakora, abakoze ibizamini ni 49 651 gusa, bangana na 21,7%, bivuze ko hafi umunani ku 10 bari bemerewe kubikora batabikoze. Mu babikoze, abatsinze ni 6 831, bangana na 13,8%.

Iri tangwa ry'akazi ryarebaga imyanya 988 yari yatangajwe, isaba abakozi 3 370. Mu bakandida batsinze, 2 512 bahawe akazi, mu gihe 3 781 bashyizwe ku rutonde rw'abashobora kuzahabwa akazi mu gihe imyanya izaboneka. Abandi 323 banze akazi bahawe, naho 126 ntibahabwa imyanya kubera ko batari bujuje ibisabwa.

Hari abandi bakandida 89 batashyizwe ku rutonde rw'abashobora kuzahabwa akazi kubera ko batari bujuje ibisabwa kugira ngo bemererwe.

Raporo ntiyasobanuye impamvu nyamukuru yatumye umubare w'abitabira ibizamini uba muto. Icyakora, Komisiyo yagaragaje ko kutategura neza ingengabihe y'ibizamini bishobora gutuma abakandida basabye imyanya myinshi batabasha gukora ibizamini byose.

Ibisabwa mu myanya imwe n'imwe ntibijyanye n'akazi

Komisiyo yanagaragaje impungenge ku bisabwa mu myanya imwe n'imwe y'akazi bitajyanye n'igihe cyangwa bidakwiye, bishobora kubuza abakandida bafite ubushobozi kubona amahirwe yo guhatana.

Muri ibyo biganiro byabereye mu Nteko Ishinga Amategeko, Depite Yvonne Mujawabega yabajije niba amashuri asabwa ku myanya imwe n'imwe ahuye n'inshingano z'akazi nyir'izina.

Yatanze urugero rw'umwanya w'impuguke mu bijyanye no kugaburira abanyeshuri ku mashuri, bivugwa ko wasabaga umuntu ufite ubumenyi mu bijyanye n'amategeko, abaza niba ubwo bumenyi bujyanye n'inshingano z'uwo mwanya.

NPSC yasabye Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo gusuzuma no kuvugurura ibisabwa mu myanya y'akazi mu nzego za Leta, kugira ngo impamyabumenyi zisabwa zijyane n'inshingano za buri mwanya ndetse n'amasomo yigishwa mu mashuri ahari ku isoko ry'umurimo.

Komisiyo yanatanze igitekerezo cy'uko ibisabwa mu myanya y'akazi byemejwe byashyirwa muri sisitemu ikoresha ikoranabuhanga mu gutanga akazi, kugira ngo hagabanuke amakosa n'ibidahuye mu gihe ibigo bitangaza imyanya no gushyira abakandida ku rutonde rw'abemerewe gukora ibizamini.

Imiterere ibizamini bikorerwamo n'impungenge z'uburiganya

Abagize Inteko Ishinga Amategeko bagaragaje kandi impungenge ku miterere ibizamini byo gushaka abakozi ba Leta bikorerwamo.

Senateri Mureshyankwano Marie-Rose yagaragaje imbogamizi abagore bonsa bahura na zo mu gihe bakora ibizamini, asaba ko hashyirwaho uburyo bubafasha kubikora mu buryo buboneye.

Yanagaragaje ikibazo cy'ikoreshwa rya mudasobwa zishaje mu bigo bikorerwamo ibizamini.

NPSC yasabye Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo gukorana n'abashinzwe ibigo bikorerwamo ibizamini, kugira ngo mudasobwa zikorweho isuku n'isanwa uko bikwiye, kandi uburyo bwo kubona interineti bunozwe.

Komisiyo yanashimangiye ko ingengabihe y'ibizamini ikwiye gutegurwa neza, cyane cyane mu gihe abakandida basabye imyanya myinshi ibizamini byayo bigakorerwa umunsi umwe.

Raporo yagarutse ku kibazo cyabereye mu Kigo cy'Igihugu gishinzwe Ikigega cyo Kubungabunga Imihanda (Rwanda Maintenance Fund), aho umukandida bivugwa ko yakoresheje telefoni agakora uburiganya mu kizamini, nyuma akaza no gutsinda. NPSC yagiriye icyo kigo inama yo kutamuha akazi.

Urutonde rw'abatsinze rukoreshwa mu kuzuza imyanya ibonetse

Nubwo hari ibibazo byagaragajwe, Komisiyo yavuze ko hari intambwe yatewe mu gukoresha urutonde rw'abakandida batsinze ibizamini ariko batarahabwa akazi, mu kuzuza imyanya ibonetse mu nzego za Leta, aho kongera gutegura ibizamini bishya.

Muhire yabwiye Inteko Ishinga

KOMEZA KU RUP.21

Abasenyewe na Sebeya bahawe inzu 564 bemerewe na Perezida Kagame



Abaturage bishimiye guhabwa inzu zo kubamo, nyuma yo gusemyerwa n'umugezi wa Sebeya

TWAGIRA Wilson

Abaturage basaga ibihumbi bine basizwe iheruheru n'ibiza byujuje umugezi wa Sebeya ukabasenyera mu mwaka wa 2023, bamwe bakahasiga ubuzima, kuri uyu wa 22 ukwakira 2026, bashyikirijwe amacumbi agezweho 564.

Ni inzu bemerewe na Perezida wa Repubulika Paul Kagame ubwo yari yabasuye m urwego rwo kubafata mu mugongo no kubahumuriza ubwo bari bahuye n'ibyo biza bikabahungabanya cyane.

Izo nzu zubatse mu Murenge wa Rugerero, Akarere ka Rubavu, mu Ntara y'Iburengerazuba.

Minisitiri ushinzwe Ibikorwa by'Ubutabazi Maj. Gen. (Rtd) Albert Murasira washyikirije ayo macumbi abagenerwabikorwa yababwiye ko ubutumwa bwa Perezida Kagame yabashimiye uburyo bakomeje kwihangana bitewe n'ibihe banyuzemo bigoye kandi bikomeye ubwo batakazaga imitungo yabo ndetse n'ubuzima biturutse ku biza.

Yagize ati: "Kuba mwarihanganiye ububabare, ibihombo, ndetse n'ibibazo by'ihungabana mu buryo bw'umubiri mwagize muri byo bihe ubwo mwibasirwaga n'ibiza byo muri Gicurasi 2023. Nubwo bamwe muri mwe mwabuze abanyu, ariko mwakomeje guharanira kwiyubaka mu buzima bw'ejo hazaza, rero imvugo ni yo ngiro, Leta ntizigera ibatererana gusa namwe uruhare rwanyu ni ngombwa kugira ngo izi nzu zikomeze zigire isuku n'umutekano."

Umuyobozi w'Akarere ka Rubavu Murindwa Prospe,r yibukije abagenewe inzu kuzibungabunga mu buryo bwose bushoboka kuko ari imitungo yabo.

Agaruka ku ngamba Akarere kafashe mu rwego rwo kugabanya ikibazo cy'amazi, harimo kubaka inkuta zikomeye ku nkengero za Sebeya n'ibindi.

Bazegerezwa Amashuri y'abana babo hafi aho.

Yaboneyeho gushima Banki y'Isi ko yafatanyije na Leta y'u Rwanda kugira ngo abaturage bahuye n'ibibazo babone aho kuba. Ati: "Ntabwo ari amacumbi muhawe gusa, kuko hateganyijwe ko muzubakirwa n'ibyumba by'amashuri 16 aho abana banyu bazigira hafi yizo nzu zanyu."

Avugana na Imvaho Nshya, Uwimana Winifrida w'imyaka 65 uri mu bahawe inzu, avuga ko atazigera yibagirwa ijoro ubwo ikibazo cy'ibiza cyabibasiraga ariko icyo gihe Leta na bwo yahise ibagoboka vuba ibashakira aho baba bakodesheje mu gihe gito.

Ati: "Ijoro ribara uwariraye icyo gihe umuvu w'amazi yasandariye mu nzu zacu nyuma y'uko imitungo yacu ndetse n'ubuzima bihatikiriye twumvaga ubuzima burangiye, gusa si ko byagenze kuko Leta yacu yatubaye hafi iradufasha aho bishoboka. Ku buryo bafashije no guherekeza mu cyubahiro abacu bahapfiriye."

Naho Germain Nyirandeze na we wahawe icumbi, yagarutse ku buryo batasigaye bonyine muri ibyo bihe by'amage, ati: "Nubwo twabuze abacu n'ibyacu, turashima ubuyobozi bwaduhumurije kuko hari bamwe bari bagize ibibazo by'ihungabana ariko ubu turishimye turatuje."

Mu ijoro rishyira ku itariki ya 3 Gicurasi 2023, ubwo imvura idasanzwe yibasiraga Uturere dutandukanye turimo n'aka Rubavu aho amazi y'umugezi wa Sebeya yuzuraga agasandarira mu ngo z'abaturage.

Ayo mazi menshi yasenyeye abaturage basaga 4 235 mu gihe abandi 104 bahakomerekeye bakajya kuvuzwa, naho 29 bahasiga ubuzima. Icyo gihe inzu 719 ni zo zasemyutse burundu naho izindi zigera kuri 855 zirangirika byoroshye ibice bimwe birasanwa.

MINEMA itangaza ko muri rusange miliyari zisaga 16 z'amafaranga y'u Rwanda ari zo zakoreshejwe mu gushakira amacumbi abaturage basenyewe kuva ibiza byatangira kwibasira Akarere ka Rubavu. Gahunda yo guha abaturage ayo macumbi yahuriranye n'igikorwa cyo kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga wahariwe kugabanya ingaruka z'ibiza.

Inzu zigezweho bubakiwe buri imwe ifite ibyumba bitatu n'uruganiriro ifite ibyangombwa byose byuzuye umuriro n'amazi, ubwiherero, ububiko, uturima tw'igikoni, ibigega bifata amazi n'ibindi bikorwa remezo nkenerwa.

NPSC yagaragaje ibyuho mu itangwa ry'akazi mu nzego za Leta

IBIKURIKIRA URUP.20

Amategeko ati: "Mu mwaka w'ingengo y'imari, abantu 1,370 bahawe akazi bakuwe ku rutonde rw'abari baratsinze ibizamini mbere."

Ubu buryo bufasha ibigo bya Leta guha akazi abakandida bujuje ibisabwa kandi baramaze gutsinda ibizamini, bityo bikagabanya amafaranga akoreshwa mu gushaka abakozi n'igihe bitwara.

Komisiyo yanagaragaje ko ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu gusuzuma raporo z'itangwa ry'akazi zitangwa n'ibigo bya Leta ryiyongereye, ndetse hatangiye no gukoreshwa ibizamini bipima imitekerereze n'imyitwarire y'abakandida (psychometric tests) mu rwego rwo kunoza isuzuma ry'ubushobozi bwabo.

NPSC yatangaje ko mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2025/2026, 98,1% by'ibyemezo yafashe byashyizwe mu bikorwa.

Mu mwaka wa 2026/2027, Komisiyo irateganya kugenzura ibigo 15 bikorerwamo ibizamini byo gushaka abakozi ba Leta, hagamijwe kureba niba amabwiriza agenga itangwa ry'akazi yubahirizwa, serivisi zihabwa abakandida zitangwa neza, ndetse n'imbogamizi zikigaragara mu bizamini.

Yasabye kandi ko ubufatanye n'ihuzabikorwa mu itangwa ry'akazi birushaho kunozwa kugira ngo ibibazo byagaragajwe bikemuke.

Umufaransa Paul Barril washinjwe gukora Jenoside yakorewe Abatutsi yapfuye ataraburanishwa



Paul Barril wari Umujandarume w'Umufaransa washyizwe ku rutonde rw'abasirikare b'u Bufaransa bashinjwa kugira uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yapfuye ataraburanishwa

SHEMA Ivan

Paul Barril wari Umujandarume w'Umufaransa washyizwe ku rutonde rw'abasirikare b'u Bufaransa bashinjwa kugira uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, yapfuye ku myaka 80 azize kanseri.

Uyu mugabo ashinjwa uruhare mu gufasha Guverinoma yateguye ikanashyira mu bikorwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, byatangajwe ko yapfuye ku wa 20 Ukwakira 2026,.

Captain Paul Barril wari umujandarume w'Umufaransa, yayoboye umutwe wihariye ubarizwa muri Gendarmerie uzwi nka Groupe d'Intervention de la Gendarmerie Nationale (GIGN).

Uyu mutwe wari ufite inshingano zo kurwanya iterabwoba, kubohoza imbohe zishobora gufatwa bugwate ku nyungu runaka, kugenzura igishobora kubangamira umutekano w'igihugu no kurinda abayobozi bakuru muri Guverinoma y'u Bufaransa.

Ubwo u Bufaransa bwayoborwaga na François Mitterrand guhera mu 1981 kugeza mu 1995, uyu mugabo yari mu bagize uruhare rukomeye mu ishingwa ry'umutwe ushinzwe gukumira ibitero by'iterabwoba bishobora kwibasira ibiro bya Perezida mu Bufaransa.

Barril yakoranye bya hafi n'Ubutegetsi bw'uwari Perezida w'u Rwanda, Habyarimana Juvenal ndetse avugwaho kuba yaragize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu buryo butaziguye.

Mu bwicanyi bwakorewe Abagogwe mu 1993, Barril ashinjwa kuba yarafashije mu gutoza itsinda ryihariye ry'izari ingabo z'u Rwanda (EX-FAR) ryari rishinzwe ubushakashatsi bwimbitse, ndetse n'Interahamwe zitwaga "Turihose".

Icyo gihe ubufasha yatangaga bwitwaga "Insecticide" cyangwa se 'umuti wica udukoko' rigahuzwa no kuba Abatutsi baritwaga "Inyenzi" icyo gihe.

Inyandiko zitandukanye kandi zigaragaza ko Barril yakomeje gukorana n'abahoze muri EX-FAR na nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bari mu mugambi wo kongera gutera u Rwanda.

Uyu mugabo yumvikanye bwa mbere muri Gicurasi 2020 imbere y'umucamanza ushinzwe iperereza ku byaha byibasiye inyokomuntu by'urukiko rwa Paris, nyuma y'imyaka umunani yari ishize hakorwa iperereza.

Iperereza ryatangijwe nyuma y'ikirego cy'ubufatanyacyaha muri Jenoside yakorewe Abatutsi cyatanzwe mu 2013 n'Ishyirahamwe 'Survie', Ihuriro Mpuzamahanga ry'Uburenganzira bwa Muntu (FIDH) n'Umuryango w'Uburenganzira bwa Muntu (LDH).

Nubwo bimeze gutyo uyu mugabo yapfuye ataragezwa imbere y'ubutabera kugira ngo yisobanure ku ruhare rwe ku byaha byibasiye inyokomuntu mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Itangazo Umuryango w'Abanyarwanda baba mu Bufaransa washyize hanze ku wa 21 Ukwakira 2026, watangaje ko bibabaje kuba yarakingiwe ikibaba akaba apfuye atagejejwe mu butabera nubwo hashize imyaka 13 hatanzwe ikirego cyo kumukurikirana.

Uyu muryango wakomeje uvuga ko uzakomeza guharanira ko ukuri kujya ahagaragara n'uko ubutabera butangwa ku bazize Jenoside yakorewe Abatutsi, abayirokotse ndetse no ku bisekuru bizaza.

Hatangiye kuburanishwa ubujurire bw'abasaba ubuhungiro mu Rwanda

KAMALIZA Agnes

Ku wa 20 Ukwakira 2026, Inama y'Ubujurire ku Mpunzi n'Abasaba Sitati y'Ubuhunzi mu Rwanda yatangiye ku mugaragaro kuburanisha imanza za mbere z'ubujurire z'abasaba ubuhungiro mu Rwanda.

Biteganyijwe ko mu cyumweru cya mbere cy'ukwezi gutaha, Inama y'Ubujurire izaburanisha imanza zisaga 20 z'ubujurire mu rwego rwo gushakira ubutabera impunzi mu Rwanda. Inama y'Ubujurire ku Mpunzi n'Abasaba Sitati y'Ubuhunzi ni urwego rwihariye rushinzwe gusuzuma no gukemura ibibazo by'abimukira, cyangwa impunzi zitanyuzwe n'ibyemezo zafatiwe n'Urwego rushinzwe Abinjira n'Abasohoka igihe zasabaga sitati y'ubuhunzi.

Gusa abajurira, ubujurire bwabo butangwa mu gihe kitarenze iminsi 30 uhereye igihe usaba sitati y'ubuhunzi cyangwa impunzi yamenyesherejwe icyemezo cy'Urwego rushinzwe Abinjira n'Abasohoka. Iyi nama yashyizweho hashingiwe ku Itegeko N° 042/2024 ryo ku wa 19/04/2024 rigenga impunzi n'abasaba sitati y'ubuhunzi mu Rwanda n'Iteka rya Perezida N° 051/01 ryo ku wa 19/04/2024.

Inama y'Ubujurire ku Mpunzi n'Abasaba Sitati y'Ubuhunzi ifite ububasha bwo gusuzuma ibyemezo by'urwego rw'Abinjira n'Abasohoka, ikumva impande zombi, ikemeza niba icyemezo cyo kwima cyangwa gukuraho ubuhunzi cyarafashwe mu buryo bukurikije amategeko cyangwa kigomba guhinduka.

Iyi Nama ifite ubwisanzure mu miyoborere no mu gufata ibyemezo byayo hadashingiwe ku mabwiriza y'izindi nzego mu gihe ica imanza; nubwo ireberwa na Minisiteri y'Ubutabera.


Ifata ibyemezo bishingiye ku mategeko y'u Rwanda n'amasezerano Mpuzamahanga arengera impunzi mu rwego rwo kwemeza niba ubusabe bw'umuntu bufite ishingiro cyangwa ari nta ryo.

Imibare y'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Mpunzi (UNHCR) na Minisiteri y'Ibikorwa by'Ubutabazi, (MINEMA) igaragaza ko kugeza ku wa 31 Nyakanga 2026, u Rwanda rwakiriye impunzi 139 683 ziganjemo izaturutse muri Repubulika ya Demokarasi ya Congo (DRC) n'u Burundi.



Hatangiye kuburanisha imanza za mbere z'ubujurire z'abasaba ubuhungiro mu Rwanda

Impamvu Joseph Kabila yagarutse mu ntambara yo muri Congo n'icyo bishobora guhindura



Joseph Kabila n'abamwungirije ubwo hashingwaga ihuriro FRN



AFC/M23 yahindutse FRN izwiho kugira igisirikari kiyobowe na Maj. Gen. Sultan Makenga kizwiho kugira ubunyamwuga kurusha igisirikare cya Leta FARDC

KAMBANDA Noel

Kuwa 12 Ukwakira 2026, uwahoze ari Perezida wa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo, Joseph Kabila, yatangaje ko ashinze umutwe mushya wa politiki n'igisirikare witwa 'Front pour la Refondation de la Nation' (FRN), awutangariza i Goma, umujyi ugenzurwa na M23.

Uyu mutwe mushya uhuza inyeshyamba za M23 n'ihuriro rya politiki rya 'Alliance Fleuve Congo' (AFC), ukaba warigaruriye inzego za politiki n'iza gisirikare byari bisanzwe bigize AFC, ndetse ugakomeza n'imihigo yari ifitanye n'abandi, harimo ibiganiro by'amahoro bya Doha.

Iyi ntambwe isobanuye ko intego yo gukuraho ubutegetsi bwa Perezida Félix Tshisekedi igaragajwe mu buryo bweruye kurushaho, harimo no gukoresha ingufu za gisirikare. Nubwo Kabila yahawe umwanya ukomeye muri iri huriro, haracyari ibibazo byinshi ku bushobozi bwe bwo kwagura ibikorwa byaryo mu bindi bice bya Congo, uko ibihugu byo mu karere bizabyitwaramo, ndetse n'ingaruka bizagira ku biganiro bigamije kurangiza intambara.

Kabila yongeye kugaruka mu ruhando rwa politiki n'intambara

Kuva mu 2024, ubutegetsi bwa Perezida Félix Tshisekedi bwagiye bushinja Joseph Kabila gushyigikira ihuriro rya AFC/M23 no gukorana n'u Rwanda mu guhungabanya umutekano wa Congo. Ibyo byakurikiwe no gukurwaho ubudahangarwa yari afite nk'umusenateri ubuzima bwe bwose, bituma ashobora gukurikiranwa mu nkiko.

Muri Nzeri 2025, urukiko rwa gisirikare rwamukatiye igihano cy'urupfu adahari. Muri Mata 2026, Leta Zunze Ubumwe za Amerika na zo zamufatiye ibihano kubera uruhare yashinjwaga mu gushyigikira AFC/M23.

Kuba Kabila yarashyize ku mugaragaro ubuyobozi bwe muri iri huriro bishimangira ibyo ubutegetsi bwa Kinshasa bwagiye bumushinja, nubwo bitavuze ko ibibazo byose bijyanye n'imikoranire ye na M23 byamaze gusobanuka. Icyo ubu agomba kwerekana ni ubushobozi bwo guhindura FRN ikaba umutwe ufite imbaraga zirenze izari zisanzwe zifitwe na AFC/M23.

Kabila ashobora gushaka gukurura abanyapolitiki, gushishikariza bamwe mu nzego z'umutekano kwitandukanya n'ubutegetsi bwa Tshisekedi, gushyiraho ubufatanye n'andi mashyaka atavuga rumwe na Leta, cyangwa kwagura ibikorwa by'iri huriro mu bindi bice by'igihugu.

Ariko kumenyekana kwe nk'uwahoze ari Perezida ntibihagije kugira ngo agire ubushobozi bwo guhindura

KOMEZA KU RUP.24

IBIKURIKIRA URUP.23

Impamvu Joseph Kabila yagarutse mu ntambara yo muri Congo n'icyo bishobora guhindura



Uwigeze kuyobora RDC, Joseph Kabila yihuje na AFC M23

imiterere y'intambara. Azasuzumwa hashingiwe ku byo azageraho mu bikorwa bifatika.

Katanga ishobora kuba igice gikomeye mu migambi ye

Kimwe mu bibazo bikomeye bireba FRN ni ukumenya niba izashaka kwagura ibikorwa byayo mu majyepfo ya Congo, cyane cyane mu gace ka Katanga.

Joseph Kabila afite amateka akomeye muri Katanga, aho umuryango we n'abo bafatanyije muri politiki bagiye bagira ijambo rikomeye. Nubwo yavukiye muri Kivu y'Amajyepfo, Katanga yabaye kimwe mu bice by'ingenzi by'ishingiro rye rya politiki.

Katanga kandi ifite uruhare rukomeye mu bukungu bwa Congo kubera ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro, cyane cyane umuringa na cobalt. Mu 2024, ayo mabuye yombi yari agize hejuru ya 90% by'agaciro k'ibicuruzwa Congo yoherezaga mu mahanga, nk'uko inyandiko isesengura iyi ntambara ibigaragaza.

Kugira ijambo rikomeye muri Katanga bishobora guhindura imiterere y'ubukungu n'ubushobozi bwa politiki bw'ubutegetsi bwa Kinshasa.

Kabila azasabwa kwemeza abo ashaka ko bamushyigikira ko FRN iharanira inyungu zabo, aho kuba umutwe ugaragara nk'ukorera inyungu z'ibindi bihugu. Ubushobozi bwa Kabila bwo kwagura FRN buzaterwa cyane n'uko ibihugu by'ibituranyi bizabyitwaramo.

M23 imaze kwigarurira ibice byinshi mu burasirazuba bwa Congo, ariko iracyafite ikibazo cy'ukwemerwa na politiki mu gihugu. Gusa mu bice yafashe imaze kwemerwa kubera kugarura umutekano isuku n'imikorere itarangwa na ruswa.

Kwinjira kwa Kabila muri iri huriro bizarifasha kwerekana ko rifite ishingiro rya politiki muri Congo.

Mu mezi 18 yabanje, Kabila yari yarasuye ibihugu bitandukanye bigize Umuryango w'Iterambere ry'Afurika y'Amajyepfo (SADC), agamije kongera kubaka umubano wa politiki no kwemeza abayobozi b'ako karere ko Tshisekedi adashoboye gukemura ibibazo by'umutekano n'imbere mu gihugu.

Angola ishobora kugira uruhare rukomeye kubera amateka yayo mu bibazo bya Congo, umupaka muremure ihana na yo, n'inyungu ifite mu mutekano w'akarere. Perezida João Lourenço yagiye ashyigikira ibiganiro bya politiki nk'uburyo bwo gushaka igisubizo kirambye.

Uganda na yo ni igihugu gikomeye muri iyi ntambara. Ifite ingabo mu burasirazuba bwa Congo, cyane cyane muri Ituri no muri Kivu y'Amajyaruguru, kandi umubano wayo na M23 wagiye urangwa nuko abayobozi ba Uganda berekana ko M23 ifite impamvu zo kubaho.

Nubwo FRN yivuga nk'ihuriro riharanira impinduka mu gihugu cyose, kugeza ubu iracyafitanye isano rikomeye n'abanyapolitiki n'abasirikare bo mu burasirazuba bwa Congo. Kugira ngo igire ishingiro rikomeye rya politiki, izakenera gukurura abayobozi n'amashyaka atavuga rumwe na Tshisekedi bo mu bindi bice by'igihugu.

Kabila yari yarageregeje gushyiraho ihuriro rya politiki ryiswe 'Sauvons la RDC', ariko abitabiriye ibikorwa byaryo ntibari benshi. Mu batitabiriye harimo Moïse Katumbi, Martin Fayulu, Delly Sesanga na Jean-Marc Kabund, bahisemo gukomeza kurwanya Tshisekedi mu nzira za politiki aho kwifatanya n'umutwe witwaje intwaro.

Kuba Kabila yarashyize ku mugaragaro umubano we na AFC/M23 bishobora gutuma gukurura abo banyapolitiki birushaho kumugora. Nyuma yo gutangaza FRN, bamwe mu bari bamushyigikiye bamwitandukanyijeho, barimo Marie-Ange Mushobekwa wahoze ari minisitiri ushinzwe uburenganzira bwa muntu.

Hari abashobora kuba batinya n'ingaruka za politiki cyangwa gukurikiranwa n'ubutegetsi bwa Kinshasa, ariko kwitandukanya kwabo kugaragaza ko Kabila atarashobora kubaka ubumwe bukomeye bw'abatavuga rumwe na Tshisekedi.

Ikindi kibazo ni amateka ye ku butegetsi. Nubwo ubutegetsi bwa Tshisekedi bushinjwa gusubiza inyuma demokarasi no kugabanya umwanya w'abatavuga rumwe na Leta, Kabila na we aracyibukirwa n'imiyoborere ye yo mu myaka ya nyuma ku butegetsi, yanenzweho kuba yaranzwe n'ubutegetsi bw'igitugu.

Ishingwa rya FRN rije mu gihe Congo ihanganye n'ibibazo bikomeye bya politiki n'umutekano. Ubutegetsi bwa Tshisekedi bwanenzwe ku bijyanye no gusubiza inyuma demokarasi, igitekerezo cyo guhindura Itegeko Nshinga kugira ngo manda za Perezida zishobore kongerwa, ndetse no gukandamiza abatavuga rumwe na Leta.

Muri urwo rwego, hamaze igihe havugwa ko ibiganiro bya politiki ku rwego rw'igihugu bishobora gufasha gukemura ikibazo cy'intambara mu burasirazuba bwa Congo. Kuba Kabila ayoboye FRN bizongera ikibazo cyo kumenya niba agomba kwitabira ibyo biganiro.

Iyo ibiganiro bidashoboye gutanga umusaruro, hari ibyago by'uko impande zombi zakomeza kwizera ko intsinzi ya gisirikare ari yo yazifasha kubona imyanya ikomeye mu biganiro by'amahoro.

Ibyabaye nyuma y'igarurirwa rya Goma na M23 byerekanye ko impinduka ku rugamba zishobora guhatira ubutegetsi bwa Kinshasa kwemera ibiganiro butari bwemeye mbere, birimo ibiganiro na M23 binyuze mu nzira ya Doha.

Kwinjira kwa Kabila muri iri huriro bishobora guhindura imiterere y'ubuyobozi bwa AFC/M23. Sultani Makenga, umuyobozi wa gisirikare wa M23, afite uruhare rukomeye mu buyobozi bw'uwo mutwe, Corneille Nangaa, wahoze ayobora komisiyo y'amatora muri Congo, na we yabaye isura ikomeye ya politiki ya AFC kuva mu 2023.

Kabila we azanye amateka yo kuba yarayoboye igihugu, imikoranire n'abanyapolitiki n'abasirikare, ndetse n'ubushobozi bwo kugira ijambo mu rwego rwa politiki. Ibyo bishobora kumuha imbaraga zirenze izari zisanzwe zifitwe n'abayobozi ba politiki ba AFC/M23.

Kugaruka kwa Joseph Kabila mu ruhando rw'intambara ya Congo, binyuze muri FRN, guha AFC/M23 umuyobozi ufite amateka akomeye ya politiki kandi kugaragaza mu buryo bweruye intego yo guhindura ubutegetsi bw'igihugu, bigaragaza ko intambarayo mu burasirazuba bwa RDC ndetse na politiki yayo muri rusanze byafashe undi muvuno.

Kayonza: Ab'i Nyamirama barasaba abayobozi batoye kubafasha guca ubujura

HITIMANA Servand

Abaturage bo mu Murenge wa Nyamirama, mu Karere ka Kayonza, barasaba abayobozi bashya batoye ku rwego rw'Umudugudu kubafasha gushyiraho ingamba zihamye zo guhangana n'ikibazo cy'ubujura, bavuga ko bubadindiza mu iterambere. Ibi babitangaje ubwo bari bamaze gutora abayobozi b'imidugudu yabo mu matora yabaye kuri uyu wa 24 Ukwakira 2024.



Komite y'Umudugudu wa Sanai yatowe

Bavuga ko ubujura bw'imyaka, amatungo n'ibikoresho byo mu ngo biri mu bibazo bibangamiye imibereho yabo n'iterambere ryabo. Bamwe mu baturage bavuga ko hari abiba imyaka mu mirima, abandi bakiba amatungo, mu gihe hari n'abapfumura amazu bakiba ibikoresho byo mu ngo.

Kayihura Theogene yagize ati: "Turatoye, kandi ni byiza. Abo twatoye tubafitiye ikizere. Mu bibazo biduhangayikishije harimo ubujura bukunze kwibasira imyaka yacu. Hari igihe usanga batwibye ibitoki cyangwa bagacukura imyumbati, bikaduteza ingaruka zirimo no kubura ibyo kurya kandi twarakoze. Turasaba abayobozi twatoye gushyiraho ingamba zo kurwanya ubujura, natwe tukabigiramo uruhare."

Mukamutara Liberatha na we yavuze ko kurwanya ubujura bikwiye gushyirwa mu byihutirwa abayobozi bashya bagomba kwitaho. Yagize ati: "Mu byo abayobozi twatoye bakwiye kwitaho harimo gukumira abajura bari kudukenesha. Hari abapfumura amazu, ugasanga basahuye ibintu byose. Iyo wibwe muri ubwo buryo, bigusubiza inyuma. Ushobora kuba wari ufite gahunda yo kugura itungo, ariko ibikoresho byawe bikibwe bikakubuza kuyishyira mu bikorwa, bityo iterambere ryawe rikadindira."

Murekatete Juliet we yavuze ko abayobozi b'imidugudu bakwiye gukorera hamwe n'abaturage mu kurinda umutekano w'abantu n'ibyabo. Ati: "Nizeye ko twatoye abayobozi bashoboye. Igikurikiyeho ni uko batwereka ko tutibeshye igihe twabatoraga. Turabasaba kuturinda abajura, natwe tukifatanya n'abifuza gukemura ibibazo by'umutekano. Ubujura budukoma mu nkokora cyane, ni yo mpamvu kuburwanya biri ku isonga mu byo tubasaba kwitaho."

Umuyobozi w'Akarere ka Kayonza, Hategekimana Fred, yasabye abayobozi batowe kwegera abaturage, bakabategera amatwi kandi bagafatanya na bo gushakira ibisubizo ibibazo bibugarije.

Yagize ati: "Ibibazo abaturage bafite bigomba kwitabwaho, uhereye ku bayobozi babegereye kandi babana na bo. Abayobozi batowe ku rwego rw'umudugudu barasabwa kwegera abaturage, bakabategera amatwi, bakajya inama na bo, bagashaka ibisubizo by'ibibazo bafite."

Yakomeje ati: "Ubu ni na bwo butumwa duha abayobozi batowe ku rwego rw'umudugudu: ni ugusesengura ibibazo bihari no gufata ingamba zo kubikemura, bahereye ku byo bashoboye. Aho hakenewe ubufasha bw'izindi nzego, bagomba kubimenyesha inzego zibakuriye kandi bakabikora ku gihe."

Mu Karere ka Kayonza hari imidugudu 421 yagombaga gutorerwamo abayobozi. Muri yo, imidugudu 404 ni yo yatoye kuri uwo munsi, mu gihe 16 yari iteganyijwe gutora ku Cyumweru kubera ko ituwe ahanini n'Abadivantisiti b'Umunsi wa Karindwi, umudugudu umwe ubarizwamo Pariki y'Akagera ukazatora ku wa Mbere.

Nyaruguru: I Kibeho bamwe muri ba Mudugudu bongeye kugirirwa icyizere

HITIMANA Servand

Imiryango 62 irimo abaturage 184, barimo abatishoboye barokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 n'abandi batishoboye bari batuye ahantu hatari hameze neza, batujwe mu Mudugudu wa Kinihira, mu Murenge wa Nyagatare, mu Karere ka Nyagatare, bavuga ko imashini zidoda bahawe n'ubuyobozi zizabafasha kwihangira umurimo bakaniteza imbere.

Abenshi muri bo bari bagifashwa na Leta nko gutanga ubwisungane mu kwivuza, gufashwa kuvuzwa n'ibindi, bafite icyizere ko imashini bahawe zizabafasha kwihangira imirimo bakigira, ku buryo mu minsi iri imbere hari umubare w'abazaba babasha kwikemurira ibibazo birimo n'ibi Leta ikibafashamo.

Mu rwego rwo gukomeza kubaherekeza no kubafasha kwifasha ubuyobozi bw'Akarere ka Nyagatare bwabageneye imashini zidoda 10 zifite agaciro ka miliyoni 2 Frw kugira ngo bazikoreshe zibafashe kwinjiza amafaranga bite ku miryango yabo. Bavuga ko bafite icyizere ko mu minsi iri imbere hari umubare w'abazaba babasha kwikemurira ibibazo birimo n'ibi Leta ikibafashamo.

Batamuriza Joseline uyoboye itsinda ry'abahawe imashini yagize ati: "Turashima cyane ubuyobozi bwadukuye mu gucumbika bukatwubakira inzu ariko bukaba bunakomeje kudufata akaboko kugira ngo tugere ku bushobozi bwo kwifasha. Izi mashini duhawe tugiye kuzikoresha dukorere amafaranga. Twizeye ko zizagira aho zidukura naho zitugeza ndetse ibyo tuzikuramo bikazadufasha no kuba twakora n'indi mishinga mito iduteza imbere."

Kabagwira Cecile ufite imyaka 80. Avuga ko nubwo adafite ubushobozi bwo gukoresha izi mashini ariko inyungu zizamugeraho biturutse ku kuba zakoreshwa n'umwe mu bo mu muryango we cyangwa zigaturuka mu itsinda bahuriyemo.

Ati: "Ibi ni ibyiza gusa dukomeje kwishimira aho ubuyobozi buri kudusajisha neza. Hari abafite abana barangije kwiga imyuga irimo n'ubu budozi. Umwana naza gukora akabona akazi azatunga umuryango bityo imibereho irusheho kuba myiza."

Masengesho Esther we yagize ati: "Izi mashini duhawe ni igisubizo ku babyeyi bacu natwe ubwacu. Abazi kudoda bazazibonamo akazi ariko n'abakiri bato batazi kudoda bazabihigira kuko bizaba bikorerwa aha iwacu. Tugiye kuzikoresha ku buryo dupatana amasoko nk'ay'ibigo by'amashuri n'abandi bakenera gukoresha imyambaro y'ubwoko bitandukanye tubibakorere batwishyure."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyagatare wungirije ushinzwe



Abaturage bazindukiye mu matora ku rwego rw'Umudugudu

Imibereho myiza y'Abaturage, Murekatete Juliet yasabye abahawe izi mashini kuzitaho bakazifata neza zikazababera umusingi w'iterambere.

Yagize ati: "Leta irabakunda kandi izakomeza kubakunda. Turabizi ko mugifite ingorane mukirwana na zo kugira ngo muve koko mu cyiciro cyo kutishobora mwigire, ari yo mpamvu twabageneye n'iyi mpano kugira ngo muyibyaze umusaruro mukore muve ku rwego rumwe mugere ku rundi. Murasabwa kuzikoresha kandi neza mukazibungabunga kuko ni izanyu kandi inyungu izaziturukamo ni mwe izagirira umumaro bwa mbere."

Uyu muyobozi yabwiye abahawe izo mashini ko bishimishije kuba abenshi bafite ubumenyi bujyanye no kudoda abizeza ko abatabizi na bo bazafashwa gushakirwa umwarimu uza kubigishiriza aho batuye.

Lt. (Demob) Bariyanga warwaniye n'Inkotanyi mu Mutara na Ruhengeri yavuze uko bicaga abasivili

HITIMANA Servand

Umututsi wari mu Rwanda yagizwe umwanzi wahigwaga n'abahoze ari Ingabo z'u Rwanda (Ex-FAR) kurusha abarwanyi b'Inkotanyi bateguye urugamba rwo gushyira iherezo ku miyoborere yuzuye amacakubiri, irondabwoko n'ingengabitekerezo ya Jenoside.

Bariyanga Laurent wahoze mu Ngabo za Habyarimana (Ex-FAR) akaza kuva mu mutwe w'iterabwoba wa FDLR yakomerejemo afite ipeti rya Lieutenant (Lt.), avuga ko bahanganye n'Inkotanyi igihe kirekire bayobowe n'urwango n'amacakubiri, mu gihe abari abarwanyi ba RPA Inkotanyi bo bari bafite icyerekezo kidashobora gutsindwa cyo kubanisha Abanyarwanda nk'umugozi w'inyabutatu.

Bariyanga yabigarutseho mu buhamya yahaye abitabiriye ibiganiro by'ubumwe n'ubudaheranwa, byabereye mu Karere ka Nyagatare bikitabirwa n'abayobozi mu Nzego Nkuru z'Igihugu n'Umuryango Unit Club Intwararurmuri.

Uyu mugabo winjiye mu Ngabo z'u Rwanda mu mwaka wa 1986, avuga ko yari mu bakoreshaga imbunda nini yari izwi nka Dimbahasi, mu rugamba yagezeho kuva tariki ya 2 Ukwakira mu 1990. Yahamije ko ubutegetsi bwariho mbere ya Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda yarangwaga n'irondamoko kwica Abatutsi no kubanyaga.

Ati: "Kuva ngeze ku rugamba muri uyu Mutara, twararwanaga, ariko Abatutsi bari batuye muri iki gice na bo bicwaga aho bashinjwaga kuba Inyenzi. Haje kuza amabwiriza yagaragazaga umwanzi uwo ari we, amabwiriza yateguwe na Col. Bagosora aho bavugaga ko umwanzi ari Umututsi uri hanze, uri imbere mu Gihugu ndetse n'undi wese wagaragaza kugira aho ahurira na we."

Bariyanga avuga ko abari batuye mu gice cy'Umutara benshi bagiye bahunga urugamba bereketa i Kabarore mu Karere ka Gatsibo, ariko bakicirwa mu mayira bitwa Abahima bateye u Rwanda.

Ati: "Ubuyobozi bubi na politiki mbi byashyizwe mu gisirikare, aho kurwana kirengera abaturage ahubwo kikarwana cyica bamwe mu bo cyakarengeye. Si aha gusa mu Mutara kuko twahavuye twerekeza mu Ruhengeri Inkotanyi zagabyeyo ibitero. Iki gihe na cyo nibuka ko hari imiryango y'Abatutsi y'ahitwa Rugarama muri Kidaho, muri biriya bice bya za Nkumba, bishwe bazizwa Inkotanyi."

Lt. (Demob) Bariyanga agaragaza ko iyi ngengabitekerezo yaje kurushaho gukomera no gushyirwa mu bikorwa mu 1994 aho bamwe mu basirikare bivanze n'Interahamwe bagafatanya gukora Jenoside yakorerwaga Abatutsi.

Ati: "Mu 1994 ubwo indege ya Habyarimana yahanurwaga, ubutegetsi bwagaragaje ko n'ubundi wa mwanzi bari baratangaje akomeje gukora ishyano bahamagarira Abanyarwanda kwica bagenzi babo ndetse n'igisirikare cy'Igihugu kibijyamo. Abatutsi bicirwaga ku mabariyeri ari ho abasirikare n'Interahamwe bikitwa ko ari Inyenzi ziri kwicwa."

Ingengabitekerezo baje kuyihungana bayigisha abaturage bo muri Congo

Uyu mugabo wakomereje mu mutwe wa FDLR, avuga ko nyuma yuko batsinzwe bagahungira muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) imigambi yo kwica Abatutsi yakomeje.

Ati: "Tugeze muri Congo njye nabaye mu barindaga icyicaro cy'Ingabo. Ndibuka ko twasanze Abatutsi n'Abahutu bo muri Congo babanye neza ariko dutangira gushaka uko tubatanya. Twaremye imitwe ya girikare y'Abahutu muri za Masisi, Rutshuro n'ahandi, twababwiraga ko bagomba kwitegura kwirwanaho kuko Abatutsi babafitiye urwango bazabica."

Yakomeje agira ati: "Iyi ngengabitekerezo y'amacakubiri ni yo yaje guhungabanya uburasirazuba bwa Congo na ho Abatutsi batangira kwicwa no gusahurwa. Ubu bamwe mu bo twinjije mu barwanyi icyo gihe bari mu ngabo z'Igihugu abandi bari mu mitwe yitwara gisirikare."



Bariyanga wari ufite ipeti rya Lietenant mu Ngabo zatsinzwe yatanze ubuhamya ku macakubiri yaranze igisirikare n'ubutegetsi bubi bwa Habyarimana

Ari mu bagabye ibitero bya mbere by'Abacengezi

Lt. (Demob) Bariyanga avuga ko ari mu basirikare ba Ex-FAR ba mbere bagabye ibitero mu Rwanda nk'Abacengezi mu mwaka wa 1996 na 1997. Ni ibitero byari bigamije kwisubiza ubutegetsi ndetse no kwigarurira imitima y'abaturage babangisha Leta.

Ati: "Naje ndi uwa kabiri uyoboye ibitero by'Abacengezi mu Rwanda. Naje gusubira muri Congo kugeza ubwo nagarutse noneho mu bitero bikomeye twagabye mu makomini ya Mutura, Giciye, Satinsyi ya Perefegitura Gisenyi na Nyakabanda na Buringa ho muri Gitarama. Aha hose twari duherekejwe na ya ngengabitekerezo y'amacakubiri aho twatwikaga amashuri yaba i Muramba ndetse na Komini Buringa."

Ahamya ko yakomereje mu Ndiza ariko byarangiye yitanze mu Ngabo z'u Rwanda bari bahanganye zimujyana mu Ngando arahugurwa, anatungurwa n'uburyo yakiranywe urugwiro kandi we yaritanze yumva ko yiyahuye atamara kabiri. Ati: "… Numvaga nshobora kwiturwa ibyo nakoraga ariko si ko byagenze, narigishijwe nsanga nari mu buyobe bukomeye nemera guhinduka ngafatanya n'abandi kubaka Igihugu."

Atangazwa n'ubudasa bw'Inkotanyi agahamya ko imiyoborere Igihugu gifite ari ntagereranywa, ati: "Imiyoborere nasanganye Inkotanyi n'ubuyobozi bw'iki Gihugu ni ntagereranywa. Mwambajije uko mbona ubutegetsi nabayemo n'uko mbona ubw'uyu munsi. Njye mbona ntabona uko mbigereranya. Birangoye kuba nafata ubuyobozi buzana abasirikare nkatwe bukaduha uburenganzira mu Gihugu mu gihe ababikora bo babyimwe kenshi. Nibuka ko twafataga abasirikare ku rugamba bagahita bicwa barimo umukapiteni twafatiye aha Nyagatare yakomeretse ariko agahuhurwa. Iyi miyoborere ni ntagereranywa."

Ikindi ashingiraho abona imiyoborere y'u Rwanda ko ntacyo wayigereranya na cyo ni uburyo buri muturage wese ahabwa uburenganzira busesuye bwo guhitamo iterambere rye n'iry'Igihugu muri rusange.

Yakomeje agira ati: "Ubwo nubwo nanyuze muri izo nzira zose mpanganye n'Inkotanyi, ntibyabujije ko abana banjye bahabwa uburezi aho umwe ubu ari kuri "cadette" aho yinjiye mu gisirikare nk'abandi aho ari kwiga ibijyanye n'ubuganga. Nifuza ko abagifite ingengabitekerezo y'urwango n'amacakubiri babicikaho tukiyubakira Igihugu"

Lt. (Demob) Bariyanga avuga ko yatunguwe n'iterambere yasanze mu Mutara, uhereye ku bikorwa remezo, iterambere ry'ubuhinzi n'ubworozi, inganda n'imiturire igenda ivugururwa, bikaba bitandukanye n'igihe yahabaye aharwanira babwirwa ko ari hato hatanaturwa n'Abanyarwanda basabaga gutahuka.

Musanze: Yatangiriye ku 100 000 Frw, ageze ku mutungo wa miliyoni 30 Frw

NGABOYABAHIZI Protais

Ishimwe Clenie wo mu Murenge wa Kinigi mu Karere ka Musanze avuga ko atigeze ategereza kugira igishoro kinini kugira ngo yihangire umurimo, kuko ahereye ku mafaranga y'u Rwanda ibihumbi 100 mu myaka ine gusa amaze kugira umutungo wa miliyoni 35 z'amafaranga y'u Rwanda.

Urugendo rw'iterambere rye rwahereye ku gutunganya amata ahereye ku gushinga ikigo Inaha Event Ltd ku gishoro cy'amafaranga y'u Rwanda 100 000, aho yafataga amata avamo yahurute, Foromajje n'ikivuguto.

Urwo rugendo kuri ubu rumugejeje ku gukoresha abakozi 20 aho afite ubucuruzi bubrirwa agaciro ka miliyoni 35 z'amafaranga y'u Rwanda. Urugendo rwe rugaragaza uko igitekerezo cyo gukemura ikibazo cy'isoko ry'amata ku borozi cyamubereye umusingi wo kwihangira umurimo, kwiteza imbere no guha abandi amahirwe yo kubona akazi.

Ishimwe avuga ko nyuma yo kurangiza amashuri yisumbuye yatangiye kurangura amata akayacuruza ku muhanda. Icyo gihe ntiyari afite ubushobozi bwinshi, ariko yari yiyemeje gushaka icyo akora aho gutegereza ko amahirwe y'umurimo azamugeraho aturutse ku bandi.

Yagize ati: "Nyuma yaho naje kubona amahugurwa ajyanye no gutunganya ibiribwa (food processing), amfasha kumenya ko ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi bishobora kongererwa agaciro, aho kubigurisha bidatunganyijwe gusa.

Maze kunguka ubumenyi, nabonye ko aborozi bo mu gace ka Kinigi bafite umukamo uhagije ariko bakagira ikibazo cyo kubona isoko ribagurira amata ku giciro cyiza. Kubura inganda zihagije ziyatunganya byatumaga amata amwe abura isoko cyangwa akangirika, aborozi ntibabone amafaranga bifuza ku musaruro wabo. Natangiye gutekereza ku buryo nashinga ibikorwa byo gutunganya amata, bigafasha aborozi kubona isoko nanjye bikambera umushinga w'ubucuruzi."

Ishimwe avuga ko yatangiranye ibihumbi 100 Frw, ayashora mu kugura amata n'ibikoresho by'ibanze byo kuyatunganya. Yatangiye umushinga we litiro imwe y'amata igura amafaranga 220 Frw, akayakoramo ibikomoka ku mata yashoboraga kugurisha ku giciro cyunguka, ku buryo yatangije litiro 40.

Avuga kandi ko ibikorwa bye byagize uruhare mu kongera amahirwe y'isoko ku mata y'aborozi bo mu gace ka Kinigi. Asobanura ko igiciro cya litiro imwe y'amata cyavuye ku mafaranga 220 Frw kikagera kuri 470 Frw,

Uretse kuba yarashoboye kwagura ibikorwa bye, Ishimwe avuga ko kompanyi ye yahaye akazi abantu bagera kuri 20. Kuri we, iterambere ry'umushinga ntirigaragarira gusa mu mutungo nyirawo afite, ahubwo ariko ubu maze kwiteza imbere kandi natangiye no guha abandi akazi."

Abo yahaye imirimo barashima amahirwe y'iterambere yabahangiye

Mwenedata Adalbert Tambineza, ukomoka mu Karere ka Nyagatare, ni umwe mu bakozi ba Ishimwe Clenie. Avuga ko akazi yabonye muri Inaha Event Ltd kamufashije kuva ku gushakisha ibimutunga umunsi ku wundi, agatangira kwizigamira no kwiyubakira umutungo.

Avuga ko nyuma yo kurangiza amashuri yabanje gukora imirimo itandukanye kugira ngo abone ibimutunga. Nubwo yari yarahawe amahugurwa ajyanye no kongerera agaciro ibikomoka ku buhinzi, kubona akazi kamufasha gukoresha ubwo bumenyi ntibyari byoroshye.

Mu mwaka wa 2023, yabonye akazi mu bikorwa bya Ishimwe, bituma atangira kubona amafaranga amufasha kwitunga no kwizigamira. Yagize ati: "Kuva nabona akazi hano kwa Ishimwe, byamfashije kubona amafaranga yo kwitunga no kwizigamira. Nageze aho nigurira inka ndetse n'ikibanza cyo kubakamo. Ubu mfite inka zifite agaciro ka miliyoni eshatu z'amafaranga y'u Rwanda, kandi mbikesha akazi n'uburyo nize kwizigamira."

Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru, Mugabowagahunde Maurice na we ashimangira ko abagore bafite ubushobozi n'amahirwe yo gukora bashobora kwiteza imbere, bakagira uruhare mu iterambere ry'imiryango yabo n'igihugu.

Asaba abagore kwitabira ibikorwa bibabyarira inyungu, kugana ibigo by'imari no kugira umuco wo kwizigamira, harimo no gukoresha gahunda ya Ejo Heza. Yagize ati: "Mufite Igihugu cyiza kandi gishyigikiye iterambere ry'umugore. Nimukure amaboko mu mifuka mukore



Ishimwe avuga ko yatangiye azi ko ataziteza imbere ariko kuri ubu yahaye n'abandi akazi

Avuga ko uko yagendaga yunguka ari ko yaguraga ibikoresho, akongera umusaruro, kugeza ubwo ageze ku rwego rwo gutunganya litiro 2 000 z'amata ku munsi, zingana na litiro 60 000 mu kwezi iyo akora iminsi 30. Yagize ati: "Nanjye natangiye mfite igishoro gito, ntazi neza aho bizangeza, ariko uko nagendaga nkora ni ko ibikorwa byanjye byagendaga byaguka."

Ishimwe avuga ko kuva mu 2022, ubwo yatangiraga kwagura ibikorwa byo gutunganya amata, yagiye yiteza imbere, agura inka, imirima n'inzu, anashora mu mashini akoresha mu ruganda rwe rucirirtse. Ubu agereranya umutungo we na miliyoni 35 Frw.

rigaragarira no mu mahirwe uha abandi yo kwitunga no kwiteza imbere.

Avuga ko buri kwezi, amaze gukuramo amafaranga y'imishahara y'abakozi, ayo kurangura amata n'andi akoreshwa mu bikorwa bye, asigarana inyungu ya miliyoni 15 Frw ku mwaka.

Ibi akaba abishingiraho ashishikariza abagore kudatinya gutangira imishinga yabo, n'iyo baba bafite amafaranga make, ahubwo bakagira igitekerezo gisobanutse, bakiga, bagakora kandi bakagura ibikorwa byabo buhoro buhoro.

Yagize ati: "Ndasaba abagore kwitinyuka, bagashaka ibyo bakora bibateza imbere. Nanjye natangiye mfite igishoro gito, mwiteza imbere, mugane ibigo by'imari, mwubahiriza ihame ry'ubwuzuzanye n'uburinganire, muzigamire binyuze muri gahunda ya Ejo Heza. Kuba rero hari abagore batangirira ku gishoro gito bakiteza imbere ni intambwe igaragaza imiyoborere myiza idaheza mu Rwanda."

Kuri Ishimwe, urugendo rwatangiriye ku bihumbi 100 Frw rwamugejeje ku mutungo wa miliyoni 35 Frw no ku bushobozi bwo guha abandi akazi. Ni urugero rushobora gutera abandi bagore gutekereza ku mahirwe ari mu bibakikije, bakayabyaza umusaruro aho gutegereza ko babanza kugira igishoro kinini.

Nyamagabe: Mukeshimana yakize ibikomere bya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yiteza imbere



Mukeshimana Chantal ahamya ko ibiganiro by'Ubumwe n'Ubudaheranwa byamufashije gukira ibikomere yiteza imbere

BYUKUSENGE Annonciata

Mukeshimana Chantal, umubyeyi uri mu kigero cy'imyaka 50 y'amavuko, akaba yararokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Yamusize ari impfubyi imusigira ibikomere, ariko ibiganiro by'Ubumwe n'Ubudaheranwa byamufashije gukira ibikomere yiteza imbere.

Mu buhamya yatanze mu biganiro by'Ubumwe n'Ubudaheranwa byabereye mu Murenge wa Gasaka, byahuje abaturage bo mu Turere twa Nyamagabe na Nyaruguru, Mukeshimana avuga ko mbere ya Jenoside yakorewe Abatutsi yari afite ababyeyi bombi (Se na Nyina). Jenoside yabaye afite imyaka 17 y'amavuko, akaba yari amaze kurangiza amashuri abanza. Avuka mu Murenge wa Gatare, Akarere ka Nyamagabe.

Ati: "Bitewe n'itotezwa ryakorerwaga Abatutsi mu 1994, ntabwo nabashije kugira amahirwe yo kujya mu mashuri yisumbuye kuko hemererwaga umubare munini w'abana b'Abahutu. Iyo ababyeyi batabaga bari mu myanya ikomeye y'ubuyobozi ngo binginge ababishinzwe umwana azemererwe gutsinda nubwo na byo bitahiraga bose, byabaga ari ikibazo."

Akomeza avuga ko uretse no kwiga ngo wemererwe gutsinda, byabaga bigoye kuko buri mwana mu ishuri ubwoko bwe bwabaga buzwi. Ati: "Ibyakorwaga byose ngo umubyeyi yinginge umwana we azemererwe gutsinda byabaga ari amatakirangoyi kuko twigaga amazina y'abanyeshuri n'ubwoko bwabo bimanitse ku rukuta."

Mukeshimana Chantal yakize ibikomere gute?

Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, Mukeshimana ntabwo yagize amahirwe yo gusubira mu ishuri kuko ni we wari mukuru, yahise afata inshingano zo kuba umubyeyi arera barumuna be barokokanye kandi na we akiri umwana wo kurerwa.

Ati: "Nta yandi mahitamo nari mfite kuko ku myaka 17, abankurikira bari bato cyane. Nagombaga kubitaho, ngashakisha imibereho igihe bavuye ku ishuri bakabona icyo kurya."

Mukeshimana yakuze yibaza niba ashobora kuzagira amahirwe yo kubona uko yajya ahura n'abantu benshi akabigisha kugira urukundo, kubana neza no kwirinda ivangura, ariko akabona nta nzira.

Ati: "Nakuranye inzozi zo gutanga umusanzu mu kubaka Igihugu, ariko kubera ko ntize ntabwo nabonaga aho byanyura. Ntaho najya gusaba akazi ntarize, nta bubasha bwo gukoranya abantu ngo mbakoreshe inama, ariko numvaga uko byagenda kose nzabigeraho nubwo nta nzira nabonaga."

Ageze igihe cyo kugira Umuryango, Mukeshimana yarashyingiwe

Igihe Inama y'Abaminisitiri yashyiragaho Urwego rw'Umudugudu ku wa 13 Ukuboza 1996, rukaza gushimangirwa mu ivugurura ry'Inzego z'imitegekere y'Igihugu ryatangiye gukurikizwa guhera ku wa 1 Mutarama 2006, ubwo hashyirwagaho inzego kuva ku Ntara, Uturere, Imirenge, Utugari, kugeza ku Midugudu, Mukeshimana yagize amahirwe atorerwa kuba Umukuru w'Umudugudu.

Ati: "Kuva urwego rw'Umudugudu rwashyirwaho natorewe kuyobora Umuduhudu wa Gashaha, mu Murenge wa Gatare. Kugeza ubu ndacyawuyoboye kandi nywuyoboye neza kuko iteka uza ku isonga, nta wundi Mudugudu urampiga mu Mihigo. Ni akazi nkora nkunze kandi ninongera nkagirirwa icyizere nzakomeza nyobore."

Kubera guhora yesa imihigo, Mukeshimana Chantal yagiriwe icyizere, ubu ni we Mukuru w'Umudugudu uhagarariye abandi mu karere ka Nyamagabe.

Akomeza avuga ko akimara kuba Umukuru w'Umudugudu yahise atangira gushyira mu bikorwa intego z'inzozi ze yari yarakuranye, uko akoresheje inama agakangurira abaturage kwirinda ivangura no kubana neza mu Mahoro.

Ati: "Nagize amahirwe yo kwitabira ibiganiro bitandukanye ku bumwe n'ubudaheranwa, nataha nkabisangiza abaturage nyoboye. Byampaye imbaraga nkira ibikomere n'ubwigunge nahoranaga kubera amateka mabi nanyuzemo."

Akomeza avuga ko atari ibikomere yakize gusa, ahubwo yiteje imbere no mu bukungu. Ati: "Ubu ndi umuhinzi w'ibirayi wabigize umwuga. Ntubura imbuto y'ibirayi kuri hegitari 15. Ntabwo ngihingira ibyo kurya nka mbere kuko Nyamagabe twagiraga inzara ku buryo bamwe bahungiraga mu Karere ka Bugesera no ku Mayaga bagiye gukorera ibyo kurya."

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Dominique Habimana avuga ko ubumwe bw'Abanyarwanda bwasenywe n'ubuyobozi bubi bituma bamwe mu babyeyi bakora ibibi byatumye abana babo bagira ipfunwe kugeza n'ubu, ariko agashimira Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda yongeye kubanisha Abanyarwanda no kubaka u Rwanda ruzira amacakubiri.

Ati: "Ndashimira Leta yacu ko yunze ubumwe bw'Abanyarwanda tukaba tubanye mu mahoro azira ivangura. Ndashimira Unity Club Intwararumuri zateguye ibi biganiro byunga ubumwe bw'Abanyarwanda. Imyaka 32 y'amahitamo yo kuba umwe, ni urugendo rutari rworoshye, ariko Umukuru w'Igihugu Kagame Paul yadufashije kugira igihugu gifite icyerekezo."

Igipimo cy'ubumwe bw'Abanyarwanda cyavuye kuri 82,3% mu 2010, kigera kuri 92,5% mu 2015, kirazamuka kigera kuri 94,7% mu 2020, ubu kiri kuri 95,3%.

Ngoma: Ubuhinzi bakorera kuri hegitari 265 zuhirwa bwabahinduriye ubuzima

HITIMANA Servand

Abaturage bo mu Mirenge ya Rurenge na Remera, Akarere ka Ngoma bishimira kuba bakomeje guhindurirwa ubuzima n'ubuhinzi bakorera mu cyanya cya hegitari 265 batunganyirijwe kigashyirwamo uburyo bwo kuhira imusozi.

Aba baturage bavuga ko kuhira ku mirima y'imusozi byatumye babona uko bahinga igihe cyose muri aka gace gasanzwe kazwiho kugira izuba ryinshi. Ni mu gihe mbere bahinganga bategereje ko imvura igwa, yaba yatinze cyangwa yabuze bikabagiraho ingaruka zo kutabona umusaruro uhagije.

Rwakibibi Damascène avuga ko mbere imibare y'ubuhinzi bwabo bayibariraga ku kirere na cyo ntigihweme kubatenguha, mu gihe ubu basigaye bahinga ibihe byose.

Ati: "Navukiye inaha aho ubu butaka bwari busanzwe ari bwo ababyeyi bacu batuyeho bahakorera ubuhinzi mu buryo bwa gakondo bwo gucungana n'ikirere. Twari tumenyereye guhinga ibihingwa by'igihe cy'imvura byakorwaga mu bihembwe bibiri by'ihinga ari byo by'umuhindo ndetse n'urugaryi."

Akomeza agaragaza uburyo guhinga mu buryo bwa gakondo byabateraga igihombo kuko nk'igihe imvura yatindaga kugwa cyangwa ntinagwe babaga batakaje icyizere cyo kweza imyaka mu masambu yabo.

Ati: "Ibi ariko hari igihe byaduteraga igihombo cyane iyo imvura yatindaga kugwa cyangwa ntinagwe aho wasangaga nk'ibigori twahinze mu kwezi kwa cyenda, mu kwa cumi tubyahirira matungo byarumye. Aho ubutaka bwacu butunganyirijwe bugashyirwamo uburyo bwo kuhira ubuhinzi bwacu bwateye imbere aho duhinga twizeye kweza tugasarura."



Kuhira bibafasha kunoza ubuhinzi bwabo



Kuhira bituma abahinzi bakomeza ibikorwa byabo no mu bihe by'izuba none byabahinduriye ubuzima

Kuri ubu bishimira ko bari gukora ubuhinzi bw'uwuga bubateza imbere bukabinjiriza amafaranga.

Rukundo Sammuel agira ati: "Ubuhinzi inaha bwabaye akazi ntabwo bukorwa n'uwabuze uko agira. Njyewe nacuruzaga mituyu i Kibungo ariko mbonye igishoro nsanga ahantu nashora amafaranga ari muri ubu bu buhinzi. Mpinga urusenda aho mu mwaka nsarura urufite agaciro ka miliyoni 7,5 z'amafaranga y'u Rwanda. Simbura inyungu nibura ya miliyoni 5 Frw."

Akomeza agaragaza ko muri ubwo buhinzi amaze kwiyubakiramp inzu ifite agaciro ka miliyoni 12 z'amafaranga y'u Rwanda, akaba yaranaguze amatungo arimo inka, bituma bakora ubuhinzi babufatanyije n'ubworozi.

Mutaganzwa Protais uyobora Koperative ya COTUNGO, imwe mu zikorera muri iki cyanya, avuga ko baturage bungukiye mu mirimo y'ubuhinzi ihakorerawa aho bahinga imyaka itandukanye irimo n'iyo batari basanzwe bahinga muri aka gace.

Ati: "Aho dutangiriye ubuhinzi bwuhira imibereho yarahindutse kuko twabonye uburyo duhinga buri gihe ndetse n'ibihingwa biriyongera twibanda ku bitanga amafaranga. Ubu turahinga ibigori, imboga n'imbuto, urusenda n'ibindi. Byari bigoye kubona umuntu uhinga amashu imusozi. Nyamara ubu abantu barahinga amashu, imiteja n'izindi mboga bakagemura ku masoko bakinjiza amafaranga atari make."

Mukeshimana Donatila na we yagize ati: "Ubuhinzi nkorera muri iki cyanya buramfasha cyane. Ubu ntabwo ngisaba umugabo igitenge cyangwa undi mwambaro. Ndahinga nkeza nkabona amafaranga nkagura ibyo nkeneye ndetse n'ibikenewe mu muryango wange. Aha hishyurira abana amashuri ndetse ubu nanaguze inka ya miliyoni imwe n'ibihumbi 200 by'amafaranga y'u Rwanda. Tunezejwe n'ubuhinzi dukorera muri iki cyanya."

Umuyobozi Wungirije w'Akarere ka Ngoma ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu Mapambano Nyiridandi asaba abaturage gukomeza kubyaza umusaruro aya mahirwe bahawe bakayakuramo ubukire bakiteza imbere.

Ati: "Iki cyanya gikorerwaho n'baturage bagera kuri 832 bibumbiye mu makopeartive ya COTUNGO na Subiza. Ibyo bari kuhakorera turabishima kuko bibafasha kwiteza imbere bikanateza imbere Akarere. Turabasaba gukomeza kubyaza umuzaruro ibikorwa remezo byo kuhira begerejwe bibafashe kuba abakire bibahindurire imibereho ku buryo bufatika. Ikindi ni uko tubasaba kurinda biriya bikorwa remezo bagakumira abashobora kubyangiza."

Mu bindi abakorera muri iki cyanya basabwa ni ugukomeza kuzamura umusaruro uva ku buso bakoreraho ahifuzwa ko nko ku bigori bava kuri toni esheshatu bakagera kuri toni icyenda kuri hegitari.

Abanyarwanda 419 bigobotoye ingoyi ya FDLR bataha mu rwababyaye

NDOLI Sitio

***U**Rwanda rwakiriye Abanyarwanda 419 bari bamaze igihe baba mu mashyamba ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), aho bavuga ko bari barafashwe bugwate n'umutwe witwaje intwaro w'iterabwoba wa FDLR.*

AbO Banyarwanda bakiriwe tariki ya 22 Ukwakira 2026, banyuze ku mipaka ibiri irimo uwa Grande Barrière uhuza Rubavu na Goma, n'uwa Rusizi I uhuza u Rwanda na RDC.

Muri bo, 380 banyuze ku mupaka wa Grande Barrière mu Karere ka Rubavu, mu gihe abandi 39 banyuze ku mupaka wa Rusizi ya Mbere mu Karere ka Rusizi.

Bagaragaje ibyishimo byo gusubira mu gihugu cyabo, bavuga ko biteguye gufatanya n'abandi Banyarwanda mu bikorwa bigamije iterambere ry'igihugu.

Icyimpaye Rachel yavuze ko ubuzima babagamo muri RDC bwari bugoye, burangwa n'intambara n'umutekano muke, ku buryo bahoraga bahunga kandi bakamburwa ibyabo.

Yagize ati: "Hariya ni habi, twahoraga duhunga, nta kwicara hamwe kubera intambara, ndetse inyeshyamba zikatwambura n'ibyo dufite. Ubu turishimye cyane kuko dusubiye mu gihugu cyacu kandi tumeze neza cyane ukurikije uko twakiriwe. Ndasaba bagenzi banjye na bo gutaha maze tugafatanya n'abo dusanze gukomeza kwiteza imbere."

Nshimiyimana Jean Claude na we yavuze ko bishimiye uburyo bakiriwe, agaragaza ko ubuzima babagamo mu mashyamba bwari burangwa no guhora bimuka ndetse no kubwirwa amakuru yabateraga ubwoba bwo gutaha mu Rwanda.

Yagize ati: "Batwakiriye neza cyane ku buryo twishimye, bitandukanye n'ubuzima ziriya nyeshyamba zaduhozagamo. Nawe reba guhora ugenda ndetse bakanatubeshya ngo mu Rwanda nta mahoro ahari, utashye baramwica. Urumva se atari ukudufata bugwate? Turishimye cyane kuba tugeze iwacu turi amahoro, kuko hari bagenzi bacu bagiye bapfira mu mashyamba."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kamembe mu Karere ka Rusizi, Rwango Jean de Dieu, yakiriye abageze ku mupaka wa Rusizi ya Mbere, abashishikariza gufatanya n'abandi Banyarwanda kubaka igihugu.

Yabijeje ko Leta izakomeza kubafasha mu byo bazakenera, harimo no kwita ku burezi bw'abana babo.

Yagize ati: "Murakaza neza mu rwababyaye. Murabona ko ibyo bababwiraga bababeshyaga, hano turi amahoro. Icyo tubasaba ni ugufatanya n'abandi Banyarwanda kubaka igihugu cyacu, kandi dufite ubuyobozi bwiza buzakomeza kubitaho mu byo mukeneye, ndetse n'uburezi bw'abana bwagombye kwitabwaho."

Aba Banyarwanda bose boherejwe mu nkambi y'agateganyo ya Nyarushishi, ihereye mu Murenge wa Nkungu mu Karere ka Rusizi, aho bazahabwa ubufasha bw'ibanze mbere yo gusubira mu miryango yabo.

Biteganyijwe ko bazahabwa ibikoresho n'amafaranga y'ibanze bizabafasha gutangira ubuzima bushya mu Rwanda.

Aba biyongereye ku bandi Banyarwanda barenga 7 000 bamaze gutahuka bavuye muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo kuva muri Mutarama 2025.



Abanyarwanda 419 bigobotoye ingoyi ya FDLR bataha mu rwababyaye

ITANGAZO RY'ISOKO

ITANGAZO RYO GUPIGANIRA ISOKO

Ubuyobozi bw'ikigo cy'ishuri cya GS BUYE TSS kibarizwa mu murenge wa Mageragere Akarere ka Nyarugenge burifuza gutanga amasoko mu buryo bukurikira :

Lot 01/FBO/GSB2026-2027: Ibikoresho byo mu ishami ry'ubutetsi (TVET training consumables in FBO) .**Lot 02/BDC/GSB2026-2027** : Ibikoresho byo mu bwubatsi (TVET training consumables in BDC) .**Lot 03/RHB/GSB2026-2027** :Gusana inyubako .

Ababyifuza kandi babifitiye **ubushobozi, bandikira** ubuyobozi bw'ishuri, berekana ibiciro by'icyiciro cy'isoko bashaka gupiganira. Itariki ya nyuma yo kugeza amabaruwa ku ishuri ni ku wa **09 / 11 /2026 i saa yine za mugitondo (10h00).** Gufungura amabahasha bizabera mu cyumba cy'inama cya GS BUYE TSS uwo munsi i saa tanu **(11h00')** z'amanywa.**NB** :**Lot 01 na Lot 02** zishobora gupiganirwa na Rwiyemezamirimo umwe.Naho **lot03** igapiganirwa ukwayo n'undi rwiyemezamirimo . **Ibindi** bisobanuro n'amabwiriza **biboneka** mu gitabo kiboneka mu bunyamabanga bw'ishuri hamaze **kwerekanwa** borudero yishyuriweho amafaranga **ibihumbi** bitanu **(5000Frws) kuri** buri cyiciro kizapiganirwa adasubizwa **yishyurwa** kuri konti y'ishuri **NO : 0000096082** ibarizwa mu Umwarimu Sacco, Ishami rya Nyarugenge, **Ibindi bisobanuro mwabaza kuri N ° ya Tel. : 0788600955.**

Bikorewe GS BUYE TSS, **ku wa 0 9 / 10 /2026.**

RUKUNDO EMMANUEL

Umuyobozi wa **GS BUYE TSS.**

ITANGAZO RY'ISOKO

ITANGAZO RYO GUTANGA ISOKO

Ishuri rya FAWE Girls school GAHINI rihereye mu karere ka Kayonza ririfuza gutanga isoko ry'umweaka w'amashuri wa 2026-2027 riteye ku buryo bukurikira.

Lot 1: Isoko ryo kugemura ibikoresho by'amazi n'umuriro

Lot 2: Isoko ry'ibikoresho byo mu biro n'ibikoresho bya Pratique

Abifuza gupiganira iryo soko bazasanga agatabo gakubiyemo amabwiriza agenga iryo soko mubunyamabanga bw'ishuri guhera kuwa 19/10/2026 kumisi y'akazi bamaze kwishyura amafaranga ibihumbi icumi (10,000Frw) kuri konti y'ishuri 00057-00300403-58 iri mu bank ya Kigali (BK)

Abapiganwa bazageza amabahasha afunze neza mu bunyamabanga bw'ishuri bitarenze ku itariki ya 30/10/2026saa yine za mugitondo (10:00). ku ibahasha hagomba kuba handitseho izina ryishuri n'isoko upiganira,barimo igitabo cy'umwimerere na copies ebyiri.

Amabahasha azafungurwa ku mugaragaro kuri uwo munsi tariki ya 30/10/2026 Saa yine n'igice (10:30) Za mugitondo

Bikorewe I Gahini ku wa 07/10/2026

Sr Felicite MUKASHEMA

Umuyobozi w'ishuri

ITANGAZO RY'ISOKO

Repubulika y'u Rwanda
Intara y'Iburengerazuba
Akarere ka Rusizi

ITANGAZO RIHAMAGARIRA BA RWIYEMEZAMIRIMO GUPIGANIRA ISOKO RYO KUGEMURA IBIKORESHO BY'UBWUBATSI KURI Gs MUNYOVE

UMURENGE WA GIHEKE

Ubuyobozi bw'umurenge wa Giheke burasezeranya abantu bose bifuza kandi babifitiye ubushobozi ko bwifuza gutanga isoko ryo:

- Kugemura ibikoresho by'ubwubatsi kiyandikanye bigaragara muri kandayezi bicirirwaho mu gusana ibyumba by'amashuri byangijwe n'umuyaga kuri Gs Munyove mu murenge wa Giheke

Ibitabo bikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa bihaneka mu biro by'ubunyamabanga bw'umurenge wa Giheke mu minsi yose y'akazi kuva 8h 00 kugeza 17h00, uhereye kuwa gatatu tariki 08/10/2026.

Igitabo gihabwa umuntu kwishyura amafaranga y'u Rwanda ibihumbi icumi (10,000 frw) ahandikwa kuri konti y'ikigo gisoreshwa kwishyurwa umusoro n'amahoro (RRA).

Inyandiko z'ipiganwa zigomba kuba zanditswe neza mu kirabo bine (4), bifunze neza mu ibahasha yanditseho :

Iwanu Umunyamabanga/Nshingwabikorwa w'umurenge wa Giheke
GUPIGANIRA ISOKO RYO KUGEMURA IBIKORESHO BY'UBWUBATSI KURI GS MUNYOVE.

Igitabo kimwe ari umwimerere na kopi eshatu (3). Bigomba kuba byagaze ku biro by'ubunyamabanga bw'umurenge wa Giheke, bitarenze kuwa gatatu tariki 19/11/2026 saa yine za mugitondo (10h00). Inyandiko zizaza nyuma y'iyi saha ntizizakirwa. Gufungura amabahasha ni kuri uwo munsi saa yine n'igice (10h30) za mugitondo mu cyumba cy'inama cy' umurenge wa giheke.

Bikorewe i Giheke, kuwa 09/10/2026

NGAMIJE Edaphonse
Umunyamabanga Nshingwabikorwa
w'umurenge wa Giheke

ITANGAZO RY'AKAZI

RWANDA NATIONAL ENERGY COMPANY

TERMS OF REFERENCE FOR HIRING A PROFESSIONAL RECRUITMENT FIRM

1. Background

Rwanda National Energy Company Ltd (RNEC) is a national energy company mandated to support the Government's role in energy security, petroleum procurement, cost control, infrastructure development, and contribution to the broader energy value chain, in line with Rwanda's energy sector strategies and development goals.

As the Company expands its operations and strengthens its institutional capacity, it requires highly competent and experienced professionals across management, commercial, technical, and support functions. To ensure transparent, competitive, and high-quality recruitment, RNEC intends to engage a professional recruitment firm with proven expertise in executive and specialized recruitment within the energy, petroleum, and related sectors.

2. Objective

The overall objective of this assignment is to engage a qualified and experienced professional recruitment firm to provide comprehensive recruitment services that will enable Rwanda National Energy Company Ltd to attract, assess, and select highly competent candidates for vacant positions in a timely, transparent, cost-effective, and professional manner.

Specific objectives include:

1. To design and implement effective recruitment strategies tailored to the Company's needs and the energy sector context.
2. To source, screen, and shortlist qualified candidates from local, regional and international talent pools.
3. To support the Company in conducting competency-based assessments, interviews, and reference checks.
4. To support interview scheduling, candidate communication, offer negotiation, and onboarding processes.
5. To ensure the recruitment process adheres to principles of fairness, equal opportunity, confidentiality, and best human resource practices.
6. To recommend suitable candidates who possess the technical skills and leadership capabilities and attributes required for success within RNEC.

3. Scope of Work

The selected recruitment firm will work closely with the Board and Management of Rwanda National Energy Company Ltd and shall be responsible for the following.

3.1 Pre-Recruitment Activities

- Review and refine job descriptions, person specifications, and competency requirements for positions to be filled in consultation with RNEC.
- Advise on appropriate grading, remuneration benchmarks, and attraction strategies for critical roles.
- Develop a detailed recruitment plan and timeline for each assignment or batch of assignments.

3.2 Sourcing and Attraction

- Conduct targeted searches using multiple channels, including professional networks, industry databases, online job portals, social media, and direct headhunting.
- Advertise positions on relevant local, regional, and international platforms as agreed with RNEC.
- Proactively identify and approach candidates with relevant energy sector experience.

3.3 Screening and Assessment

- Receive and log all applications; conduct initial screening against agreed criteria.
- Prepare longlists and shortlists of candidates with supporting justification memos.
- Coordinate and, where required, administer psychometric assessments, technical tests, and competency-based evaluations.
- Facilitate and participate in interview panels as requested by RNEC.

3.4 Selection Support and Due Diligence

- Carry out thorough reference and background checks on shortlisted candidates.
- Prepare comprehensive candidate assessment reports and recommendations.
- Support offer negotiations and onboarding coordination as required.

3.5 Reporting and Documentation

- Maintain complete and confidential records of the recruitment process.
- Provide regular progress reports and a final recruitment report for each assignment.
- Ensure full compliance with applicable Rwandan labour laws, data protection requirements, and RNEC policies.

4. Key Roles (Positions) to be Recruited

The recruitment firm shall support RNEC in filling the following critical positions under a two-phase approach. Phase 1 focuses on establishing core leadership and essential support functions required for immediate operational readiness. Phase 2 focuses the financial, commercial, compliance, procurement, and accounting capacity needed for full business operations.

Recruitment Categories and Fees

The positions to be recruited under this assignment shall be categorized into three main levels, namely:

- Senior Management Positions
- Management Positions; and
- Officer Positions.

The above categories shall form the basis for determining and quoting the applicable recruitment fees by the recruitment firm. The firm shall clearly indicate its recruitment fee for each category in its financial proposal. See details below on recruitment positions under categories and phases.

3.1 Phase 1 – Leadership and Essential Support Positions

These positions are prioritised for immediate recruitment to establish strategic leadership, legal and governance foundations, human resource capacity, procurement systems, information technology infrastructure, and administrative support.

Position	Category	Summary of Key Responsibilities
Chief Executive Officer (CEO)	Senior Management	Provide overall strategic leadership and direction for RNEC, ensure alignment with national energy policy and government priorities; oversee organizational performance, governance, and stakeholder relations; drive institutional development, operational excellence, and sustainable growth of the Company.
Chief Finance Officer (CFO)	Senior Management	Lead the financial strategy, planning, budgeting, and reporting of RNEC; oversee treasury, accounting, and financial control functions; ensure sound financial management, cost efficiency, and compliance with financial management standards and best practices; support commercial viability and investment decision-making.
General manager, Sales	Senior Management	Drive revenue growth, market expansion, and commercial stakeholder engagement, including Oil Marketing Companies (OMCs), regulator, local, regional and international partners and key stakeholders. He/she will coordinate the interface between operations, clients and key stakeholders.
Legal Officer / Manager	Management or Officer	Provide legal advice and support on all corporate, commercial, and regulatory matters; draft, review, and negotiate contracts and agreements; ensure compliance with applicable laws and regulations; manage litigation and dispute resolution; support corporate governance and company secretarial functions.
HR Manager	Management	Lead the development and implementation of human resource strategies, policies, and systems; oversee talent acquisition, performance management, learning and development, and employee

Position	Category	Summary of Key Responsibilities
		relations; ensure compliance with labour laws; support organizational change and culture building.
Procurement Officer / Manager	Management or Officer	Manage end-to-end procurement processes for goods, works and services in accordance with applicable procurement regulations; prepare bidding documents, evaluate tenders, and manage contracts; ensure value for money, transparency, and compliance; maintain supplier databases and performance monitoring.
IT Manager	Management	Lead the design, implementation and maintenance of the Company's information technology systems and infrastructure; ensure data security, system reliability, and business continuity; support digitalization of operations; manage IT service providers and provide user support and training.
Senior Accountant (2 positions)	Officer	Oversee day-to-day accounting operations, including general ledger, accounts payable/receivable, bank reconciliations, and intercompany reporting; prepare monthly financial statements and management reports; ensure compliance with accounting standards and internal controls; support external audits.
Supply and Trading Assistant (2 positions)	Officer	Support petroleum supply and trading operations, including order processing, documentation, vessel booking, inventory monitoring, and coordination with OMCs, transporters, and terminals; maintain accurate records of transactions and assist in market data analysis and reporting.

3.2 Phase 2 – Finance, Commercial and Compliance Positions

These positions will be recruited to strengthen financial management, commercial sales operations, regulatory compliance, and accounting capacity essential for petroleum trading, supply chain activities, and sound financial governance.

Position	Position	Summary of Key Responsibilities
Compliance Officer	Officer	Develop, implement, and monitor the Company's compliance framework; ensure adherence to regulatory requirements (including energy, petroleum, environmental, and anti-corruption regulations); conduct compliance risk assessments; and promote a culture of integrity and ethical conduct across the organization.
Accountant (2 positions)	Officer	Perform routine accounting tasks, including processing invoices, reconciling accounts, maintaining ledgers, and supporting preparation of financial reports; assist the Senior Accountant and Finance Manager in ensuring accurate and timely financial records and compliance with internal controls.

Position	Position	Summary of Key Responsibilities
Admin Officer	Office	Provide comprehensive administrative and office management support; coordinate agendas, activities, records management, and general office operations; support meetings, travel arrangements, and correspondence; ensure efficient day-to-day running of the administrative section

Note: RNEC may add more positions to be recruited under each phase upon consultations with the firm.

5. Deliverables

The recruitment firm shall produce the following key deliverables for each recruitment assignment (or batch of positions):

- **Inception Report / Recruitment Plan:** Detailed methodology, timeline, sourcing strategy, and communication plan (within 7–10 working days of assignment commencement).
- **Job Advertisements and Attraction Materials:** Professionally drafted advertisements and outreach content.
- **Longlist and Shortlist Reports:** Documented candidate profiles with evaluation scores against agreed criteria.
- **Interview and Assessment Support:** Interview guides, assessment tools, and facilitation support.
- **Candidate Assessment Reports:** Detailed evaluation of shortlisted candidates, including strengths, development areas, and recommendations.
- **Reference and Background Check Reports:** Verified information on preferred/recommended candidates.
- **Final Recruitment Report:** Summary of the process, recruitment outcomes, lessons learned, and recommendations for future recruitment.
- **Handover Documentation:** Complete candidate files and process records transferred to RNEC management.

6. Required Experience and Qualifications

6.1 Experience of the Recruitment Firm

The firm must demonstrate the following:

- A minimum of seven (7) years of continuous experience in professional recruitment and executive search services.
- Proven track record of successful recruitment for energy, power, petroleum, utilities, or related sectors in Rwanda with the ability to recruit regionally and internationally.
- Demonstrated experience in recruiting for senior management, technical specialists, and mid-level professional positions.
- Strong networks and databases of talent within the energy and petroleum sectors, both regionally and internationally.

- Sound knowledge of Rwandan labour laws, employment regulations, and best practices in human resource management.
- Proven capacity to maintain the highest standards of confidentiality, professionalism, and ethical conduct.
- Valid registration and license to operate recruitment services in Rwanda.

6.2 Experience and Qualifications of the Proposed Team

The firm shall propose a core team with the following minimum requirements:

Team Leader / Lead Consultant

- Master's degree in Human Resource Management, Business Administration, or a related field.
- At least ten (10) years of progressive experience in executive search and recruitment, with a minimum of five (5) years in a lead capacity.
- Demonstrated experience managing recruitment assignments for energy, petroleum, or utilities clients.

Senior Recruitment Consultant(s)

- Bachelor's degree (Master's preferred) in Human Resources, Business, or related discipline.
- Minimum of five (5) years of hands-on recruitment experience, including sourcing and assessment of technical and managerial talent.
- Demonstrated experience conducting recruitment assignments for energy, petroleum, or utilities clients.
- Experience in competency-based interviewing and candidate evaluation.

Support / Research Staff

- Adequate research and administrative capacity to support candidate sourcing, database management, and planning.

7. Duration of the Assignment

The engagement shall be structured as a framework agreement for an initial period of one (1) year, renewable for additional periods subject to satisfactory performance and mutual agreement.

The firm shall remain available for support during the offer and onboarding stages of successful candidates as reasonably required.

8. Reporting Arrangement

The recruitment firm shall report to RNEC Board and Senior Management.

Reporting requirements shall include:

1. An inception meeting and submission of the Inception Report / Recruitment Plan.
2. Bi-weekly (or as otherwise agreed) progress updates during active recruitment campaigns.

3. Formal presentation of longlists and shortlists to the designated RNEC officer.
4. Submission of all candidate documentation and final recruitment reports.
5. Immediate escalation of any material issues or risks that may affect the quality, timeline, or integrity of the recruitment process.

Reporting Requirements details

Submission of an inception report should be within 7 days after being contracted for any prospective assignment. The inception report should be between ten pages, setting out the work programme and methodology to be followed.

After finalizing the interviews, panel will make a presentation to the Board on shortlisted candidates for each position, highlighting their qualifications, experience, and suitability. The Board will review the recommendations and will contact the list of selected candidates for reference checks and clarifications, if necessary. Following the Board's review and approval, the successful candidates will be notified by email of selection and final communication to successful candidates). The report shall be written in English.

9. Evaluation Criteria

Proposals will be evaluated using a Quality- and Cost-Based Selection (QCBS) approach. Technical evaluation will assess qualifications, experience, and approach (70 points out of 100 points), and only firms scoring above the minimum technical threshold will have their financial proposals considered.

9.1 Preliminary and Administrative Evaluation

- A Copy of Trading License registered with RDB (Pass/Fail)
- Payment of tender document of 10,000Frw
- Valid copy of the Social Security certificate (PASS)
- Valid copy of Tax clearance certificate (PASS)
- VAT Certificate
- Bid security guarantee of 5,000,000 provided by bank or any financial institution

9.2 Technical Evaluation Criteria (100 points)

No.	Evaluation Criteria	Maximum Points
1	[illegible]	7
2	[illegible]	28

Table 2 of 3 | Terms of Reference – Professional Recruitment Services

No.	Evaluation Criteria	Maximum Points
3	[illegible]	10
4	[illegible]	45
5	[illegible]	10
	Total Technical Score	**100**

9.3 Financial Evaluation

[illegible]

9.4 Payment Modalities

[illegible]

1. **First Payment (inception report)**
   [illegible]
2. **Second Payment – (progress report)**
   [illegible]

3. **Third Payment – (final report and handover documentation)**
   [illegible]

9.5 Final Selection

[illegible]

10. Submission of Proposals

[illegible]

Deadline: [illegible]

Submission: [illegible]

Late submissions will be automatically disqualified.

[illegible]

ITANGAZO RY'AKAZI

SINELAC
Société Internationale D'Electricité des Pays des Grands Lacs

Bukavu le 21/10/2026
N° 795/2026

AVIS D'APPEL D'OFFRE POUR LE RECRUTEMENT D'UN MECANICIEN

La Société Internationale d'Electricité des Pays des Grands Lacs, en abrégé « SINELAC », ayant son Siège Social à Bukavu en République Démocratique du Congo, lance un appel d'offre pour emploi au **Poste de Mécanicien pour la Centrale Hydroélectrique Ruzizi.**

I. DESCRIPTION DU POSTE

Le Mécanicien sera sous la supervision du Chef d'Equipe Mécanique. Il travaillera en étroite collaboration avec les mécaniciens de l'équipe mécanique de la Centrale Ruzizi II.

II. PRINCIPALES TÂCHES

Sous la supervision directe du Chef d'Equipe Mécanique, le mécanicien de la Centrale Ruzizi II:

- Fait tout travail de maintenance préventive et curative des équipements, des ensembles et sous-ensembles mécaniques, notamment de l'entretien des groupes turbo-alternateurs et des équipements connexes en faisant des contrôles et vérifications nécessaires ;
- Prévient toute apparition de panne ou disfonctionnement des équipements mécaniques de la centrale ;
- Intervient rapidement pour réparer les machines et les équipements mécaniques connexes en cas de panne ;
- Participe à l'analyse des dysfonctionnements et propose des solutions et des améliorations ;
- Applique les règles d'hygiène, d'environnement et de sécurité en lieu de travail ;
- Fait un rapport de suivi d'intervention à sa hiérarchie ;
- Fait des travaux courants de mécanique générale et automobile ;
- Exécute divers travaux d'atelier ;
- Exécute toute autre tâche demandée par la hiérarchie dans l'intérêt du travail et dont il les compétences.

III. COMPETENCES ET QUALITES REQUISES

Les compétences et qualités requises sont les suivantes :

- Avoir la maîtrise des assemblages, de l'ajustage, de l'usinage et de la lecture de plans mécaniques ;
- Avoir une connaissance des circuits hydrauliques, des vérins, des distributeurs, des turbines et des vannes de régulation ;
- Avoir la compréhension des couplages électromécaniques et des interactions avec les alternateurs et les armoires de commande ;
- Savoir l'utilisation d'outils de mesure précis et de techniques de contrôle (analyse vibratoire, alignement laser, thermographie) ;
- Savoir planifier et réaliser des révisions, graissage, remplacement de pièces d'usure et dépannage en urgence ;
- Savoir respecter les consignes de sécurité en milieu industriel, procédures de consignation/déconsignation et travail en hauteur ou en espace clos ;
- Avoir la capacité à analyser une panne complexe rapidement en situation d'urgence ou lors d'un déclenchement d'alarme ;
- Etre apte à travailler seul ou en petite équipe lors des rondes d'inspection et des interventions sur site ;
- Avoir une bonne aptitude dans le travail en équipe pluridisciplinaire, avec différents groupes multiculturels ;
- Avoir des capacités d'apprentissage et d'adaptation à l'évolution technologique.

IV. PROFIL DU CANDIDAT

Le candidat à ce poste devra :

- Etre de nationalité rwandaise ;
- Etre âgé de 35 ans au maximum ;
- Avoir un diplôme de niveau A1 au minimum ou équivalent en Mécanique Générale ou Electromécanique ;
- Avoir une expérience professionnelle générale de trois ans au minimum, soit dans le domaine de la maintenance des équipements mécaniques, électromécaniques ou hydromécaniques ou électromécaniques industriels ;
- Avoir des connaissances en informatique : word, excel et power point ;
- Avoir une maitrise orale et écrite du français. La connaissance de l'anglais serait un atout.

V. DOSSIERS DE CANDIDATURE

Les dossiers de candidature avec la mention **« Candidature au poste de mécanicien »** comprendront les pièces ci-après :

a) Une lettre de demande d'emploi adressée à Monsieur le Directeur Général de la SINELAC à Bukavu en République Démocratique du Congo ;
b) Un curriculum vitae bien détaillé mettant en exergue son expérience professionnelle ;
c) Les copies certifiées du (des) diplômes, certificats, attestations ou tout autre document justifiant la formation et l'expérience du candidat ;
d) La copie de la carte d'identité ou du passeport ;

2

ITANGAZO RY'ISOKO

Repubulika y'u Rwanda
Akarere ka Gasabo

UMURENGE WA GISOZI

REF.

ITANGAZO RYO GUPIGANIRWA AMASOKO.

Ubuyobozi bw'Umurenge wa GISOZI burasaruyeho ko rwiyemezamirimo babyifuza kandi batifitiye ubushobozi ko bashaka guhanga isoko mu gihe cy'imyaka ku buryo bukurikira:

No	Izina ry'isoko	Numero y'isoko	Agaciro k'inyandiko y'ipiganwa	Itariki n'isaha yo kwakira inyandiko	Itariki n'isaha yagufungura inyandiko
01	Isoko ryo gukora DESIGN AND PRINTING	UN0001/GIS/2026-2027	10000 frw	12/11/2026. Guhera saa ten za Mugitondo kugeza saa yine za mukuru sabiri (04:00)	12/11/2026. Saa yine n'igice za mugitondo (10:30)

Abahyifuza bosabwa kuza gufata inyandiko zisobanura uburyo ipiganwa, mu kanyamabanga mu nyanja bw'Umurenge wa GISOZI, guhera kuwa 26/10/2026, mu Masaha y'akazi, nyuma yo kugaragaza ko wishyuye amafaranga Ibihumbi icumi (10000 frw, atishyizwa kuri konti ya Rwanda Revenue Authority. Inyandiko zigomba kuzuza ibisabwa byose n'ibyagenwa bisabwa mu mabwiriza arambuye, ku itariki n'isaha byagenwe mu mpeshyamwanya iri hamwe.

Bikorewe i GISOZI kuwa 23/10/2026

MUKA[illegible]

Umuyobozi w'Umurenge wa GISOZI.

Umurenge wa Gisozi | Email: gisozisector@[illegible].gov.rw

ITANGAZO RY'ISOKO

Republika y'u Rwanda
Umujyi wa KIGALI
Akarere ka Nyarugenge
Umurenge wa Gitega

ITANGAZO RYO GUPIGANIRA AMASOKO

Ubuyobozi bw'Umurenge wa Gitega burahamagarira ba Rwiyemezamirimo,Koperative n'abantu ku giti cyabo babyifuza banditse mu gitabo cy'ubucuruzi no muri TVA kandi bafite ubushobozi bwo gupiganira amasoko akurikira:

NO	NUMERO DE REFERENCE	IZINA RY'ISOKO	IGIHE NTARENGWA CYO GUTANGA DOSSIER	AHO AMAFARANGA AZATURUKA
1	**P000002/2026/2027/ GITEGA SECTOR**	Isoko gukora imashini n'ibindi bikoresho bya elegitoroniki(Maintenance of machine and other electronic materials)	16/11/2026 saa yine za mugitondo	Amafaranga azava mu ngengo y'imari y'Umurenge wa Gitega
2	**P000003/2026/2027/ GITEGA SECTOR**	Isoko ryo gutanga ibiribwa n'ibinyobwa mu nama n'ibiterane bitegurwa n'umurenge wa Gitega	16/11/2026 saa yine za mugitondo	Amafaranga azava mu ngengo y'imari y'Umurenge wa Gitega
3	**P000007/2026/2027/ GITEGA SECTOR**	Isoko ryo gutwara courrier z'umurenge	16/11/2026 saa yine za mugitondo	Amafaranga azava mu ngengo y'imari y'Umurenge wa Gitega
4	**P000008/2026/2027/ GITEGA SECTOR**	Isoko ryo koza ibinyabiziga by'umurenge wa Gitega	16/11/2026 saa yine za mugitondo	Amafaranga azava mu ngengo y'imari y'Umurenge wa Gitega
5	**P000009/2026/2027/ GITEGA SECTOR**	Isoko ryo gusana inyubako z'umurenge wa Gitega	16/11/2026 saa yine za mugitondo	Amafaranga azava mu ngengo y'imari y'Umurenge wa Gitega

Ibitabo by'amabwiriza agenga ipiganwa biboneka mu bunyamabanga rusange bw'Umurenge wa Gitega guhera tariki ya 02/11/2026,herekanywe urupapuro rwishyuriweho amafaranga ibihumbi icumi y'u Rwanda(**10,000Frws**) adasubizwa kuri Konti N° **00040-06977170-96** y'Umurenge wa Gitega ifunguwe muri Banki ya Kigali(BK).

Amabahasha afunze neza, **yanditseho gusa inyito y'isoko nkuko igaragara mu mbonerahamwe iri hejuru**,arimo ibiciro,inyandiko y'ipiganwa inzwe y'umwimerere na kopi eshatu(3) zayo bizatangwa mu bunyamabanga rusange bw'Umurenge wa Gitega bitarenze tariki ya **16/11/2026** saa yine za mu gitondo(**10h:00'**). Gufungura amabahasha arimo inyandiko zipiganwa bizakorwa kuri iyo tariki ya 16/11/2026 saa yine n'igice(**10h:30'**) mu cyumba cy'inama cy'Umurenge wa Gitega.

Bikorewe i Gitega kuwa 16/10/2026

MUREBWAYIRE Alphonsine
Umunyamabanga Nshingwabikorwa w' umurenge wa Gitega

ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBULIKA Y'URWANDA

INTARA Y'I BURENGERAZUBA
AKARERE KA RUTSIRO
GS BUHINDURE TSS
Tel Mob: 0786772646

ITANGAZO RY'ISOKO N°01 / RTB/2026-2027

Ishuri rya GS BUHINDURE TSS rihereereye mu Murenge wa Kigeyo , Akarere ka Rutsiro rirafuza gutanga isoko ryo kugemura ibikoresho bishira byo kwigishirizaho abanyeshuri training consummables), **n'ibikoresho bidashira (Tools and Equipment)**

ISOKO RIGIZWE N'UDUCE TUBIRI (lots:2)

Agace ka mbere : kagizwe no kugemura ibikoresho bishira(Training Consumables),n'ibikoresho bidashira (Tools And Equipment) nkuko bigaragara mugitabo cy'isoko mw'ishami ryu buzima bw'amatungo(Animal Health trade.)

Agace ka kabiri: kagizwe no kugemura ibikoresho bishira(Training Consumables),n'ibikoresho bidashira (Tools and Equipemet) nkuko bigaragara mu gitabo cy'isoko mw'ishami ry'ubuhinzi(Agriculture Trade)

Ibitabo bikubiyemo amabwiriza arambuye agenga isoko mwabisanga mubunyamabanga bw'ishuri guhera tariki 20/10/2026 muminsi y'akazi no mumasaha y'akazi mwitwaje Bordereau yishyuriweho amafaranga 5,000frw yo kugura igitabo cy'isoko (DAO) yishyurwa kuri konti y'ishuri **N° y'ikigo cya GS BUHINDURE TSS 90-00139804-00** iri muri Cooperative Umwalimu SACCO, iri mu zina rya GS BUHINDURE

Amadosiye asaba isoko agezwa mu bunyamabanga bw'ishuri bitarenze taliki ya 18/11/2026saa sita z'amanywa zuzuye. Gufungura amabaruwa bizakorerwa mu ruhame taliki ya 18/11/2026 guhera saa sita z'amanywa. Uwifuza ibisobanuro birambuye yabariza kuri telefone 0786772646 y'umuyobozi w'ishuri.

Bikorewe Buhindure ku wa 19/10/2026

NYIRAHABIMANA Dative

Umuyobozi wa GS BUHINDURE TSS

ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBLIC OF RWANDA
RWANDA AGRICULTURE AND ANIMAL RESOURCES DEVELOPMENT BOARD (RAB)
SPIU
IFAD, WORLD BANK AND KOICA FUNDED PROJECTS

ISOKO No P000035/2026/2027/CDAT RYO KUGEMURA IMBUTO Y'IMYUMBATI

Hashingiwe ku masezerano yasinywe hagati ya Leta y'u Rwanda na Banki y'Isi (World Bank) kubufatanye n'Ikigega mpuzamahanga gitsura amajyambere (IDA) binyuze mu Mushinga CDAT (Umushinga ugamije Guteza Imbere Ubuhinzi Bugamije Ubucuruzi no Kugabanya Ibibazangamira);

Umushinga CDAT urahamagarira abatuboni b'imbuto y'imyumbati, gupiganira isoko ryo kugemura imbuto y'imyumbati ifite ubwiza bwemewe (**Quality Declared Seed**).

Imbuto y'imyumbati izatangwa mu turere SPIU-RAB/CDAT ikoreramo ariwo Rubavu, Nyanza, Gisagara, Muhanga, Nyamasheke na Rugerero.

Igitabo gikubiyemo amabwiriza agenga isoko muragisanga ku biro by'Umushinga, aho dukorera ku Kacyiru mu Akarere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali munzu yitwa "Blue Star House" guhera tariki ya 23/10/2026 mu masaha y'akazi.

Amabaruwa afunze neza ariko ibicito azagezwa ku biro by'Umushinga bitarenze tariki ya 03/11/2026 saa tanu n'igice (11h30) z'amanywa. Inyandiko z'ipiganwa zizaza nyuma y'iasha ntizirakirwa, gufungura inyandiko z'ipiganwa bizakorwa kuri uwo munsi saa tanu na mirongo itatu n'itanu (11h45).

Bikorewe i Kigali, kuwa 22/10/2026

Stephen RWAMULANGWA
Umuhuzabikorwa w'Umushinga

P.O BOX 5016 KIGALI

ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBLIC OF RWANDA
RWANDA AGRICULTURE AND ANIMAL RESOURCES DEVELOPMENT BOARD (RAB)
SPIU
IFAD, WORLD BANK AND KOICA FUNDED PROJECTS

ISOKO No P000034/2026/2027/CDAT RYO KUGEMURA IMBUTO Y'IBIRAYI

Hashingiwe ku masezerano yasinywe hagati ya Leta y'u Rwanda na Banki y'isi (World Bank) kubufatanye n'Ikigega mpuzamahanga gitsura amajyambere (IDA) binyuze mu Mushinga CDAT (Umushinga ugamije Guteza Imbere Ubuhinzi Bugamije Ubucuruzi no Kugabanya Ibibazangamira).

Umushinga CDAT urahamagarira abatuboni b'imbuto y'ibirayi, gupiganira isoko ryo kugemura imbuto y'ibirayi ifite icyemezo (**Certified Seed**).

Imbuto y'ibirayi izatangwa muturere CDAT ikoreramo ariwo, Nyamguru, Nyamagabe, Muhanga na Nyagatare.

Igitabo gikubiyemo amabwiriza agenga isoko muragisanga ku biro by' Umushinga, aho dukorera ku Kacyiru mu Akarere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali munzu yitwa "Blue Star House" guhera tariki ya 23/10/2026 mu masaha y'akazi (kuva saa tatu (9:00 A.M) kugeza saa kumi nimwe (17:00 p.m)

Amabaruwa afunze neza ariko ibicito azagezwa ku biro by'Umushinga bitarenze tariki ya 03/11/2026 saa tanu n'igice (11h30) z'amanywa. Inyandiko z'ipiganwa zizaza nyuma y'iasha ntizirakirwa, gufungura inyandiko z'ipiganwa bizakorwa kuri uwo munsi saa tanu na mirongo itatu n'itanu (11h45).

Bikorewe i Kigali, kuwa 23/10/2026

Stephen RWAMULANGWA
Umuhuzabikorwa w'Umushinga

P.O BOX 5016 KIGALI

ITANGAZO RY'ISOKO

Republic of Rwanda
City of Kigali
Kicukiro District

Ref: 0375 /07.01.03.08/2026

Kanombe, ku wa 13/10/2026

ITANGAZO RY'ISOKO

Umurenge wa Kanombe uratumira bu Rwiyemezamirimo bujuje ibyangombwa kandi babishoboye kuza gupiganira amasoko akurikira :

N°	Izina ry'isoko	Numero y'isoko	Umunsi n'isaha yo gutangira kugura ibitabo	Umunsi n'isaha ntarengwa yo kwakira ibitabo by'ipiganwa	Umunsi n'isaha yo gufungura ibitabo
1	Isoko ryo Gutwara abantu n'ibintu	P000007/2026/2027/KANOMB E Sector	19/10/2026 10h00	18/11/2026 10h00	18/11/2026 10h30
2	Isoko rya Maintenance y'Imodoka y'isuku n'umutekano na moto by'Umurenge	P000008/2026/2027/KANOMB E Sector	19/10/2026 10h00	18/11/2026 10h00	18/11/2026 11h00

Inyandiko z'amabwiriza agenga ipiganwa ziboneka mu Bunyamabanga bw'Umurenge wa Kanombe mu minsi yose y'akazi ku matariki agaragara mu mboneshamvwe nyuma yo kugaragaza ko wishyuye amafaranga ibihumbi icumi (**10,000frw**) adasubizwa kuri konti ya Rwanda Revenue Authority (RRA) , kwakira no gufungura inyandiko z'ipiganwa bizaganyijwe ku matariki n'amasaha byagaragajwe mu mboneshamvwe; Inyandiko zizakirirwa mu biro by'Uburyamabanga bw'Umurenge wa Kanombe, ku matariki n'amasaha bigaragara mu mboneshamvwe, naho kuzifangura bizabera mu cyumba cy'inama cy'Umurenge wa Kanombe ku matariki n'amasaha byagaragajwe mu mboneshamvwe.

Bikorewe i Kanombe ku wa 13/10/2026

SABATO Jeanvier
Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kanombe

www.kicukiro.gov.rw Email: kanombe@kicukiro.gov.rw

ITANGAZO RY'ISOKO

ITANGAZO RYO GUPIGANIRA AMASOKO

Ubuyobozi bw'ishuri ryisumbuye rya **GS CAMP KIGALI TSS**, rikorera mu Murenge wa Nyarugenge, Akarere ka Nyarugenge, Umujyi wa Kigali, buramenyesha ba Rwiyemezamirimo bose babyifuza kandi babifitiye ubushobozi, ko bushaka gutanga amasoko yo kugura no kugemura ibikoresho byo kwigishirizaho abanyeshuri biga muri icyo kigo.

Ayo masoko ari mu buryo bukurikira:

Lot 1: Kugura no kugemura ibikoresho byo mu ishami ry' ubwubatsi **(Building Construction)**.

Lot 2: Kugura no kugemura ibikoresho byo mu ishami ryo Gutunganya ibiribwa **(Food and Beverage Operation)**.

Lot 3: Kugura no kugemura ibikoresho byo kwigira ku murimo (DUAL TVET) ku banyeshuri bo mu ishami ryo Gutunganya ibiribwa **(Food and Beverage Operation)**

Abifuza gupiganirwa iri soko bashobora kubona igitabo gikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa mu bunyamabanga bw'ishuri, kuva tariki ya **11/10/2026** kugeza tariki ya **05/11/2026**, mu minsi n'amasaha y'akazi; Nyuma yo kwishyura amafaranga ibihumbi icumi **(10,000 Frw)** adasubizwa kuri konti **N°: 100005553347 ya GS CAMP KIGALI PARENTS ORG iri muri BANKI YA KIGALI (BK).**

Amabaruwa agizwe na kopi eshatu akubiyemo ibiciro agomba kugezwa imbere y'abagize akanama k'amasoko k'ishuri bitarenze tariki ya **06/11/2026** saa tatu n'iminota mirongo itanu za mu gitondo (09H50') naho gufungura amabaruwa bizakorwa mu ruhame kuri uwo munsi saa yine zuzuye (10H00) mu cyumba mberabyombi cy'ishuri rya **GS CAMP KIGALI TSS.**

Bikorewe Camp kigali tariki ya **06/10/2026**

MUGISHA Richard

Umuyobozi wa GSCAMP KIGALI /TSS

GS Camp Kigali, PO.Box : 4132 KGL, Website : www.gscampkigalischool.com Tel. (250) 783772705, Email: campkigalischool@yahoo.fr, Account: no 00043-00432843-01 BK (Primary& Sec) or 00043-00695701-25 Nursery, UMWALIMU SACCO: no 90-0096102-00.

ITANGAZO RY'ISOKO

MIZERO Technical Secondary School (MTSS)
Ruzizi District, Kamembe sector
P.O Box 3 Cyangugu, phone:0788482041/0783139928/0787029679
Email:tvetmizero@gmail.com/ Website: www.jesuits-rwb.org

ITANGAZO RY' ISOKO

Ubuyobozi bw' ishuri MIZERO TSS rihereereye mu karere ka Ruzizi , umurenge wa Kamembe , buramenyesha abantu bose babyifuza kandi babifitiye ubushasha, bafite ibyangombwa bibemerera gupiganira amasoko ya leta gupiganira amasoko akubiye mu mbonerahamwe ikurikira:

NO	IZINA RY' ISOKO	IGICIRO CY' IGITABO
Lot 1	Ibikoresho byo kwigiraho mu budozi	5,000 frw
Lot 2	Ibikoresho byo mu bwubatsi bidaciye mu nganda	5,000 frw
Lot 3	Ibikoresho byo mu bwubatsi biciye mu nganda	5,000 frw
Lot 4	Ibikoresho byo kwigiraho byo mu ishami rya computer na software development	5,000 frw
Lot 5	Ibyo kwigiraho byo muri food and beverage	5,000 frw

Ibikenewe muzabisanga mu bitabo bikubiyemo amabwiriza agenga isoko biboneka mu bunyamabanga bw' ikigo mu masaha y' akazi guhera kuri 23/10/2026 hamaze kwishyurwa amafaranga y' U Rwanda angana n' ibihumbi bitanu(5,000 frw) kuri buri soko kuri konte N° 4491282641 iri muri Banque Populaire du Rwanda (BPR) iri mu mazina ya MIZERO TSS. Amabaruwa y' ipiganwa afunze neza arimo ibitabo bitatu , kimwe cy' umwimerere na kopi ebyiri agomba kuba yageze mu bunyamabanga bw' ikigo tariki ya 24/11/2026 saa yine za mu gitondo (10h00) n' amabaruwa agahita afungurwa mu cyumba cy' inama cya MIZERO TSS.

Bikorewe kamembe ku wa 23/10/2026

KAMANZI Innocent

Umuyobozi wa MIZERO TSS

ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYEPFO
AKARERE KA NYANZA
UMURENGE WA BUSASAMANA
KAVUMU TSS
EMAIL: kavumutss.nyanza@gmail.com
ngvalens@gmail.com

KAVUMU

ITANGAZO RYO GUPIGANIRA ISOKO NO 02/BYVETS/2024-2025

Ishuri rya KAVUMU TECHNICAL SECONDARY SCHOOL (KAVUMU TSS) riherereye mu murenge wa Busasamana riramenyesha ba rwiyemezamirimo babyifuza kandi babifitiye ubushobozi ko rishaka gutanga isoko ryo **Kugemura ibikoresho bitandukanye ishuri rizakenera mu mwaka w'amashuri 2026-2027.** Abifuza gupiganira iryo soko bashobora kubona igitabo gikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa mu bunyamabanga bw'ishuri kuva ku itariki ya 23/10/2026, nyuma yo kwishyura amafaranga y'u Rwanda adasubizwa ibihumbi bitanu **(5,000Frw)** ashyirwa kuri konti y'ishuri **No 4411782383** iri muri Banki y' Abaturage y' u Rwanda yitwa CFP Kavumu cyangwa kuri konti **No 190403** iri mu Umwalimu SACCO, yitwa KAVUMU TSS.

Amabahahu afunze neza arimo ibiciro agomba kuba yageze mu bunyamabanga bw'ishuri rya KAVUMU TECHNICAL SECONDARY SCHOOL (KAVUMU TSS) bitarenze tariki ya 04/11/2026 saa tanu zuzuye (11:00) za mugitondo. Gufungura amabahahu mu ruhame bizaba kuri uwo munsi saa tanu n'igice za mugitondo (11:30) mu cyumba cy'inama cy'Ishuri rya KAVUMU TECHNICAL SECONDARY SCHOOL (KAVUMU TSS).

Bikorewe i Kavumu, ku 23/10/2026

NGERAGEZE VALENS

Umuyobozi wa KAVUMU TSS

ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBLIC OF RWANDA

MINEDUC
NELSON MANDELA T.S.S
BP: 102 NYAMATA
Email: nelsonmandelatvet@gmail.com
Tel:0788492699/0786504821

TENDER NOTICE

1. **The Nelson Mandela Technical Secondary School** hereinafter called Client has funds towards the cost of Tender for Supply of teaching materials divided into 3 Lots;
   - **LOT 1: Electrical Technology materials**
   - **LOT 2: Building Construction materials**
   - **LOT 3: Renewable Energy materials**
2. **The Nelson Mandela Technical Secondary School** invites eligible bidders to submit bids for Tender for Supply of teaching materials **as** indicated in detail in the statement of Requirements. Participation to the competition is open on equal conditions to all companies specialized in the field.
3. The tender document may be obtained from The Nelson Mandela TSS, Bugesera District, Ntarama Sector at any working day from 8:00 am to 5:00Pm upon payment of non – refundable fees of **ten thousand Rwanda Francs (10,000 Rwf)** on the school account **No: 00062-00364902-44 opened at Bank of Kigali.**
4. The bids will be submitted at the school office not later than **13 /11 /2026 at 10:00 AM local time.** Late bid will not be accepted. Bid will be opened on the same day at **10:30 AM local time.**
5. The bids shall remain valid for a period of **120 days** starting from the submission deadline.
6. All interested bidders may obtain some complementary information by writing from Nelson Mandela TSS within three sixths (3/6) of the deadline period for the submission of tenders as of the date of tender notice publication before the fixed deadline for the submission of bids.
7. Bidding will be conducted in accordance with the Law N0 62 18 of 25 08 2018 Governing Public Procurement.

RUTABANA Theophile
School Manager

ITANGAZO RYO KUMENYESHA

Repubulika y'u Rwanda
Urukiko rw'Ubujurire

URUKIKO RW'UBUJURIRE

ITEGEKO N°...../2026/CA RYA PEREZIDA RIHATIRA UMUBURANYI UDAFITE AHO ABARIZWA HAZWI KUZA KUBURANA URUBANZA RWE.

Umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri n'itandatu **(2026),** umunsi wa **19** w'ukwezi kwa **Cumi**;

Twebwe **RUKUNDAKUVUGA Francois Régis**, Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire, dufashijwe na **UWANTEGE Yvette**, Umwanditsi Mukuru muri urwo Rukiko ;

Tumaze kubona ko urubanza **N° RCAA 00023/2024/CA** rwa MUGWANEZA Catherine na bagenzi be barega MUKAMUSONI Anastasie na bagenzi be ruzakorerwa inama ntegurarubanza ku wa **20/12/2026** saa yine **(10H00);**

Tumaze kubona ko **MUKAMUSONI Anastasie** adafite aho abarizwa hazwi mu Rwanda;

Dushingiye ku ngingo za **26 ibika bya1-3,45,46,** n'iya **49 igika cya 2** z'Itegeko **n° 22/2018** ryo ku wa 29/4/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi ;

Dutegetse ko ihamagara rya **MUKAMUSONI Anastasie** rimanikwa ku Rukiko rw'Ubujurire ahagenewe kumanikwa amatangazo. Rizamanikwa kandi ku byicaro by'Inkiko zisumbuye zose z'u Rwanda mu gihe cy'amezi abiri (2);

Kopi y'iri hamagara azayisanga muri dosiye .

Iri Tegeko ritangajwe mu kinyamakuru : **IMVAHO NSHYA**

Bikorewe mu biro byacu ku munsi, ukwezi n'umwaka byavuzwe haruguru.

Digitally signed by CGA(President of CGA)
Date: 2026.10.19 15:14:25 +02'00'

Date: 2026.10.21 18:52:14 +03'00'

RUKUNDAKUVUGA François Régis — **Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire**

UWANTEGE Yvette — **Umwanditsi Mukuru**

ITANGAZO RYA CYAMUNARA

ITANGAZO RYA CYAMUNARA

MU RWEGO RWO GUSHYIRA MUBIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU CYO KUGIRISHA INGWATE ICYEMEZO NOMERO PMT- 2026-366658 CYO KUWA 02/09/2026 USHINZWE KUGURISHA INGWATE ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MURI CYAMUNARA INZU IRI MU KIBANZA GIFITE UPI: 2/08/02/02/5858, GIFITE UBUSO BUNGANA NA 616 Sqm N'AGACIRO KANGANA NA 35.630.000FRW GIHEREREYE MU MUDUGUDU WA RYAGASHAZA, AKAGARI KA BUNYONGA, UMURENGE WA KARAMA, AKARERE KA KAMONYI MU NTARA YAMAJYEPFO.

CYAMUNARA KU NSHURO YA NYUMA: IPIGANWA MU BURYO BWIKORANABUHANGA RIZATANGIRA KUWA 25/10/2026 I SAA SITA ZAMANWA RIZARANGIRE KUWA 01/11/2026 I SAA SITA ZAMANWA.

ABIFUZA GUPIGANWA BOSE BAGOMBA KWIYANDIKISHA KU RUBUGA WWW.CYAMUNARA.GOV.RW KUKO ARIHO IPIGANWA RIKORERWA BAKABANZA KWISHYURA KANDI 1.781.500FRW YINGWATE YIPIGANWA KURI KONTI YA MINIJUST IRI MURI BK. IYA KONTI BAZAHABWA NA SYSTEM MUGIHE CYIPIGANWA. UZABA YATSINZE IPIGANWA AZISHYURA MUGIHE CYAMASAHA 72 KURI KONTI 100250096687 IRI MURI BK MU MAZINA Y'URUGAGA RW'ABAHESHA B'INKIKO B'UMWUGA IKABA ARI KONTI YAFUNGURIWE KUNYUZWAHO AMAFARANGA AVUYE MU NYANDIKOMPESHA.

TUBONEYEHO KWIBUTSA BANKI , NYIRIGUHABWA INGUZANYO NA BANYIRUMUTUNGO KO BAGOMBA KUDUHA UMWIRONDORO WABO KUGIRA NGO TUBAHUZE N'URUBUGA RWASHYIRIWEHO KURANGIZA INYANDIKO MPESHA MU BURYO BW'IKORANABUHANGA (IECMS) BITYO BAZABASHE GUKURIKIRANA IBUYANYE NIYI CYAMUNARA NDETSE NO KUBA BAHAKANA IGICIRO KININI KIZABA CYATANZWE NTIBAKISHIMIRE KIKABA KITAGEZE KURI 75% BYAGACIRO KU MUTUNGO UGURISHWA KANDI IBYO BIGAKORWA KURI CYAMUNARA YA MBERE NIYA 2 KUKO KURI CYAMUNARA YA NYUMA UWATANZE IGICIRO KININI NIWE WEGUKANA UMUTUNGO UPIGANIRWA.

GUSURA INGWATE BIKORWA KUVA IGIHE IPIGANWA RITANGIRIYE BURI MUNSI MU MINSI YAKAZI KUVA SAA TATU ZA MUGITONDO KUGEZA SAA KUMI ZUMUGOROBA.

KU BINDI BISOBANURO MWAHAMAGARA KURI TELEPHONE IGENDANWA 0788686978.

USHINZWE KUGURISHA INGWATE

ME KARIGIRWA ZAINABU

KARIGIRWA Zainabu

ITANGAZO RY'ISOKO

AVEGA
ASSOCIATION DES VEUVES DU GÉNOCIDE
AGAHOZO

LOCATION KG 201 Street
PO Box 1719 Kigali-Rwanda
EMAIL: avegagahozo@gmail.com
PHONE (+250) 788520522/788520513
WEB www.avega-agahozo.org

ITANGAZO RYO GUTANGA ISOKO 2026-2027

Ikigo Nderabuzima cya AVEGA Ntarama kirahamagarariza ba rwiyemezamirimo babishaka kandi babifitiye ubushobozi gupiganira amasoko akurikira.

N o	IZINA RY'ISOKO	Nomero y'Isoko	Ikiguzi cy'igitabo	Itariki yo Gutanga
1	Isoko ryo gukora inuku n'isakara mu Kigo Nderabuzima cya AVEGA Ntarama	01/AVGNTRM/HC/FO NCT/2026-2027	10.000 frs	26/10/2026
2	Isoko ryo gucunga umutekano mu Kigo Nderabuzima cya AVEGA Ntarama	02/AVGNTRM/HC/ FONCT/2026-2027	10.000 frs	26/10/2026

1.Ibitabo by'ipiganwa birebana na buri soko ryavuzwe haruguru mwabisanga ku Kigo Nderabuzima cya AVEGA Ntarama kiri mu Murenge wa Ntarama, Akarere ka Bugesera , Intara y'Iburasirazuba mu masaha y'akazi kuva kuwa kane tariki ya 22/10/2026 kugera kuwa gatatu tariki ya 11/11/2026 saa kumi n'imwe z'umugoroba.Uhabwa igitabo agomba kwerekana inyemeza bwishyu y'uko yamaze kwishyura amafaranga y'igitabo cy'ipiganwa adasubizwa kuri konti CS AVEGA NTARAMA FONCTION No:100000728645 y'Ikigo Nderabuzima cya AVEGA Ntarama ifunguye muri Banki ya Kigali ishami rya Nyamata.

2. Ibitabo bigomba kuba bifunze neza, bisa neza biri mu bitabo bitatu, harimo kopi imwe y'umwimerere izindi ari fotokopi kandi byanditseho. Izo kopi zigomba kugera mu bunyamabanga bw'Ikigo Nderabuzima cya AVEGA Ntarama bitarenze tariki ya 11/11/2026 saa yine zuzuye**(10h00).**

Icyitonderwa :
Inyandiko za ba rwiyemezamirimo zizaza nyuma y'isaha yavuzwe haruguru ntabwo zizakirwa. Isaha yo gufungura amabahasha ya ba rwiyemezamirimo ku masoko yose ni uwo munsi saa tanu zuzuye**(11h00)** mu cyumba cy'inama. Amabahasha azafungurirwa mu ruhame imbere ya ba rwiyemezamirimo cyangwa ababahagarariye.
Amasoko asaba gusurwa bizakorwa ku itariki yavuzwe haruguru saa yine zuzuye**(10h00).**

Buri bahasha igomba kuba yanditseho ubwoko bw'Isoko ripiganirwa na nomero yaryo. Ku bindi bisobanuro mwahamagara nomero zikurikira **0788581888, 0788222529**; Itangwa ry'aya masoko hazakurikizwa amabwiriza agenga amasoko ya Leta mu Rwanda. Inyandiko zipiganwa zigomba kuba ziri mu ndimi zemewe mu Rwanda.

Bikorewe i NTARAMA, kuwa 20/10/2026

HABIMANA Landoaurd.

Umuyobozi w'Ikigo Nderabuzima

CENTRE DE SANTE BUGESERA AVEGA - NTARAMA

2

ITANGAZO RYA CYAMUNARA

BPIL
BPIL Law Firm
Professional Bailiff Office
E-mail: bpil.med@gmail.com; Phone: +250 788 469 853; KIGALI-RWANDA

ITANGAZO RYA CYAMUNARA Y'UMUTUNGO UTIMUKANIWA PLOT 9650

MU RWEGO RWO GUSHYIRA MU BIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU CYO KUGURISHA INGWATE MURI CYAMUNARA N° : **PMT -2026-976892** CYO KU WA **06/10/2026** KUGIRANGO HISHYURIWE UMWENDA WA **URWEGO FINANCE** ;

HASHINGIWE KU MABWIRIZA Y'UMWANDITSI MUKURU N° 001/2020/ORG YO KU WA 12/06/2025 AGENGA IBIEREKEYE GUKODESHA KUGURA MU CYAMUNARA NDETSE NO KWEGUKANA INGWATE NK'UKO BYAVUGURUWE KUGEZA UBU ;

USHINZWE KUGURISHA INGWATE **Me CLAUDINE BANKUNDIYE** ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO

HAZAGURISHWA MU CYAMUNARA UMUTUNGO UTIMUKANIWA UBARUYE KURI UPI : **UPI:1/02/10/03/9650**

UHEREREYE MU MUDUGUDU WA GIHEKA, AKAGARI KA KAGUGU , UMURENGE WA KINYINYA, AKARERE KA GASABO , UMUJYI WA KIGALI ;

UWO MUTUNGO IKIBANZA GIFITE UBUSO BW'UBUTAKA BUNGANA NA **478 SQM,** AGACIRO FATIZO, KANGANA **14,300.000 FRW**

IPIGANWA MU CYAMUNARA RITEYE KU BURYO BUKURIKIRA :

INCURO/ ROUNDS	ITARIKI CYAMUNARA ITANGIRIRAHO	ITARIKI CYAMUNARA IRANGIRIRAHO	ISAHA
Round 1	03/11/2026	10/11/2026	11H00'
Round 2	12/11/2026	19/11/2026	11H00'
Round 3	21/11/2026	28/11/2026	11H00'

IPIGANWA RIKORWA HIFASHISHUWE UBURYO BW'IKORANABUHANGA , KU RUBUGA WWW.CYAMUNARA.GOV.RW ARI NAHO MUZASANGA IFOTO N'IGENAGACIRO BY'UMUTUNGO.
UPIGANWA MURI CYAMUNARA AGOMBA KUBANZA KWISHYURA INGWATE Y'IPIGANWA INGANA NA 5% Y'AGACIRO K'UMUTUNGO UGURISHWA ANGANA NA **715,000 FRW,** YISHYURWA HIFASHISHUWE UBURYO BW'IKORANABUHANGA URUBUGA WWW.CYAMUNARA.GOV.RW ARI NAHO HAKOMOKA KODE YO KWISHYURIRAHO.
UWATSINDIYE UMUTUNGO MURI CYAMUNARA AMAFARANGA YISHYURIWA KURI KONTI N° **100250096687** IFUNGUYE MURI BANKI YA KIGALI **(BK)** MU MAZINA YA **PBA/IRANGIZWA RY'INYANDIKOMPESHA**
GUSURA UWO MUTUNGO BIKORWA BURI MUNSI MU MASAHA Y'AKAZI.
KUBINDI BISOBANURO MWABARIZA KURI NIMERO YA TELEPHONE:**0788469853**
BIKOREWE I KIGALI KUWA 22/10/2026

Me CLAUDINE BANKUNDIYE
USHINZWE KUGURISHA INGWATE

RECEIVER

TIN: 119771884 Kigali – Rwanda Nyamirambo

Imvaho Nshya Imyidagaduro

AI yifashishwa mu gutunganya muzika mu mboni z'abawukora n'abakunzi bawo

MUTETERAZINA Shifah

Mu Rwanda n'ahandi ku Isi ikoreshwa ry'ubwenge buhangano (AI) mu gutunganya umuziki rikomeje kuzana impinduka mu ruganda rw'imyidagaduro, bituma bamwe bibaza ku hazaza h'abahanzi n'uburyo umuziki ukorwa.

Mu gihe hari ababona ko ubu buryo bworoshya imirimo yo gukora indirimbo no kongera udushya, abandi bibaza niba butazagira ingaruka ku mwimerere w'umuziki n'ubuhanga bw'abawukora.

Muri iyi nkuru Imvaho Nshya irabagezeho ibikubiye mu kiganiro yagiranye n'abakunzi b'umuziki nyarwanda bakayisobanurira uko bafata ikoreshwa rya AI mu gutunganya umuziki.

Niyireba Jeanette ukora akazi ko kuvanga umuziki, uzwi nka DJ Joxy, avuga ko nubwo Isi igeze mu gihe cy'ikoreshwa ry'ikoranabuhanga ariko indirimbo zikorwa hifashishijwe AI zitamuryohera nk'izikoze mu buryo busanzwe.

Yagize ati: "Turi mu Isi y'ikoranabuhanga ibintu byose uko bije urabyumva, ndetse rimwe na rimwe ugasanga indirimbo ikozwe hifashishijwe AI ari yo ikunzwe kurusha iy'umwimerere, ariko nk'umuhanzi w'imiziki uba uzi igihangano cy'umwimerere cyiza."

Avuga ko kuzicuranga ari amaburakindi. Ati: "Indirimbo itunganyijwe na AI ntabwo iba ifite uburemere, umwimerere n'uburyohe bw'indirimbo zikozwe mu buryo busanzwe. Nazicuranga ariko njye ku giti cyanjye iyo nyumvise numva isamira, itayunguruye neza, ngahitamo kumva izikozwe mu buryo busanzwe."

Dj Joxy yongeyeho ko bidakwiye ko umuhanzi yakwirundurira mu gukoresha ubwenge buhangano gusa icyakora yanabihitamo ntabitunguze abakunzi be ahubwo akabibateguza.

Ati: "Gukoresha AI ku muhanzi njye mbifata nko kwiyicira izina kuko abantu batangira kubona ko ushobora kuba utangiye kugira ubute, kutiyizera kandi abakunzi bawe baba baragukunze nk'umuhanzi ufite umwimerere we."



Sango ntiyemeranya n'abavuga ko AI izica umuziki w'ahazaza



Dj Joxy avuga ko gukoresha AI byangiza izina ry'umuhanzi

Umuhoza Solange, ni umukunzi w'umuziki, avuga ko adaha agaciro ibihangano bikozwe mu buryo bwa AI, kuko biba byataye umwimerere wabyo.

Ati: "Ku ruhande rwanjye nta kubeshye ibihangano bikozwe na AI ntabwo mbiha agaciro ku rwego ruri hejuru kuko usanga amajwi adasohoka neza ugereranyije n'ibyo umuhanzi yakurikiranye bakabitunganya neza.

Yongeyeho ati: "Ikindi havamo amakosa yo kwiba ibihangano (copy paste) aho usanga umuntu afashe indirimbo runaka akayikora mu buryo bwa AI akanabona abamukurira, bamureba (Views). Ni amakosa akorerwa abahanzi bagikora indirimbo mu buryo b'umuziki ko umuhanzi ahangayikishijwe gusa no gukorera amafaranga kuruta guha agaciro icyanyura abakunzi b'umuziki.

Ati: "Umuhanzi ukoresha AI, hari ubwo bigaragara nabi ku bakunzi b'ibihangano bye kuko tubona ko ashyize imbere amafaranga cyane kurusha kuduha wa mwimerere we tumuziho twamukundiye. Ashobora gukora indirimbo eshatu ku munsi akoresheje AI, uko akora indirimbo nyinshi akinjiza amafaranga ni nako atakaza wa mwimerere tumuziho twamukundiye."

Nubwo bamwe mu bakunzi b'umuziki bavuga ko umwimerere w'indirimbo utakara iyo itunganyijwe hifashishijwe AI, Hamissi Sango ukora inkuru z'imyidagaduro si ko abyumva.

Ati: "AI inoza bya bicurangisho busanzwe kandi bwihariye."

Uyu mukobwa ukunda cyane umuziki, avuga ko gutunganya ibihangano hifashishijwe AI, bishobora kugaragariza abakunzi utunganya indirimbo (Producer) ashobora kutumva neza, akaba yakwibeshya ntabizamure kandi wenda byagombaga kuzamuka, cyangwa ubundi byose akabizamurira rimwe, ariko ubu AI irabiringaniza nta gushidikanya ko iyo ndirimbo ari yo iryoshye kurusha ikoze mu buryo busanzwe."

Uyu munyamakuru ashimangira ko nta muntu ukwiye gushidikanya ku hazaza h'umuziki, kuko AI n'ubundi ikoreshwa n'abantu.

Jean Blaise Kayayi uzwi cyane nka Jimy Pro, ni umwe mu bahanga mu gutunganya no gufata amajwi, yatangaje ko gukoresha AI mu muziki bidakwiye kwitwa ubunebwe. Ati: "Gukoresha AI mu gutunganya umuziki si ubunebwe, kuko yunganira abantu basanzwe bafite ubumenyi muri uwo mwuga, ikabafasha kubona ibitekerezo bishya koroshya akazi no kukihutisha. Icyakora, kugira ngo uyibyaze umusaruro mwiza, bisaba kuba usanzwe ufite ubumenyi mu gutunganya umuziki (Music production), kuko ibyo iguha bishingira ku mabwiriza uyihaye."

Ku rundi ruhande ariko ngo bishobora no kuba ubunebwe. Ati: "Gukoresha AI byakwitwa ubunebwe igihe umuntu utari umuhanzi, umwanditsi cyangwa utunganya umuziki ayihaye igitekerezo gusa, ikamukorera indirimbo yose kuva ku magambo kugeza ku muziki, hanyuma akayiyitirira. Ntekereza ko no mu isaranganywa ry'uburenganzira ku mutungo bwite mu by'ubwenge, umuntu wakoze ibyo byose yifashishije AI 100% ashobora gusanga umugabane we ari muto cyane."

Ikoreshwa ry'ubwenge buhangano mu muziki rikomeje guhindura uburyo indirimbo zikorwa, urugero ni nka zimwe mu ndirimbo zirimo 'Let Me Be' na 'Don't Leave' za The Second Voice, ndetse na 'Papaoutai' yahinduwe mu buryo bwa 'AI Afro-Soul'.

Izi n'izindi zitagarutsweho muri iyi nkuru zigaragaza uko ikoranabuhanga rikoreshwa mu gukora no gutunganya umuziki, nubwo hakomeje kwibazwa ku ngaruka rifite ku mwimerere n'ubuhanga bw'abahanzi.

Sobanukirwa byinshi kuri ‘Formula 1’ (F1) n’ikibuga cyayo kizubakwa mu Bugesera

MICOMYIZA BARINDA Fidele

Umuhanda wa kilometero 6, amakorosi 17 n’impinduka z’ubutumburuke bwa metero 197, ni bimwe mu biteganywa kuzaba bigize ikibuga cya Bugesera cyitezweho kwakira ‘Formula 1’ yitiriwe “African Grand Prix” izakinirwa mu Rwanda mu ntangiriro z’umwaka wa 2030. Uretse amasiganwa y’imodoka, kizategurwa ku buryo kizajya cyakira n’ibindi bikorwa by’imikino, ubucuruzi n’imyidagaduro. Imvaho Nshya igiye kukugezaho byinshi kuri icyo kibuga giteganyirizwa kwakira abarenga ibihumbi 100.



Umuhanda wa kilometero 6, amakorosi 17 n’impinduka z’ubutumburuke bwa metero 197 ni bimwe mu biteganywa kuzaba bigize ikibuga cya Formula One mu Bugesera

Mu Karere ka Bugesera, ahazubakwa ikibuga kizajya cyakira isiganwa rya ‘Formula 1’ mu Rwanda, hateganyijwe kubakwa umuhanda wihariye uzagenderwaho n’imodoka nto zo muri iryo rushanwa rizwiho umuvuduko mwinshi, ubuhanga bw’abashoferi n’ikoranabuhanga rikoreshwa mu gutegura imodoka.

Igishushanyombonera cy’agateganyo cyashyizwe hanze na ‘Alex Wurz’ hamwe na ‘Tilke Engineers’ kigaragaza ko uyu muhanda uzaba ufite uburebure bwa kilometero 6, amakorosi 17 n’impinduka z’ubutumburuke bwa metero 197 ku nshuro imwe imodoka zizengurutse.

Uzanyura mu gace karimo imisozi ibiri n’Ikiyaga cya Kidogo, bikaba byitezwe ko bizagira uruhare mu gutuma ugira imiterere itandukanye n’iy’imihanda myinshi ikoreshwa muri ‘Formula 1’.

Ku wa 13 Ukwakira 2026, ‘Formula 1’ yatangaje ko yagiranye n’u Rwanda amasezerano y’imyaka 10 yo kwakira ‘Formula 1 African Grand Prix’, isiganwa riteganyijwe gutangira mu ntangiriro za 2030, nyuma yo kubaka no gutegura ikibuga rizakinirwaho.

‘Formula 1’ izongera kubera ku Mugabane wa Afurika nyuma y’iyabaye ku wa 14 Werurwe 1993, ku kibuga cya Kyalami muri Afurika y’Epfo aho ryegukanywe n’Umufaransa Alain Prost, wari utwaye imodoka ya Williams-Renault, akurikirwa n’Umunya-Brazil Ayrton Senna utwarira McLaren.

Kuva icyo gihe, ‘Formula 1’ imaze imyaka irenga 33 idakinirwa muri Afurika, ariko u Rwanda rufite gahunda yo kongera kuyigarura ku mugabane mu ntangiriro ya 2030.

Aho ikibuga kizubakwa n’impamvu Bugesera ari yo yatoranyijwe

Ikibuga giteganyijwe kubakwa mu Karere ka Bugesera, mu Ntara y’Iburasirazuba, mu bilometero 40 mu majyepfo y’Umujyi wa Kigali, hafi y’Ikibuga Mpuzamahanga cy’Indege cya Kigali gishya kiri kubakwa muri ako Karere.

Kuba hafi y’ikibuga cy’indege ni kimwe mu bintu bizorohereza ingendo z’abashoferi, abakozi b’amakipe, abafana n’abandi bashyitsi mpuzamahanga bazitabira iri rushanwa.

Uyu mushinga uri gutegurwa ku bufatanye bwa ‘WurzDesign’ iyobowe na ‘Alex Wurz’ hamwe na ‘Tilke Engineers and Architects’, ikigo cyo mu Budage gifite ubunararibonye mu gushushanya imihanda y’amasiganwa, cyagize uruhare mu biganiro bigamije kuzana iri siganwa mu Rwanda mu gihe cy’imyaka itari mike.

Alex Wurz wahoze ari umushoferi wa Formula 1 akaba ari mu bashushanya uwo muhanda, yavuze ko kimwe mu byemezo bya mbere byagombaga gufatwa ari ukugaragaza ubwoko bw’ikibuga kizubakwa n’ahantu cyashyirwa.

Yagize ati: “Kimwe mu byemezo bya mbere twagombaga gufata ni ubwoko bw’ikibuga cy’amasiganwa twashakaga n’ahantu cyagombaga kubakwa. Habaye ibiganiro ku gitekerezo cyo gukoresha imihanda isanzwe, kwimurira umushinga ahandi, ndetse no gukoresha ahahoze ikibuga cy’indege. Hagaragajwe n’ahandi hantu hatandukanye hashoboraga kubakwa iki kibuga.

Tumaze kumenya uko Bugesera iri gutera imbere, twagiye kureba aho hantu, tubona imisozi n’ikiyaga. Nahise mbabwira nti: ‘Bavandimwe, iki kibuga kigomba kubakwa aha hantu honyine, kuko nta mpamvu yo kugira ngo abe ari twe tugishushanya, kandi kamere yo yari yarateguye imiterere y’ahantu heza ho kucyubaka!’”

Kilometero 6 n’amakorosi 17 bizakoreshwa bite?

Mu gusiganwa muri ‘Formula 1’, uburebure bw’umuhanda si bwo bwonyine bugena uko isiganwa riba rikomeye. Imiterere y’amakorosi, aho imodoka zishobora kwihutira, aho zigabanyiriza umuvuduko n’uko ibice by’umuhanda bikurikirana na byo bigira uruhare mu mikorere y’abashoferi.

Wurz amaze imyaka itari mike agira uruhare mu mushinga wo kubaka ikibuga cya Formula 1 mu Rwanda, asobanura ko kimwe mu byemezo bya mbere byagombaga gufatwa ari ukugaragaza ubwoko bw’ikibuga cyubakwa n’ahantu cyashyirwa.

Yagize ati: “Ni imisozi ibiri ifite ikiyaga kiri hepfo yayo. Ibyo bivuze ko imodoka zizajya zizamuka zikamanuka muri ubwo busitani nyaburanga bwiza, kandi twifuza ko abazasura iki kibuga bazajya babona ishusho nyayo y’ubwiza bw’imiterere y’ahantu nyaburanga haranga u Rwanda.”

Ikibuga giteganyijwe kubakwa i Bugesera kizaba gifite uburebure bwa kilometero esheshatu, imodoka zikazajya zizenguruka mu cyerekezo kinyuranye n’isaha, kikagira amakorosi 17. Giteguanyirijwe kuzakira amarushanwa atandukanye y’imikino y’imodoka.

Tilke na we yagize ati: “Buri gihe twifuzaga ko iki kibuga cyaba gishimishije ku batwara imodoka, kikaba gifite amananiza, ariko nanone kigatuma habaho amasiganwa ashimishije. Ni yo mpamvu twagombaga gushyiraho ahantu imodoka zishobora kurushanwa zigerageza kurenga izindi, ndetse tukareba ko abashoferi bashobora gukoresha imibare myinshi mu isiganwa. Ibyo bituma haba irushanwa ryo gushaka imyanya myiza yo gutangiriraho, ndetse n’isiganwa rishimishije.”

Yakomeje avuga ko ikindi cy’ingenzi cyashyizwe imbere ari abafana bazajya bakurikirana amasiganwa. Yagize ati: “Twifuzaga ko abafana begera umuhanda w’isiganwa, bakumva ibirimo kuba kandi bakagira uruhare mu byishimo byaryo. Ni ikibuga gifite imiterere imeze nk’umuntu uzamuka akamanuka ku musozi ugoranye.”

Umuhanda uzaba urimo igice kigororotse gifite uburebure bungana na kilometero imwe, kigakurikirwa n’ahateganyirijwe ikorosi risaba gukata bikomeye.

Iyo imodoka imaze kugenda ku muvuduko mwinshi mu gice kigororotse, umushoferi agomba kugabanya umuvuduko akoresheje feri mbere yo kwinjira mu ikorosi.

Iyo miterere ishobora gutanga amahirwe yo kunyuranaho, bitewe n’uko imodoka ziba zegeranye n’uburyo abashoferi bategura uko bazinjira muri iryo korosi.

Abashushanya umuhanda bavuga ko intego ari ugukora ikibuga gisaba ubuhanga mu gutwara imodoka, ariko nanone gitanga amahirwe yo kubona amasiganwa arimo guhangana hagati y’abashoferi.

Ikindi gishobora gutuma uyu muhanda uba umwihariko ni uko uzajya uzengurukwa mu cyerekezo kinyuranye n’icy’urushinge rw’isaha, kizwi nka anti-clockwise.

Impinduka z’ubutumburuke bwa metero 197 zizagira akahe kamaro mu kuryoshya umukino?

Kimwe mu biranga igishushanyombonera cy’ikibuga cya Bugesera ni impinduka z’ubu

KOMEZA KU RUP.39

Sobanukirwa byinshi kuri ‘Formula 1’ (F1) n’ikibuga cyayo kizubakwa mu Bugesera



Igushanyo mbonera cy’ikibuga cya Bugesera kizajya gikinirwaho amarushanwa y’imodoka ya Formula One

IBIKURIKIRA URUP.38

tumburuke bwa metero 197 ziteganyijwe mu gihe imodoka izaba izenguruka umuhanda wose.

Ihinduka ry’ubuhagarike bw’umuhanda rigira izihe ngaruka ku mikorere y’imodoka za F1?

Uruganda rwa Mercedes Benz rusanzwe rukora imodoka harimo n’izikoreshwa muri iri rushanwa, rwatangaje ku rubuga rwarwo ko muri rusange ihinduka ry’ubutumburuke bw’umuhanda ritagira ingaruka zikomeye ku mikorere y’imodoka za Formula 1 nk’uko bamwe bashobora kubitekereza. Icyakora rituma imodoka zihura n’imbaraga ziyongeraho gato, ariko ziba zarakozwe ku buryo zishobora guhangana no gukubita inkengero z’umuhanda zikomeye no kwihanganira imbaraga nyinshi.

Ibi bivuze ko imodoka zitazajya zigendera ahantu harambuye cyangwa hafite ubutumburuke bungana, abashoferi bazajya banyura mu bice bizamuka n’ibimanuka, bivanzemo amakorosi amwe azaba afite imiterere isaba kwitonda mu kugenzura imodoka.

Mu masiganwa y’imodoka, impinduka z’ubutumburuke zishobora kugira ingaruka ku buryo amapine afata umuhanda, uko umushoferi afata feri n’uko imodoka yitwara mu gihe ihindura icyerekezo. Ibyo bituma kumenya igihe cyo gufata umuvuduko n’igihe cyo gufata feri biba ingenzi cyane.

Impamvu ikibuga cya ‘Formula 1’ gisaba ibirenze umuhanda

‘Formula 1’ ni shampiyona mpuzamahanga y’imodoka nto zo gusiganwa zabugenewe, zishobora kugera ku muvuduko urenga kilometero 300 ku isaha bitewe n’imiterere y’umuhanda n’imodoka.

Kubaka ikibuga cyakira iri rushanwa bisaba gutekereza ku mutekano w’abashoferi, abakozi b’amakipe, abakozi bashinzwe isiganwa n’abafana.

Ikibuga cya Bugesera giteganyijwe kubakwa ku buryo bwujuje ibisabwa mu cyiciro cya ‘FIA Grade 1’, ari cyo cyiciro cy’impushya z’imihanda ikoreshwa mu kwakira ‘Formula 1’.

Ibi ntibireba gusa ubwiza bw’umuhanda cyangwa ubushobozi bwo gutwara imodoka zihuta. Bireba n’imiterere y’amakorosi, ahagenewe kugabanyirizwa umuvuduko, ahantu imodoka ishobora kunyura igihe ivuye mu muhanda w’isiganwa, inzitizi z’umutekano n’uburyo bwo gutabara igihe habaye impanuka.

Hakenerwa kandi ibikorwa remezo byunganira isiganwa, birimo aho imodoka zikeneye gukorwa zihagarara, aho amakipe ahindurirwa, ibikoresho byo gutabara n’uburyo bwo guhuza ibikorwa by’abategura isiganwa.

Ikibuga gishya kigomba gusuzumwa n’Urugaga Mpuzamahanga rw’Imodoka (FIA) mu rwego rwo kugenzura niba cyujuje ibisabwa kugira ngo cyemererwe kwakira amarushanwa ateganyijwe. Bityo, icyemezo cyo kubaka umuhanda ugenewe ‘Formula 1’ ntigihita gisimbura igenzura n’iyemezwa rya nyuma ry’ibikorwa remezo.

‘Pit Lane’ - Aho imodoka zihagarara mu gihe cy’isiganwa

Mu gihe cy’isiganwa rya ‘Formula 1’, imodoka ntizikomeza kugenda gusa kugeza isiganwa rirangiye. Hari igihe umushoferi yinjira mu gice cyihariye cyitwa ‘Pit Lane’, aho imodoka ihagarara kugira ngo abakozi b’ikipe bagire icyo bayikoraho cyane cyane guhindura amapine.

Iki gikorwa kizwi nka ‘Pit Stop’, gishobora kumara amasegonda make, ariko kigira uruhare rukomeye mu buryo ikipe yitwara mu isiganwa, bitewe n’igihe ihisemo guhagarara n’igihe imara ikora ku modoka.

Abakozi b’ikipe baba bateguye ibikoresho n’inshingano za buri wese mbere y’uko imodoka ihagarara.

Abafana bazajya barebera he?

Imiterere y’ubutaka bwa Bugesera ishobora no kugira uruhare mu buryo abafana bazajya bareberamo amasiganwa.

Abashushanya ikibuga bagaragaje ko imisozi iri muri ako gace ishobora gutanga ahantu hameze nk’ibibuga karemano, aho abafana bashobora kureba imodoka zinyura mu bice bitandukanye by’umuhanda bari ahirengeye.

Ese iki kibuga kizajya gikoreshwa na ‘Formula 1’ gusa?

Umushinga wa Bugesera uteganyijwe kuba urenze ikibuga kizajya gikoreshwa mu minsi mike y’isiganwa rya ‘Formula 1’. Umuyobozi Mukuru w’Urwego rw’Igihugu rw’Iterambere (RDB), Jean-Guy Afrika, yavuze ko ikibuga giteganyijwe kizaba gifite ubushobozi bwo kwakira abantu bagera ku 100 000.

Yagize ati: “Ni ishoramari, si amafaranga akoreshwa mu gutegura igikorwa kimwe gusa. Ni ishoramari rirambye, kandi turateganya ko rizabyara inyungu mu bukungu binyuze mu nzira zitandukanye.”

Hashobora gukorerwa andi marushanwa y’imodoka, ibitaramo, imurikagurisha, inama n’ibindi bikorwa bikurura abantu kandi bikinjiza amafaranga.

Hateganyijwe kandi umuhanda wihariye w’imodoka nto zo gusiganwa zizwi nka ‘karting’, zishobora gufasha abakiri bato kumenya iby’ibanze byo gutwara imodoka zo mu masiganwa.

Ni iki abaturage n’abashoramari bazungukira kuri iki gikorwa remezo?

Kuba u Rwanda rwaragiranye na Formula 1 amasezerano y’imyaka 10 ni intambwe ikomeye mu mugambi wo kugarura iri rushanwa muri Afurika. Abaturage n’abashoramari bakwiriye kuzakurikirana ibizakorwa mu bijyanye n’igihe imirimo izatangirira, ingengo y’imari n’uburyo izakoreshwa, amahirwe y’akazi, uruhare rw’ibigo byo mu Rwanda, kugira ngo bazungukire kuri uyu mushinga.

Ni ngombwa kandi ko hamenyekana uburyo ibikorwa by’ubwikorezi, amahoteli, serivisi z’ubuzima n’izindi serivisi bizategurwa kugira ngo byuzuze ibisabwa n’umubare w’abantu bazajya bitabira iri rushanwa.

Ku bijyanye n’ubukungu, ‘Formula 1’ yitezweho gukurura ba mukerarugendo, abashoramari n’ibikorwa by’ubucuruzi.

Isiganwa rya mbere rizaba ryari?

‘Formula 1’ yatangaje ko isiganwa rya ‘African Grand Prix’ mu Rwanda riteganyijwe gutangira mu ntangiriro za 2030, ariko itariki nyayo itaratangazwa.

Rizabera ku kibuga gishya kizubakwa mu Bugesera, kikazaba kigomba kurangira no kwemererwa kwakira ‘Formula 1’ mbere y’uko isiganwa rya mbere riba.

Uretse kuba ari umuhanda uzajya usiganirwaho, uyu mushinga uteganya ko iki gikorwa remezo kizajya gikoreshwa mu bikorwa bitandukanye by’imikino, ubucuruzi n’imyidagaduro.

Icyakora, uko kizaba giteye mu buryo bwa nyuma, igihe imirimo izatangirira n’igihe izarangirira, ndetse n’itariki y’isiganwa rya mbere, ni bimwe mu bizasobanuka nyuma y’irangira ry’imirimo yo kubaka iki kibuga.

‘Formula 1’ (F1) ni shampiyona ikomeye ku Isi y’isiganwa ry’imodoka zifite umushoferi umwe, yatangijwe ku mugaragaro mu 1950 n’Ishyirahamwe Mpuzamahanga ry’Imodoka (FIA).

Isiganwa rya mbere rya shampiyona ryabaye ku wa 13 Gicurasi 1950, kuri Silverstone mu Bwongereza, Umutaliyani Giuseppe Farina aba uwa mbere wegukanye igikombe cya shampiyona, atwaye imodoka ya Alfa Romeo.

Igihugu cyakira iri siganwa gishobora kwinjiza amafaranga mu matike, ubukerarugendo, amahoteli, resitora ndetse no mu bufatanye n’abaterankunga.

Imvaho Nshya
Siporo

No. 5176 UKWAKIRA 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

APR FC na Rayon Sports zasezerewe mu Marushanwa Nyafurika



APR FC yari ihagarariye u Rwanda mu Marushanwa Nyafurika ya CAF Champions League yasezerewe

SHEMA Ivan

APR FC yari ihagarariye u Rwanda mu Marushanwa Nyafurika ya CAF Champions League na Rayon Sports muri CAF Confederation Cup yasezerewe mu ijonjora rya kabiri, ananirwa kugera mu mikino y'amatsinda bifuzaga.

Ku wa 24 Ukwakira 2026 ni bwo amakipe yombi yakinnye imikino yo kwishyura, yombi yabereye hanze y'u Rwanda.

APR FC yari yatsindiwe mu rugo igitego 1-0, yari i Cairo mu Misiri aho yari yakiriwe na Zamalek SC mu mukino wo kwishyura wa CAF Champions League wabereye kuri Cairo International Stadium.

Igitego cyo ku munota wa mbere, cyinjijwe na Ahmed Sherif, cyari gihagije ngo APR FC isezererwe dore ko ari ko iminota 90 yarangiye, igiteranyo kiba ibitego 2-0 mu mikino ibiri.

Ku rundi ruhande i Maputo Rayon Sports yasabwaga ibitangaza byo gutsinda Black Bulls yabatsindiye i Kigali ibitego 2-0.

iyi kipe yambara ubururu n'umweru yatangiranye icyizere mu gice cya mbere, ndetse ku munota wa 19 yafunguye amazamu ku igitego cyinjijwe na Iradukunda Elie Tatou.

Black Bulls yari imbere y'abafana bayo, yishyuye ku munota wa 49 ku gitego cyatsinzwe na Crimildo Anuário Massuanganhe nyuma yo guhererekanya neza kwa bagenzi be.

Muderi Akbar yongeye kuzamura icyizere cy'abakunzi ba Rayon Sports atsinda igitego cya kabiri ku munota wa 85, ariko ikosa ryakozwe n'umunyezamu Dande Junior wakuyeho umupira nabi ku munota wa 87, rivamo igitego cyo kwishyura cyatsinzwe na Alírio Cuna.

Umukino warangiye amakipe yombi anganya ibitego 2-2, Rayon Sports isezererwa ku giteranyo cy'ibitego 4-2 mu ijonjora rya kabiri rya CAF Confederation Cup.

Basketball: REG WBBC yahigitse APR WBBC yegukana igikombe cya Zone 5

SHEMA Ivan

Ikipe ya REG WBBC yatsinze APR WBBC amanota 84-77, yegukana Igikombe cy'Irushanwa ry'Akarere ka Gatanu (Zone 5) muri Basketball.

Uyu mukino w'ishiraniro hagati y'impande zombi wabereye muri The Filbert Bayi Olympafrica Centre i Kibaha muri Tanzania, ku wa Gatandatu tariki ya 24 Ukwakira 2026.

Aya makipe yombi yo mu Rwanda yagiye gukina uyu mukino yaramaze kwizera kuzahagararira Akarere ka Gatanu mu Irushanwa Nyafurika rizabera mu Misiri, gusa hari hakiri ikindi kintu gikomeye cyo guhatanira ari cyo gikombe.

REG WBBC ni yo yatangiye neza umukino ishyiramo ikinyuranyo cy'amanota amanota 10 (16-6) nyuma y'iminota ibiri n'amasegonda 22 gusa, ariko Ikipe y'Ingabo z'Igihugu yisubiraho kuko agace ka mbere karangiye hasigayemo amanota abiri gusa (22-20).

Mu gace ka kabiri' iyi Kipe y'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ingufu (REG) yongeye kuzamura ikinyuranyo cy'amanota ibifashijwemo na Destiney Promise Philoxy, Kristina King na bagenzi babo kiba amanota 16 (45-29) mbere y'uko amakipe yombi ajya kuruhuka.

Nyuma y'umunota umwe n'amasegonda umunani mu gace ka gatatu, Kayana Traylor yatsindiye REG amanota atatu yatumye ikinyuranyo kiba amanota 20 (51-31), gusa abarimo Jessica Jackson, Yacine Diop na Eleuteria Lhavanguane bagabanyamo ikinyuranyo kabiri (65-55) mbere y'uko umukino ujya mu minota 10 ya nyuma.

Mu gace ka nyuma, ikipe y'Ingabo z'Igihugu yongereye imbaraga itangira kugabanya ikinyuranyo binyuze muri

Jessica Jackson bituma hasigaramo amanota atanu (69-64).

Mu minota itatu ya nyuma , REG yongeye kuzamura ikinyuranyo binyuze kuri Kristina King mbere y'uko Yacine Diop atsinda amanota abiri yatumye hasigaramo ane (77-73) mu minota itatu ya nyuma.

Umukino warangiye REG WBBC itsinze APR WBBC amanota 84-77, begukana Igikombe cya Zone 5 bari bambuwe n'iyi kipe mu 2025.

Jessica Jackson wa APR ni we mukinnyi watsinze amanota menshi muri uyu mukino (31) mu gihe Kayana Talyor yatsinze 25 ku ruhande rwa REG WBBC.

Imikino ya WBLA 2026 aya makipe yombi azitabira, izabera mu Mujyi wa Alexandria mu Misiri tariki 12-20 Ukuboza.

Mu 2025, APR WBBC yegukanye umwanya wa gatatu itsinze SC Ville de Dakar yo muri Sénégal amanota 90–84.



REG WBBC yegukanye igikombe cya Zone 5 ihigitse APR WBBC